

IGIT ABO CYA MOSE CYA KABIRI CYITW A KUVA

Abisirayeli bagwirira muri Egiputa
1 Aya ni yo mazina y'abana ba Isirayeli bagiye muri Egiputa bajyaneye na Yakobo, umuntu wese ajyana abo mu rugo rwe; 2 Rubeni na Simeyoni na Lewi na Yuda, 3 na Isakari na Zebuluni na Benyamini, 4 na Dani na Nafutali na Gadi na Asheri. 5 Abantu bose bakomotse mu rukiryi rwa Yakobo bari mirongo irindwi, Yosefu yari asanzwe ari muri Egiputa. 6 Yosefu apfana na bene se bose, n'ab'i-icyo gihe bose. 7 Abisirayeli barororoka, barabyara cyane baragwira, barakomera cyane, buzura icyo gihugu.

Umwami wa Egiputa atinya
Abisirayeli, abagira imbata

8 Muri Egiputa hima undi mwami utigeze kumenya Yosefu. • Abwira abantu be ati "Dore Abisirayeli bahindutse ubwo-ko buturtua. ubwinshi, buturusha n'amaboko. 10 Nimuze tubashakire ubwenge be kugwira, bikazatuma bafatanya n'ababisha bacu, habaho intambara, bakaturwanya, bakava mu gihugu cyacu." 11 Ni cyo cyatumye babaha abo kubatwara ku buretwa, ngo bababarishishe imirimbo iruhije. Bubakira Farawo imidugudu yo guhunikamo, Pitomu na Riimesesi. 12 Ariko uko bartushagaho kubababaza, na bo ni ko bartishagaho kugwira no gukwira. Abanyegiputa.. banga Abisirayeli urunuka. 13 Abanyegiputa bakoresha Abisirayeli agahato, 14 bababarisha ubugingo bwabo uburetwa bw'agahato, uburetwa bw'urwendo n'amatafari n'ubundi bwose bwo mu gasozi, uburetwa bwose babahatishaga.

Ababyaza bategekwa guhotora
abahungu bavuka

15 Hariho ababyaza b'Abaheburayokazi umwe yiwa Shifura, undi yiwa Puwa. Umwami wa Egiputa arababwira ali 16' Nimubyaza. Abaheburayokazi mukabona bicaye ku ntebe babyaritaho, nihavuka umuhungu mujye mumuhotora, ariko naba umukobwa abeho." 17 Maze abo babyaza

bubaha Imana, ntibakora ibyo bategetswe n'umwamii' wa Egiputa, ahubwo bareka abahungu babaho. 18 Umwamii wa Egiputa ahamagaza abo babyaza, arababaza ati "Ni iki cyatumye mitkora mutyo, mukareka abahungu bakabaho?"

19 Ababyaza basubiza Farawo balj "Ni uko Abaheburayokazi batantiera nk' Abanyegiputakazi, kuko ari abanya-mbaraga, bakabyara umubyaza atarabageraho." 20 Imana igirira neza abo babyaza, ubwo bwoko buragwira, burakomera cyane. 21 Kandi kuko abo babyaza bubashye Imana, ibaha urubayo, baba imiryango. 22 Farawo ategeka abantu be bose ati "Umuhungu uzajya avuka wese mujye mumujugunya mu ruzi, umukobwa uzavuka wese mujye mumureka abeho."

Mose aravuka, umukobwa wa Farawo aramurera

2 Umugabo wo mu muryango wa Lewi aragenda, arongora.. umukobwa wa Lewi. 2 Uwo mugore asama inda abyara umuhungu, maze abonye ko ari **umwana mwiza, amuhisha amezi atam.** 3 Ananiwe guhora amuhisha, amubohera akato gapfundikiye mu ntamyi, agasiga ibumba n'ubushishi, ashyiramo uwo mwana, agashyira.. mu rufunzo rwo ku nkcombe y'uruzi. 4 Mushiki we aramwitarura, ngo amenye ikiri bumubeho.

5 Umukobwa wa Farawo amanurwa no kwiyuhagira mu ruzi, abaja be bagendagenda ku nkcombe y'uruzi; abona ka kato mu rufunzo atuma umuja we kukazana. 6 Agapfunduye abonomo uwo mwana, **umwana ararira. Aramubabarira** ati "Uyu ni umwana w'Abaheburayo."

7 Mushiki we abaza umukobwa wa Farawo ati "Sinajya se kukuzanira umurerwa wo mu Baheburayokazi ngo amukurerere?"'

8 Umukobwa wa Farawo aramusubiza ati "Nuko genda umunzanire." Umukobwa aragenda, ahamagara nyina w'uwo mwana. 9 Umukobwa wa Farawo aramubwira ati "Jyana uyu mwana umunderere,

nzaguhemba." Uwo mugore ajyana uwo mwana, aramurera. 10Umwana arakura, amushyira umukobwa wa Farawo, ahinduka urnwana we. Amwita Mose ati HNi uko namukuye mu mazi."

Mose yica Umunyegiputa,
arahunga ajya i Midiyani

11 Icyo gihe, Mose amaze gükura asanga bene wabo abona uburétwabari-mo, bukeye abona Umunyegiputa akubita Umuheburayo muri bene wabo. 12Akebaguza impande zose abona nta wuhari, yica uwo Munyegiputa amuhisha mu musenyi. 13Bukeye bwaho arasohoka, abona abagabo babiri b'Abaheburayo barwana. abwira ugirire undi nabi ati "Ni iki gitumye ukubita mugenzi wawe?"

14 Aramusubiza ati "Ni nde waguha-ye ubutware n'ubucamanza : kuri twe? Urashaka kunyaica nk'uko wishe wa Mu-nyegiputa?" Mose aratinya aribwira ati "Ni ukuri byaramenyekanye." 15Farawo abyumyise ashaka kwica Mose. Maze Mose aramuhunga ajya gutura mu gihugu cy'i Midiyani, agezeyo yicara iruhande rw'iriba. 16Umutambyi w'i Midiyani yari afite abakobwa bargindwi, baraza badahiri-ri intama za se buzuza ibibumbiro. 17Abashumba bargaza barabirukana, Mose arahaguruka arabatabara, yuhira umukumbi wabo. 18Bagiye kwa se Reweli arababaza ati "Noneho ko mutebutse?"

19 Baramusubiza bat. "Ni uko umugabo w'Umunyegiputa yadukijije abashumba, kandi akatudahirira, akatwuhiri-ra umukumbi."

20 Abaza abakobwa be ati "Ari he? Ni iki gitumye musiga uwo mugabo? Nimumuhamagare, tumufungurire."

21 Mose yemera kubana n'uwo mugabo, ashyingira Mose umukobwa we Zipora. 22Abyara umuhungu, se amwita Gerushomu' ati "Nari umusuhuke mu gihugu kitari icyacu."

Abisirayeli batakira Imana, irabumva

23 Hashize iminsi myinshi, umwami wa Egiputa aratanga. Abisirayeli banihi-shwa n'uburetwa babakoresha barataka, gutaka batakishwa n'uburetwa kurázamuka kugera ku Mana. 24Imana yumva umuniho wabo, yibuka isezerano ryayo

yasezeranye na Aburahamu na Isaka na Yakobo. 25Imana ireba Abisirayeli, irne-nya uko bameze.

Imana ibonekerera Mose mu
gihuru cyaka umuriro

3 Icyo gihe Mose yaragiraga umuku-mbi wa Yetigo sebukwe, umutambyi w'i Midiyani. Aturukiriza umukumbi inyuma y'ubutayu, ajya ku musozi w'I-mana witwa Horebu. 2Marayika w'Uwiteka amubonekerera mu kirimi cy'umuri-ro kiva hagati mu gihuru cy'amahwa, arareba abona icyo gihuru cyakamo umuri-ro nticyakongoka. 3Mose aribwira ati "Reka ntambike ndebe iri shyano riguye, menye igituma igihuru kidakongoka."

4 Uwiteka abonye yuko atambikishwa no kubiréba, Imana irnubhamagara irí ha-gati muri icyo gihuru, iti "Mose, Mose." Aritaba ati "Karame."

5 Iramubwira iti "Wikwegera hano, kandi kwetjra inkweto mu birenge bya-we, kuko aho uhagaze áho ari ahera." 6Kandi iti "Ndi Imana ya so, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yaçobo." Mose yipfuka mu maso, kuko atinye kureba Imana.

Imana ituma Mose kubwira
Farawo ngo areke Abisirayeli ...

7 Uwiteka aramubwira ati "Ni ukuri mbonye kubabara k'ubwoko bwanjye buri muri Egiputa, numvise gutaka bata-kishwa n'babakoresha uburetwa, kuko nzi imibabaro yabo. 8Kandi manuwe no kubakiza mbakure mu maboko y'Aba-nyegiputa, mbakure muri icyo gihugu, mbajyane mu gihugu cyiza kigari, cy'a-mata n'ubuki, gituwemo n'Abanyakanani n'Abaheti n'Abamori, n'Abaferizi n'A-bahivi, n'Abayebusi. 9Nuko dore gutaka kw' Abisirayeli... kwangezeho, kalldi nabonye agahato Abanyegiputa babahata. 10Nuko none ngwino ngutume kuri Farawo, ukure muri Egiputa ubwoko bwanjye bw' Abisirayeli."

11 Mose abwira Imana ati "Ndi mu-nu ki wahangara kwegera Farawo, ngo nkure Abisirayeli... muri Egiputa?"

12 Iramusubiza iti "Ni ukuri nzabana nawe, ibizakubera ikiményetso yüko ari jye ugutumye, ni uko uzakura ubwo

2.tO: Ibyak 7.21 2.11: Heb 11.24 2.11-14: Ibyak 7.23-28 2.15: Ibyak 7.29; Heb 11.27

2.24: Itang 15.13-14 3.2-10: Ibyak 7.30-34

a Gerushomu risobanurwa ngo Umusuhuke w'aho hantu.

bwoko muri Egiputa, mugakorerera Imana kuri uyu musozi."

Imana ibwira Mose izina ryayo

13 Mose abaza Imana ati "Ningera ku Bisirayeli nkababwira nti Imana ya ba sekuruza banyu yabantumyeho', bakanmbaza hati <Yitwa nde', nzasuhiza iki?"

14 Imana isubiza Mose iti "NDI UWO NDI WE," Kandi iti "Abe ari ko uzabwira Abisirayeli uti 'NDIHO yabantumyeho.'" 15 Kandi Imana ibwira Mose iti "Abe ari ko uzabwira Abisirayeli uti 'UWITEKA'.. Imana ya ba sekuruza banyu, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo · yabantumyeho, iryo ni ryo zina ryanje iteka ryose, urwo ni rwo rwibutso rwanje ruzahoraho ibihe byose.' 16 Genda uteranye abakuru b'Abisirayeli, ubabwire uti 'Uwiteka Imana ya ba sekuruza banyu, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo, yarambonekeye irambwira iti: ni ukuri ndabagendereye, mbona ibyo babagiririra muri Egiputa, 17 Ndavuga nti: nzabakura mu mubabaro wo muri Egiputa, mbajyane mu gihugu cy'Abanyakananji ... n'Abaheti n'Abamori n'Abaferizi, n'Abihivi n'Abayebusi, igihugu cy'amata n'ubuki.'

18 "Na bo bazakumvira, kandi uzajayne ku mwarni wa Egiputa n'abakuru .. b'Abisirayeli, mumubwire muti 'Uwiteka Imana y'Ababeburayo yaratubonekeye, none turakwingize reka tuje mu butayu tugendemo urugendo rw'iminsi itatu, dutarnbirireyo Uwiteka Imana yacu ibitambo.' 19 Kandi nzi yuko umwami wa Egiputa, atazabakundira' ko mugenda, n'aho narnushyiraho arnaboko akomeye, 20 Nanje nzararnbura ukuboko, nkubitishie Egiputa ibitangaza byanje byose nzakorerera hatagi yaho, nyuma yabyo azabareka,

21 "Kandi nzaha ubu bwoko kugirira umugisha ku Banyegiputa, Nimugenda ntumuzagenda ubusa, 22 ahubo umugore wese azasabe umugore w'umuturanyi we ndetse n'umugore acumbikiye, ibantu by'ifeza n'iby'izahabu n'imyenda mu byambike abahungu banyu n'abakowba banyu, ni ko muzanya Abanyegiputa,"

Imana

yigisha Mose gukora
ibitangaza, ihindura inkoni inzoka

4 Mose arayisubiza.. ati "Ariko ntiba-
nyemera, ntibazanyumvira kukø baza-
mbwira batì 'Uwiteka ntiyakubonekeye.'"

2 Uwiteka aramubaza ati "Icyo ufite
mu ntoki ni iki?"

Aramusubiza ati "Ni iifikonL"

3 Aramubwira ati "Yijugunye hasL"
Ayijugunya hasi ihinduka inzoka, Mose
arayihunga, 4 Uwiteka aramubwira ati
"Rambura ukuboko uyifate umurizo,"
Arambura ukuboko arayifata, irongera
iba inkoni mu ntoki ze, 5 Uwiteka ati "Ni
ukugira ngo bemere yuko Uwiteka Ima-
na ya ba sekuruza, Imana ya Aburahamu,
Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo,
yakubonekeye."

6 Kandi Uwiteka aramubwira ati
"Ishyire ikiganza mu gituza," Yishyira
ikiganza.. mu gituza, agikuyemo kiza cyu-
zueho ibibembe, cyera, nka shelegL
7 Aramubwira ati "Cysisubize mu gituza,"
Acyisubiza mu gituza, agikuyemo kiza
gihwanye n'undi mubiri wose, 8 Uwiteka
ati "Kandi nibatakhemera ngo bemezwe
n'ikimenyetso cya mbere, bázemera icya
kabirL 9 Kandi nibararnuka batemejwe
n'ibyo bimenyetso byombi, ntibumvire
amagambo yawe, utavome amazi yo mu
ruzi uyasuke imusozi, ayo mazi uvomye
mu ruzi azahindukira amaraso imusozi."

10 Mose abwira Uwiteka ati "Mwami,
na mbere sindi intyoza mu magamho,
n'ubu nubwo uvuganye nanje umugara-
gu wawe, kuko ntabasha kuvuga vuba,
kandi ururimi rwanje rugatinda."?

11 Uwiteka aramubwira ati "Ni nde
waremye akajwa k'umuntu? Cyangwa ni
nde utera uburagi, cyangwa ubupfama-
twi, cyangwa uhumura, cyangwa uhumi-
sha? Si jye Uwiteka ubikora? 12 Nuko
none genda, nanje nzajya mbanan'aka-
nwa kawe, nkwigishe ibyo uvuga."

13 Aramusubiza ati "Mwami ndakwingize,
tuma uwo ushaka gutuma."

14 Mose yikongereza uburakari bw'U-
witeka, aramubwira ati "Aroni mwene 50
Umulewi, ntahari? Nzi yuko ari intyoza
kandi aje kugusanganira; nákubona azishi-
mira mu mutima we, 51 Nawe uzajye uhora,
umubwira ushyire arnagambo mu kanwa
ke, nanje nzajya mbanan'akanwa kawe
n'ake mbigishe ibyo mukora, 16 Kandi

azajya akubwirira abantu, azakubere aka-nwa, **nawe uzamubera nk'imanā.** 17 Kandi uzajye witwaza iyo nkoni, ni yo uzakoresha bya bimenyetso."

Mose ajya **muri** Egiputa, akeba **umwana we**

18 Mose arágenda asubira kwa Yetiro sebukwe aramubwira ati "Ndakwingize, reka nsibire muri bene wacu bari muri Egipu!a, menye yuko bakiriho." Yetiro **asubiza Mose** ati "**Genda amahoro.**"

19 Uwiteka abwirira Mose i Midiyani ati "**Genda usubire muri Egiputa, kuko abantu bose bashakaga kukwica bapfuye.**" 20 Mose ajyana umugore we n'abana be, abashyira ku ndogobe, asubira mu gihugu, cya Egipu!a, kandi yitwāza ya nkoni y'Imana.

21 Uwiteka abwira Mose ati "Nusubira muri Egiputa ntuzabure gukorera imbere ya Farawo ibitangaza byose nguhaye gukorā, ariko nzanangira.. umutima we ntazareka abantu bagenda. 22 Kandi uzabwire Farawo uti 'Uwiteka aravuze ati; ubwoko bw' Abisirayeli ni umwana wanjiye w'impfura, 23 kandi narakubwiye nti; rekura umwana wanjiye agende ankorere, ariko **wanzé kumurekura.** Nuko rero nzica umwana wawe **w'impfura.**"

24 Bukeye ari mu rugendo, Uwiteka **amusanga mu ndaro yarayemo, ashaka kumwica.** "Maze Zipora yenda isarabwayi, akeba umunwa w'icyo umwana we yambariye, awujugunya imbere ya Mose aramubwira ati "Ni ukuri umbereye umukwe uvusha amarasō."

²⁶ 26 Uwiteka aramureka, maze Zipora aramubwira ati "Uri umukwe uvusha amarasō! Gukeba abana ni ko tñkwitiye ntyo."

27 Uwiteka abwira Aroni ati "Jya mu butayu.. usanganirireyo Mose." Arágenda **amusanganirira ku musozi w'!mana, aramusoma.** 28 Mose abwira Aroni **amagambo** Uwiteka yamatumye yose, n'bime-nyetso byose yamutegetse gukorā. 29 Mose na Aróni baragenda, bateranya abakuru. bose bo mu Bisirayeli. 30 Aróni ababwira amagambo yose Uwiteka yatumiye Mose, ákorera bya bimenyetso **imbere y'abantu.** 31 **Abantu baremera, bu-mvise yuko** Uwiteka yagendereye Abisirayeli akabona umubabaro wabo, barunama bikubita hasi.

Farawo agwiza uburetwa bw' Abisirayeli bagaya Mose na Aróni, Mose atakira Uwiteka

5 Hanyuma y'ibyo, Mose na Aróni baragenda babwira Farawo bati "Uwiteka Imana y'Abisirayeli, aravuze ngo 'Rekura ubwoko bwe bugende, bumuziririze umunsi mukuru mu butayu."

2 Farawo arababwira ati "Uwiteka ni nde, ngo numvire ndeke Abisirayeli? Sinzi Uwiteka, kandi ntawo narekura Abisirayeli."

3 Barámubwira bati "Imana y'Abaheburayo yaratubonekeye, none turakwingi-ze reka tuyje mu butayu, tugendemo urugendo rw'iminsi itatu, dutambirireyo Uwiteka Imana yacu ibitambo, itadutera ikatwicisha mugiga cyangwa inkota."

4 Umwami wa Egiputa arababwira ati "Mose na Aróni, ni iki gitumye mureke-sha abo bantu imirimo yabo? Nimusubire mu buretwa bwanyu.." 'Kandi Farawo ati "Dore abantu bo mu gihugu, baragwiriye, none mubaruhuye uburetwa bwabo."

6 Kuri uwo munsi Farawo ategeka abakoresha ubwo bwoko uburetwa, n'abatwaré bo muri bo ati ⁷ "Ntimwongere guha abantu inganagano zo kubumbisha amatafari nka mbere, nibagende bishakire inganagano. 8 Kandi umubaré w'amatafa-ri basanzwe babumba bawugumého, mwe kuwubagabanirizaho na make kuko ari abanebwe. Ni cyo kibatakisha bati 'Tu-gende du!ambire Imana yacu ibitambo.' 9 Abo bagabo bategekwe imirimo irúsha-ho kurushya, bayikore be kwita ku magambo y'ibinyoma."

10 Abakoresha ubwo bwoko uburetwa basohokana n'abatware bo muri bo, babwira abantu ba!i "Farawo aravuze ngo 'Ntabaha inganagano. 11 Nimugende **mwishakire inganagano aho mwazibona,** kuko mutari bugerurirwe umubare mwa-ciwe na hato." 12 Nuko abanlu bakwi-zwa mu gihugu cya Egiputa cyose no kwishakira.. ibitsinsi by'inganagano mu cyimbo cy'inganagano. 13 Kandi abakoresha uburetwa babatera umwete bati "**Mumare umubare mwaciwe w'uburetwa bw'iminsi yose, nk.'uko musanzwe mukora.**" 14 Abatware bo mu Bisirayeli, abo abakoresha uburetwa ba Farawo bahaye gutwara barakubitwa, barababa-za bati "Ni iki cyatuye mudasohoza

umubare mwaciwe ejo na none, ntimwuzuze amatafari nka mbere?"

15 Maze abatware bo mu Bisirayeli baragenda batakira Farawo bati "Ni iki gitumye utugirira ulya abagaragu bawe? 16 Abagaragu bawe nta nganagano duhabwa, maze bakatubwira ngo tubumbe amatafari kandi dore abagaragu bawe turakubitwa, ariko abantu bawe ni bo urubanza ruriho."

17 Arababwira' ati "Muri abanebwe, muri abanebwe, ni cyo kibavugisha muti 'Tugende dutambire Uwiteka ibitambo.' 18 Nuko none nimugende mukore, kuko ari nta nganagano muzababwa, ariko muzajye **mwuzuza urnuhare w'amatafari.**" 19 Abatware bo mu Bisirayeli bamanya ko babonye ishyano, kuko babwiwe ko batazica umubare w'amatafari babumba ho na muke w'uburetwa bwabo bw'iminsi; yose.

20 Bavuye kwa Farawo bahura na Mose na Aroni, bahagaze mu nzira, 21 barababwira bati "Uwiteka abarebe abacire urubanza kuko mutumye Farawo n'abagaragu be batwanga ularunku, mukabaha inkota yo kutwiça."

22 Mose asubira ku Uwiteka aramu-baza ati "Mwami, ni iki gitumye ugirira nabi ubwo bwoko? Ni iki cyaguteye kuntuma? 23 Kuko ubhereye ayo nagiriye kwa Farawo, nkavugana na we mu izina ryawe, agirira nabi ubwo bwoko, nawe nta cyo wabakijije na gito."

Imana yongera kubwira Mose izina ryayo, ikamutuma

6 Uwiteka abwira Mose ati "Uherye none uzabona ibyo nzagirira Farawo. Azabarekura' bagende, abyemejwe n'amaboko menshi, kandi no kwirukana azabirukanu mu gihugu cye ku bw'ayo maboko."

2 Imana ibwira Mose iti "Ndi UWITEKA, 3 kandi nabonekeye Aburahamu na Isaka na Yakobo. Nitwa Imana Ishoborabyose ariko sinablmenyesha, nitwa iryo zina UWITEKA. 4 Kandi nakomeje isezerano ryanje na bo, ko nzababa igihugu cy'i Kanani, igihugu cy'ubusu-huke bwabo, basubukiyemo. 5 Kandi nmvise umuniho w'Abisirayeli, Abanyegiputa bazitiriye mu buretwā, nibuka isezerano ryanje. 6 Nuko bwira Abisirayeli **vuko ndi** Uwiteka, kandi nzabatura

imitwaro Abanyegiputa babakorera, mba-kure mu buretwā babakoresha, mbacu-ngeze ukuboko kurambutse n'ibihano bikomeye. 7 Kandi nzabazana mube ubwoko bwanjye nanje mbadere Imana, ni ho muzamenya ko ndi Uwiteka Imana yanyu; ibatuye imitwaro Abanyegiputa babakorera, ikabakura muri bo. 8 Kandi nzabajyana mu gihugu namanikiye uku-boko yuko nzagiba Aburahamu na Isaka na Yakobo, nzakibaba kuba ibiragwa byanyu. Ndi Uwiteka." 9 Mose abwira Abisirayeli ibyo, maze babuzwa kumwumvira n'urnubabaro wo mu mitima yabo utewe n'uburetwa bw'agabato.

10 Uwiteka abwira Mose ati 41 "Jya kwa Farawo umwami wa Egiputa, urnubwire akundire Abisirayeli bave mu gihugu cye."

12 Mose avtigira irnbere y'Uwiteka ati "Dore Abisirayeli ntibanyumviye, none Farawo aranywnvira ate, kuko iminwa yanje yanduye nk'umubiri utakebwé?"

13 Uwiteka abwira Mose na Aroni, abatuma ku Bisirayeli no kuri Farawo umwami wa Egiputa, ngo bakure Abisirayeli mu gihugu cya Egiputa.

14 Aba ni bo batware b'amazu ya ba sekuru: Bene Rubeni impfura ya Isirayeli ni Henoki na Palu, na Hesironi na Karumi. Iyo ni yo miryang'o ya Rubeni. 1' Bene Simeyoni ni Yemuweli na Yamini na Ohadi, na Yákini na Sohari na Shawuli, umwana w'Umunyakananikazi. Iyo ni yo miryang'o ya Simeyoni. 16 Aya ni yo mazina y'urubyaro rwa Lewi nk'uko ibihe byabo bikurikiran: bene Lewi ni Gerushoni na Kohati na Merari. Imyaka Lewi yarāmye ni ijana na mirongo itatu, n'irindwi. 17 Bene Gerushoni ni Libuni na Shimeyi nk'uko imiryango yabo iri. 18 Bene Kohati ni Amuramu na Istbari na Heburoni na Uziyeli. Imyaka Kohati yaramye ni ijana na mirongo itatu n'itatu. 19 Bene Merari ni Mahali na Mushi. Iyo ni yo miryang'o y'Abalewi nk'uko ibihe byabo bikurikiran.

20 Amuramu arongora Yokebedi nyirasenge, babyarana Aroni na Mose. Imyaka Amuramu yaramye ni ijana na mirongo itatu n'irindwi. 21 Abana ba Isubar'i ni Kéra na Nefegi na Zikiri. 22 Bene Uziyeli ni Mishayeli... na Elisafani na Situri.

23 Aroni arongora Elisheba, urnuko-bwa wa Arjinadabu, rmushiki wa Naha-shoni, babyarana Nadabu na Abihu, na Eleyazari na Itqari. 24 Bene Kbra ni Asiri na Elukana na Abiyasafu. Iyo ni yo rniryango y'Abakgra. 25 Eleyazari rnwene Aroni arongora urnwne rnu bakobwa ba Putiyeli.. babyarana Finehasi. Abo ni bo batware b'arnazu ya ba sekuru yo rnu Balewi nk'uko irniryango yabo iri..

26 Abo ni bo Aroni na Mose, ba bandi Uwiteka yabwiye ati "Mukure Abisirayeli .. rnu gihugu cya Egiputa, uko irnitwe yabo iri." 27 Abo ni bo babwiye Farawo urnwarni. wa Egiputa ngo bakure Abisirayeli... rmuri Egiputa. Abo ni bo Mose na Aroni, ba bandi.

28 Ku munsu Uwiteka yabwiriyeho Mose mu gihugu cya Egiputa, 2' yararubwiye ati "Ndi Uwiteka, bwira Farawo urnwarni. wa Egiputa icyo nukubwira cyose."

30 Mose avugira irnbere y'Uwiteka ati. "Dore irqinwa yanje yanduye nk'urnubiri utakebwé, Farawo yanyurnavira ate?"

Mose na Aroni bakorera irnbere ya Farawo cya kirmenyeso cy'inkoni

7 Uwiteka abwira Mose ati: "Dore nkugize nk'irnana kuri Farawo, Aroni mwene so azaba umuhanuzi wawe. 2 Uzajye uvuga icyo ngutegeka cyose, Aroni rnwene so abibwire Farawo, kugira ngo areke Abisirayeli .. bave mu gihugu cye. 3 Nanje nzantangira. urnutirna wa Farawo, ngwize ibirnenyetso byanjye n'i-bitangaza: byanjye mu gihugu cya Egiputa. 4 Ariko Farawo ntazaburqira, rnaze nzababarise Egiputa ukuboko kwanjye, nkure ingabo zanje, ubwoko bwanjye Abisirayeli... rmuri icyo gihugu, rnbakuzeyo ibihano bikorneye. 5 Abanyeegiputa bazamnye yuko ndi Uwiteka, ubwo nzaratnbura ukuboko ku gihugu cya Egiputa, ngakura Abisirayeli. rmuri cyo." 6 Mose na Aroni bagenza batyo, uko Uwiteka yabategetse aba ari ko bakora. 7 Mose yari amaze imyaka mirongo inani avutse, na Aroni yari arnaze irnyaka rnirongo inani n'itatu, ubwo bavuganaga na Farawo.

8 Uwiteka abwira Mose na Aroni ati. • "Farawo nababwira ati 'Mukore igitangaza kibaharye', ubwire Aroni uti Enda inkoni witwaje uyijugunye hasi

imbere ya Farawo, kugira ngo ihinduke inzoka." 10 Mose na Aroni binjira kwa Farawo, bakora icyo Uwiteka yategetse. Aroni ajugunya inkoni ye hasi irnbere ya Farawo n'abagaragu be, ihinduka inzoka. 11 Farawo na we aharngaza abahanga n'abarozi, ari bo bakonikoni ba Egiputa, na bo babigenza batyo babikoresheje uburozi bwabo. 12 Urnuntu wese rnuri bo ajugunya inkoni ye hasi ziba inzoka, rnaze inkoni ya Aroni irnira izabo. 13 **Umutima wa Farawo uranangira ntiyaburqvira**, uko Uwiteka yari yaravuze.

Icyago cya rnber: amazi ahinduka amaraso

14 Uwiteka abwira Mose ati. "Umutima wa Farawo uranangije, yanga kureka ubwoko bwanjye ngo bugende. 15 Mu gitondo uzajye kuri Farawo, dore azaba ajya ku rtzi.. Nawe uzahagarare ku nkornbe y'uruzi uruttegerez, kandi uzi-twaze ya nkoni yahindutse inzoka. 16 Umubwire uti 'Uwiteka, Imana y'Abaherayo yakuntumyeho ngo reka ubwo-ko bwe bugende bumukorerere mu buta-yu, none ugeje ubu utaramwumvira. 17 Uwiteka aravuze ngo iki ni cyo kizakumenyesha ko ari Uwiteka: dore ngiye gukubitisha amazi y'uruzi inkoni nitwaje ahinduke amaraso, 18 amafi yo mu rtzi ape, uruzi runuke, Abanyeegiputa babi-hirwe n'amazi yo mu rtzi."

19 Uwiteka abwira Mose ati "Bwira Aroni uti: 'Jyana inkoni witwaje urambu-re ukuboko kwave hejur y'amazi yo muri Egiputa, ku nzusi zabo no ku migende y'arnazi yabo, no ku bidendezi byabo n'aho amazi. aretse hose ahinduke amaraso'. Kandi mu gihugu cya Egiputa, hose harj bube arnaraso, mu mivure y'ibiti, no mu bibindi by'amabuye."

20 Mose na Aroni babikora uko Uwiteka yabibategetse: amanika iyo nkoni akubitija amazi y'uruzi mu maso ya Farawo no mu maso y'abagaragu 00, amazi y'uruzi yose ahinduka amaraso. 21 **Amafi yo mu rtzi arapfa, uruzi ruranuka**, Abanyeegiputa ntibabasha kunuya amazi yo mu rtzi, amaraso aba mu gihugu cya Egiputa cyose. "N'abakonikoni b'Abanyeegiputa babigenza batyo babikoresheje uburozi bwabo. **Umutima wa Farawo uranangira ntiyumvira Mose**

na Aroni, uko Uwiteka yari yaravuze. 23Farawo asubirayo, ajya mu nzu ye n'ibyo ntiyabyitabo. 24Abanyegeputa bo-se bafukura bugufi bw'uruzi kugira ngo babone amazi yo kunywa, kuko batabashaga kunywa ku mazi yo mu ruzi.

25 Uwiteka amaze konona uruzi bimara iminsi irindwi.

Icyago cya kabiri: igihugu
cyuzura ibikeri

26 Uwiteka abwira Mose ati "Injira kwa Farawo umubwire uti 'Uwiteka aravuze ngo reka ubwoko bwe bugende, bumukorere. ^b 27 Kandi niwanga kubare-kura aragabiza igihugu cyawe cyose ibikeri: 28 uruzi ruruzura ibikeri, bizamuke bijye mu nzu yawe no haruguru, no ku buriri bwawe no mu nzu y'abagaragu bawe, no mu mazu y'abantu bawe no mu nkono zawe, no mu byibo muvugiramo imitsima. 29 Ibikeri bizazamuka bijye kuri wowe no ku bantu bawe, no ku bagaragu bawe bose."'

8 Uwiteka abwira Mose ati "Bwira
Aroni uti 'Rambura ukuboko kwawe
kurimo ya nkoni yawe hejurū y'inzu
n'imigende y'amazi u'ibidendezi, uzamu
re ibikeri bijye mu gihugu cya Egiputa."
2 Aroni arambura ukuboko kwe hejurū
y'amazi ya Egiputa, ibikeri birazamuka.
bizimagiza ighihu cya Egiputa. Ba
bakonikoni babigenza batyo babikoreshe
je uburozi bwabo, bazamura ibikeri bijya
mu gihugu cya Egiputa.

4 Farawo ahama gaza. Mose na Aroni arababwira ati "Nimunsabire." Uwiteka ankize ibi bikeri, abikure no mu bantu banjye, nanjye ndareka ubwoko bwe bugende butambire. Uwiteka ibitambo."

5 Mose abwira Farawo ati "Unyirari-reho utya: ningusabira Uwiteka wowe n'abagaragu bawe n'abantu bawe, mu-mbwire gihe ki ushaka ko ibikeri bima-rirwa kuri wowe oo mu mazu yawe, bigasigara mu ruzi rwonyine?"

6 Aramusubiza ati "Ni ejo."

Na we agarumubwira ati "Bibe uko uvuze, kugirá ngo umenye yuko ari nta wubwanye n'Uwiteka Imana yacu. 7Ibikeri bizakuvabó bive no mu mazu yawe, no ku bagaragu bawe no ku bantu bawe, bisigare mu tuzi rwonyine." 8Mose na Aroni bava

kuri Farawo, Mose atakambirira' Uwiteka ibikeri yateje Farawo. 9Uwiteka abigenza uko Mose yavuze, bya bikeri bipfrria mu mazu OO mu ngo OO mu mirima, birakamuka. 1.Babirunda ibirundo, igihugu kirankuka. 11Maze Farawo abonye ko bimwo-roheye yinangira' umutima, ntiyabumvira' uko Uwiteka yari yaravuze.

Icyago cya gatatu: hatera inda

12 Uwiteka abwira Mose ati "Bwira Aroni uti 'Manika inkoni yawe, ukubite umukungugu uhinduke inda mu gihugu cya Egiputa cyose." Babigenza batyo, Aroni amanika ukuboko kwe gufite inkoni akubita umukungugu, inda ziba ku bantu no ku matungo, umukungugu wose wo mu gihugu cya Egiputa cyose uhinduka inda. 14 Abakonikoni bagerageza gukora batyo, barogeshereza uburozi bwabo kugira ngo batere inda ntibabibasha, inda ziba ku bantu no ku matungo. 15 Abo bakonikoni babwira Farawo batii "Ibi bitewe n'urutoki rw'Imana." Umutima wa Farawo uranangira ntiyumvira Mose na Aroni, uko Uwiteka yari yaravuze.

Icyago cya kane: hatera ibibugu

16 Uwiteka abwira Mose ati "Uzazinduke kage mu futuruturu' uhagarare imbere ya Farawo, azaba asohoka ajya ku ruzi umubwire' uti. 'Uwiteka aravuze ati: reka abantu banjye bagende bankorere, 17natabarekura nzaguteza amarumbo y'ibibugu, wowe n'abagaragu bawe n'abantu bawe n'amazu yaye amazu y'Abanyegiputa ažužura amarumbo y'ibibugu, bizimagize n'ubutaka bwabo. 18Kuri uwo munsi nza-robanura igihugu cy'i Gosheni abo ubwo-ko bwanjye butuye, amarumbo y'ibibugu ye kubayo kugira ngo umenyu yuko ndi Uwiteka, uri hagati yisi. 19Kandi nzashyira itandukaniro' hagati y'ubwoko bwanjye n'abantu bawe. Ejo ni ho icyo kimenyetso kizababo." 2. Uwiteka abigenza atyo, amarumbo y'ibibugu aza ari icyago mu nzu ya Farawo no mu mazu y'abagaragu be, kandi igihugu cya Egiputa cyose cyononwa n'avo marumbo y'ibibugu.

21 Farawo abamagaza Mose na Aroni arababwira ati "Nimugende mutambirire Imana yanyu ibitambo muri iki gihugu."

22 Mose aramusubiza ati "Si byiza ko dukora dutyo, kuko twaba dutambiyé Uwiteka Imana yacu ibyo Abanyegiputa bazira kwica. Twatambira mU maso y' Abanyegiputa ibyo bazira kwica, ntibatwicishe amabuye? 23 Reka tuiye mu butayu tugendemo urugendo rw'iminsi itatu, dutambirireyo Uwiteka Imana yacu uko izadutegeka."

24 Farawo aramubwira ati "Ndabareka mugende mutambirire Uwiteka Imana yanyu mu butayu icyakora ntimuzajye kure cyane. Nimunsabire."

25 Mose aramubwira ati "Dore ndava imbere yawe nsohoke, nsabe Uwiteka ngo amaqumbo y'ibibugu ejo azave kuri Farawo no ku bagaragu be no ku bantu be. Ariko ye kongera kuriganya ntareke ubwoko bwacu bugenda bugatambira Uwiteka ibitambo."

26 Mose ava imbere ya Farawo araso hoka, asaba Uwiteka. 27 Uwiteka abigenza uko Mose yavuze, akura ayo marumbo y'ibibugu kuri Farawo no ku bagaragu be no ku bantu be, ntihasigara na kimwe. 28 **Farawo yinangira umutima n'ubwo na bwo, ntiyareka ubwo bwoko bugenda.**

Icyago cya gatanu: hatera muryamo

9 Uwiteka abwira Mose ati "Injira mu nzu ya Farawo umubwire uti 'Uwiteka, Imana y' Abaheburayo aravuze ngo reka ubwoko bwe bugende bumukorere. 2 Niwanga kuburekura ukagumya kubufata, 3 dore ukuboko k'Uwiteka kuri ku matungo yawe yo mu gasozi, no ku mafashishi no ku ndogobe no ku ngamiya, no ku mashyo no ku mikumbi, muryamo nyinshi cyane izabitera. 4 Kandi Uwiteka azarobanura hagati yamatungo y' Abisirayeli namatungo y' Abanyegiputa, ntihazapfa na rimwe mu y' Abisirayeli yose," 5 Uwiteka ategeka igihe ati "Ejo ni ho Uwiteka azakora ibyo mu gihugu."

6 Bukeye bwaho Uwiteka arabikora, amatungo yose y' Abanyegiputa arapfa, ariko mu matungo y' Abisirayeli ntihapfa na rimwe. 7 **Farawo aratuma asanga mu matungo y' Abisirayeli hatapfuye na rimwe. Maze umutima wa Farawo uranganira ntiyareka ubwo bwoko bugenda.**

Icyago cya gatandatu: hatera ibisebe

8 Uwiteka abwira Mose na Aroni ati "Nimujyane amashyi y'ivu ryo mu itanura, Mose aritumurire hejur. imbere ya Farawo. 9 Rirahinduka umukungugu wifu ukwire mu gihugu cya Egiputa cyose, utere ibishyute bivamo ibishega, bifata abantu namatungo mu gihugu cya Egiputa cyose." 10 Bajyana ivu ryó mu itanura bahagarara imbere ya Farawo, Mose aritumurira hejur riba ibishyute bivamwo ibishega, bifata abantu namatungo. 11 Ba bakonikoni bananizwa n'ibyo bishega guhagarara imbere ya Mose, kuko ibishega byari bifashe abo bakonikoni n' Abanyegiputa bose. 12 **Uwiteka anangira umutima wa Farawo ntiyumvira Mose na Aroni, uko Uwiteka yari yarabwiye Mose.**

Icyago cya karindwi: hatera urubura

13 Uwiteka abwira Mose ati "Uzazinduke kare mu ruturuturu uhagarare imbere ya Farawo, umubwire uti 'Uwiteka, Imana y' Abaheburayo iravuze iti: reka ubwoko bwanje bugende bunkore. 14 Uhereye none, nzoherenza ibyago ntera byose ku mutima wawe no ku bagaragu bawe no ku bantu. bawe, kugira ngo umenye yuko ari nta wuhwanye naniye mu isi yose. 15 None mba ndambuye ukuboko kwanje, nkaguterrana mugiga n'abantu bawe ukarimburwa mu isi, 16 ariko ni ukuri iyí ni yo mpamvu itumye nguagarika: ni ukugira ngo nkwereke ;mbaraga zanjye, kandi ngo izina ryanje ryamamare mu isi yose. 17 Na n'ubu uracyishyira hejur, ukabuza ubwoko bwanje ntureke bugenda? 18 Dore ejo bugingo ubu nzavuba urubura ruremereotype cyane, rutari rwaboneka muri Egiputa uhereye igithe hatwariwe ukageza ubu. 19 Nuko none tuma ucyuze amatungo yawe n'ibyo ufite mu gasozi byose, umuntu wese n'itungo ryose ruzasanga mu gasozi kidatashye, urubura ruzakigwaho. gi pfe." 20 Uwubashye ijambo ry'Uwiteka wo mu bagaragu ba Farawo, ahungishiriza abagaragu be namatungo ye mu **mazu no mu biraro, 21 utitaye ku ijambo ry'Uwiteka arekera abagaragu be n'amatungo ye mu gasozi.**

22 Uwiteka abwira Mose ati "Tunga ukuboko kwawe mu ijuru urubura, rugwe mu gihugu cya Egiputa cyose, ku bantu no ku matungo no ku nyamaswa, no ku byatsi byo mu gasozi byose no ku myaka yo mu mirima yose mu gihugu cya Egiputa cyose." 23 Mose atunga inkoni ye mu ijuru, Uwiteka akubitisha inkuba, **avuba urubura, umuriro ugwa hasi.** Uwiteka avubira ighihu cya Egiputa urubura. 24 Nuko hagwa urubura n'umuriro uvanze na rwo, by'icyago gikomeye bitigeze kuba mu gihugu cya Egiputa cyose uhoreye aho hatwarie. 25 Urwo **rubura rwica icyari mu gasozi cyose mu** gihugu cya Egiputa cyose, abantu n'amatuⁿg^o n'inyamaswa, **rwica n'ibyatsi** byo mu gasozi byose n'imyaka yo mu mirima yose, ruvuna ibiti byo mu gasozi byose. 26 Mu gihugu cy'i Gosheni aho Abisirayeli bari bari, ni ho rutaguye honyine.

27 Farawo atumira: Mose na Aroni arababwira' ati. "Ubu bwo nkoze icyaha. Uwiteka arakiranuka, jye n'abantu banyje turatsinzwe. 28 Munsabire Uwiteka kuko uku guhinda gukomeye k'urubura bimpagije, nanje ndabareka mugende mwe **kuguma ino.**"

29 Mose aramubwira ati "Nimara kuva mu rurembo ndaramburira' Uwiteka amaboko guhinda gushire, kandi ntihari bwongere kugwa urubura kugira ngo umenye yuko Uwiteka ari we nyirisi. 30 Ariko wowe n'abagaragu bawe, nzi yuko muri bube mutarubaha Uwiteka Imana."

31 Imigwegwe na sayiri birapfa kuko sayiri zari zeze, n'imigwegwe yari irabije. 32 Ariko ingano na kusemeti ntibyapfa, kuko byari bitaramera.

33 Mose ava mu rurembo imbere ya Farawo aramburira Uwiteka amaboko, guhinda kw'inkuba n'urubura bira shira, imvura ntiyongera kugwa mu isi. 34 Maze Farawo abonye imvura n'urubura n'inkuba zihinda bishize, arushaho gukora icyaha, yinangira umutima we n'abagaragu be. 35 **Umutima wa Farawo uranangira** ntiyareka Abisirayeli bagenda, uko Uwiteka yavugiyie mu kanwa ka Mose.

Icyago cya **munani: hatera inzige**

10 Uwiteka abwira Mose ati "Injira mu nzu ya Farawo, kuko nangirive **umutima we** n'y'abagaragu be kugira

ngo nerekani're ibi birnenyetso byalijye hagati muri bo, 2 no kugira ngo uzabwire **umwana wawe n'umwuzukuru wawe.** ibikomeye nagiriye Abanyegiputa n'ibimenyetso byanjye nakoreye hagati muri bo, mumenyeye yuko ndi Uwiteka."

3 Mose na Aroni binjira mu nzu ya Farawo baramubwira bilti "Uwiteka, Imana y'Abaherayao iravuze iti 'Uzageza he kwanga kwicishiriza bugufi irnbere yanje? Reka ubwoko bwanje bugende bunkorere: 4 Niwanga kurekura ubwoko bwanje, dore ejo nzaterereza inzige ku rugabano rwave, 5 zizimagize ubutaka umuntu ye kubasha kububona. Zizarya ibyo mwashigaje bitishwe na rwa rubura, **zirye igiti cyose mwamejeje mu gasozi.** • Amazu yanyu zizayuzura, zuzure n'ay'abagaragu bawe n'ay'Abanyegiputa bose, izo ba so na ba sogokuru batigeze kubona uhoreye igihe babereyeho ukageza none.,, Arahindukira ava imbere ya Farawo.

7 Abagaragu ba Farawo baramubaza bat "Uriya mugabo azageza he kutubera umutego? Reka abo bantu bagende bakore Uwiteka Imana yabo. Ntiramanya yuko Egiputa hapfuye?"

8 Bagatira Mose na Aroni imbere ya Farawo, arababwira ati "Nimugende mukorere Uwiteka Imana yanyu.. Ariko hazagenda bantu ki?"

9 Mose aramusubiza ati "Tuzajyana n'abakiri bato n'abashaje, abahungu bacu n'abakobwa bacu, tujyane n'imikumbi yacu n'amashyo yacu, kuko dukwiriyre kuziririza Uwiteka umunsi mukuru."

10 Arababwira ati "Ulko nabifuriza ko Uwiteka abana namwe, ni ko nabareka mukagenda mujyanje abana banyu bato. Mwirinde kuko ibyo mugambiriye ari bibi. 11 Si ko bizaba, ahubwo abagabo bakuru mugende mukorere Uwiteka, kuko ari cyo mushaka." Birukanwa mu maso ya Farawo.

12 Uwiteka abwira Mose ati "Rambura ukuboko kwawe hejurü y'ighugu cya Egiputa kuzane inzige, zize mu gihugu cya Egiputa zirye ibyatsi byose n'imyaka, yose byo mu gihugu, ibyo rwa rubura **rwasize byose.**" 13 Mose arambura inkoni ye hejurü y'ighugu cya Egiputa, Uwiteka azanira icyo gihugu umuyaga uvuye iburasirazuba **wiriza umunsi, ukeshia ijoro.** Bukeye uwo muyaga uvuye iburasirazuba

uzana inzige, 14 zikwira mu gihugu cya Egiputa cyose, zigwa mu ngabano zaho zose. Zari icyago gikomeye cyane, uhereye kera kose ntihigize kubaho inzige nk'izo, ntizizongera kubaho. **Zizimagiza ubutaka mu gihugu cyose, igihugu kibamo umwijima, zirya ibyatsi byose n'imyaka yose byo mu gihugu, n'imbuto z'ibiti zose rwa rubura rwasize.** Mu gihugu cya Egiputa cyose ntihasigara ikintu na kimwe kibisi, naho cyaba igiti cyangwa ibyatsi cyangwa imyaka.

16 Farawo ahamagaza vuba Mose na **Aroni arahabwira ati "Nacumuye ku** Uwiteka Imana yanyu no kuri mwe! 17 Nuko none ndakwingize, mbabarira icyaha ubu ngubu gusa, munsabire ku Uwiteka Imana yanyu inkureho uru rupfu ubu gusa." 18 Ava imbere ya Farawo, asaba Uwiteka. 19 Uwiteka ahindura umuyaga uhuha cyane w'ishuheri uvuye ibu-rengerazuba, ujyana za nzige uziroha mu Nyanja Itukura, ntihasigara na rumwe mu gihugu cya Egiputa cyose. 2° Maze Uwiteka anangira umutima wa Farawo, ntiyareka Abisirayeli bagenda.

Icyago cya cyenda: hacura umwijima

21 Uwiteka abwira Mose ati "Tunga ukuboko kwawe mu ijuru umwijima ucure mu gihugu cya Egiputa, umwijima umeze nk'igikorwaho." 22 Mose atunga ukuboko mu ijuru, umwijima w'icuraburindi ucura mu gihugu cya Egiputa cyose umara iminsi itatu 23 ntihagira abarébana cyangwa uwahaguruka akava aho ari **rimara iminsi itatu, ariko mu mazu y' Abisirayeli bose harabonaga.**

24 Farawo ahamagaza Mose aramubwira ati "Nimugende mukorere Uwiteka, ariko imikumbi yanyu n'amashyo yanyu abe ari byo bisigara, abana banyu bato mubajyane."

25 Mose aramubwira ati "Ukwiriye no kuduha ibyo dutamba n'ibyo twosa, kugira ngo dutambire Uwiteka Imana yacu ibitambo. 26 N'amatungo yacu tuzayajyana ntihazasigara n'urwara, kuko ari yo tuzaba dukwiriye kwendaho kuyakoreshereza Uwiteka Imana yacu. Kandi ntituzi ibyo tuzakoreshereza Uwiteka tutaragerayo."

27 Ariko Uwiteka anangira umutima wa Farawo, ntiyareka bagenda. 's Farawo

aramubwira ati "Mvaho, irinde ntukongere kunca iryera, kuko umunsi uzongera kunca iryera uzapfa."

29 Mose aramusubiza ati "Uvuze ukuri, sinzongera kuguca iryera."

Mose aburira Farawo ibyo kwicia kw'abana b'impfura

11 Uwiteka abwira Mose ati "Hasigaye icyago kimwe nzatera Farawo n'Abanyegiputa, hanyuma azabaréka mugende. Nabareka by'ukuri, no kwirukana azabirukana. 'None bwirà abantu, umugabo wese asabe umuturanyi we n'umugore wese asabe umugore w'umuturanyi we, basabe ibintu by'ifeza n'ibintu by'izahabu.' 3 Uwiteka aha ubwo bwoko kugirira umugisha ku Banyegiputa. Na Mose ubwe yari umunyacyubahiro" cyinshi mu gihugu cya Egiputa, mu maso y'abagaragu' ba Farawo no mu maso y'abandi bantu.

4 Mose aravuga ati "Uwiteka aravuze ati 'Nko mu giéku nzanyura hagati muri Egiputa, 'abana b'impfura bose bô mu gihugu cya Egiputa bapfe, uhereye ku mpfura ya Farawo wicará ku ntibe' y'ubwami ukageza ku mpfura y'umuja w'umusyi, kandi n'uburiza bwose bw'amatungo buzapfa. 6 Hazaba umuborogo mwinshi mu gihugu cya Egiputa cyose utigeze kubaho, kandi ntihazongera kuba nk'ubo. 7 Ariko mu Bisirayeli. nta. n'tümwe imbwa izamokera, mu bantu cyangwa mu matungo, kugira ngo mumenye uko Uwiteka yatandukaniye Abanyegiputa n'Abisirayeli.' 8 Kandi aba bagaragu bawe bose bazamanuka bansange bámpfukamire, bamberire batu 'Va mu gihugu ujyane abantu bose bagukurikiye.' Ubwo ni bwo nzagenta." 9 Ava kuri Farawo arakaye cyane.

9 Uwiteka abwira Mose ati "Farawo ntazabumyira, kugira ngo ibitangaza byanje bigwirire mu gihugu cya Egiputa." 10 Nuko Mose na Aroni bakorera ibyo bitangaza byose imbere ya Farawo. Uwiteka anangira umutima wa Farawo, ntiyareka Abisirayeli bagenda ngo bave mu gihugu cye.

Uwiteka abwiriza Mose ibya Pasika

12 Uwiteka abwirira Mose na Aroni mu gihugu cya Egiputa ati "'Uku kwezi kuzababere impfura y'amezi, kuzababere ukwezi kwa mbere mu myaka.

3Mubwire iteraniro ry' Abisirayeli ryose, ku wa cumi w'uku kwezi umuntu wese yiyyendere umwana w'intama, uko amazu ya ba se ari. umwana w'intama urove mu nzu imwe. 4Kandi niba inzu ari nto itari bumare umwana w'intama, asangire n'u-muturanyi we babereranye, bawufatanye uko umubare' w'abantu... uri, uko imirlre y'umuntu.. wese iri abe ari ko muzabara umubare w'abasangira umwana w'intama. 'Umwana w'intama wanyu (cyangwa umwana w'ihene) ntuzagire inenge, uzabe isekurumi itaramara umwaka, muzawukurē mu ntāma cyangwa mu ihene. 6Mu-zawurindirize umunsi wa cumi n'inē w'uku kwezi, iteraniro ryose ry' Abisirayeli bazawubikIre nimugoroba. 7Bazende ku maraso, bayasige ku nkomanizo zombi no mu rubamo rw'umuryango by'amazu bawuririyemo. 8Muri iryo joro bazarye inyama zaho zokeje, bazirishē imitsima itasembuwe, bazirishē n'imboga zisharira. 9Ntimuzazire mbisi cyangwa zietse, keretse zokeje. Ighanga cyawo n'immono yawo n'ibyo mu nda byawo, 10Intimuzagire icyo musiga ngo kirare, iziraye muzazose. 11Uku abe ari ko muzaziry: muzaziry mukenyeye, mukwese inkwe-to, **mwitwaje inkoni, muzaziry e vuba** vuba. Iyo ni yo Pasika^c y'Uwiteka.

12 "Kuko muri iryo joro nzanyura' mu gihugu cya Egiputa nkica abana b'impfura' bose bo mu gihugu cya Egiputa, impfura' z'abantu,, n'uburiza bw'amatungo. N'imana, z'Abanyegiputa "zose nzasohoza amateka nziciriy ho. Ndi Uwiteka. 13Ayo maraso azababere iki-menyeso ku mazu murimo, nanjye ubwo nzabona ayo maraso nzabanyura-ho, nta cyago kizababobo ngo kibarimburē, ubwo nzatera igihugu.. cya Egiputa. 14Kandi uwo mun̄si uzababere **urwibutso, muzawuziririze ube umunsi** mukuru w'Uwiteka. Mu bihe byanyu byose muzajye muwuziririza, ribe itegeko ry'iteka ryose.

15 "Muzajye mumara iminsi irindwi murya imitsimā itasembuwe, ku mun̄si uyitangira mujye mukura umusemburo' mu mazu yanyu'. Uzarya imitsimā yasembuwe uhoreye ku mun̄si wa mbere ukageza ku wa karindwi, uwo muntu azakurwe mu Bisirayeli. 16Kandi ku mun̄si wa mbere

mujye muteranira kuba itefaniro ryera, no ku wa karindwi hazabe iteraniro ryera he kūgira umurimo wose ukorwa muri iyo minsi, keretse umurimo w'inda y'umuntu wese. Uwo wonyine abe ari wo mukora. 17Mujye muziririza umunsi mukuru. w'imitsima itasembuwe, kuko k:uri uwo mun̄si nzāba mbakuye mu gihugu cya Egiputa muri ingabo. Ni cyo gituma mukwitiye kujya muziririza t uwo mun̄si mu bihe byanyu' byose, rikaba itegeko ry'iteka ryose. 18Mu kwezi kwa mbere ku mun̄si wako wa cumi n'inē nimugoroba, muzahereho kūrya imitsima itasembuwe mugenze ku mun̄si wako wa makumyabiri "n'umwe nimugoroba. 19Muri, iyo minsi uko ari ifindwi umusemburo' we kuzaboneka mu mazu yanyu. Uzarya icyasembuwe, uwo muntu azakurwe mu iteranito ry' Abisirayeli, nabo yaba umunyamabanga ubasahukiyemo cyangwa uwavukiye mu gihugu cyanyu. 20Ntimuzagire' icyasembuwe cyose murya, mu mazu yanyu' yose mujye murya imitsima itasembuwe ..

Mose ategeka Abisirayeli ibya **Pasika**

21 Mose abamagara' abakurū bose bo mu Bisirayeli arababwira ati "Nimurōba-nurē mujyane abana b'intama, uko amazu yanyu' ari, muzabiklre umuwana w'intama wa Pasika. "Mwende umukamato wa ezobud muwinike mu maraso yo mu rwabya, mumishe amaraso yo mu rwabya mu rubamo rw'umuryango no ku nkomanizo zombi, **he kugira uwo muri mwe usohoka** mu nzu ye, mugeze mu gitondo. 23Kuko Uwiteka azanyura' muri mwe ajya kwica Abanyegiputa," kandi nabona **ayo maraso, ari mu ruhamo rw'umuryango** no ku nkomanizo zombi, Uwiteka azanyura' kuri urwō rugi ye gukundira umurimbuzi . kwinjira' mu mazu yanyu' ngo abice. 24Kandi mujye muziririza ibyo, bibe itegeko kuri mwe no ku buzukuruza, banyu' iteka ryose. 25Nimurā kugera mu gihugu. Uwiteka əzababa nk'uko yasezeranje, muzajye muziririza, uwo muhango wera. 26Kandi uko abana banyu' bababajje bat 'Uyu muhango wanyu' ni uw'iki?" 27mujye mubasubiza muti 'Ni igitambo cya Pasika y'Uwiteka, kuko yanyuze ku mazu y'Abisirayeli barī muri Egiputa agakiza amazu yacu, ubwo

12.14-20: Kuva 23.15; 34.18: Lewi 23.6-8: Kub 28.17-25; Guteg 16.3-8 12.23: Heb 11.28

^c Pasika risobanurwa ngo, konyuraho; reba 12.13.

^d ezobu ni agati, Abayuda bagiraga icyuhagiro.

yicaga Abanyegiputa." ' Abantu barunama bikubita hasi. 28Abisirayeli baragenda babigenza batyo, uko Uwiteka yategetse Mose na Aroni aba ari ko bakora.

Icyago cya cumi: abana
b'impfura bicwa

29 Mu gicuku Uwiteka yica abana b'impfura bose bo mu gihugu cya Egiputa, uhereye ku mpfura ya Farawo wicara ku ntebe y'ubwami ukageza ku mpfura y'imbohe mu kazu k'ibwina, **n'uburiza bw'amatungo bwose.** 30 Farawo yibambura nijoro, n'abagaragu be bose n' Abanyegiputa bose barabyuka. Muri Egiputa bacura umuborogo mwinski, kuko ari nta nzu n'irnwe itapfuye-mo umuntu. 31 **Ahamagaza Mose na Aroni** iryo joro arababwira ati uNimuhaguruke muve mu bantu banjye mwe n'Abisirayeli, mugende mukorere Uwiteka nk'uko mwavugaga. 32Mujyane n'imikumbi yanyu n'amashyo yanyu nk'uko mwavugaga, mugende kandi **munsabire umugisha.**"

33 Abanyegiputa bagomera ubwo bwoko ngo babohereze bave mu gihugu vuba, kuko bavugaga bati "Turapfuye twese". 34Ubwo bwoko bujyana amarobe : atarotswa y'imitsima yabo, batarayase-mbura, ibyibo byabo byo kuvugiramo bari. babihambiriye mu myenda yabo bikoreye ku ntugu. 35Abisirayeli bakora ibyo Mose yababwiye, basaba Abanyegiputa ibintu by'ifeza n'iby'izahabu n'imyenda. 36Uwiteka aha ubwo bwoko kugirira umugisha ku Banyegiputa, babaha ibyo babasabye, banya Abanyegiputa.

Abisirayeli ... bagenda

37 Abisirayeli barahaguruka, bava i Ramesesi bataha i Sukoti, abigenzaga bari abagabo uduhumbi dutandatu, abana batari mu mubare. 38Kandi n'ikivange cy'amahanga menshi kijyana na bo, n'imikumbi n'amashyo by'amatungo menshi cyane. 39Botsa imitsima itase-mbuwe y'amarobe bavanye muri Egiputa **atarotswa, kuko ayo marobe yari** atasembuwe kuko birukanywe' muri Egiputa ntibazarlre, kandi bari bataritekera icyokurya' cyose.

40 Imyaka Abisirayeli bamaze mu rusuhuko rwa Egiputa, yari magana ane

na mirongo itatu. 41Iyo myaka uko ari magana ane na mirongo itatu ishize hatabuzeho umunsi, hadasazeho umu-ni, **ingabo z'Uwiteka zose ziva mu** gihugu cya Egiputa ., Iryo joro ni iryb kuziririzwa Uwiteka cyane, kuko yabakuye mu gihugu cya Egiputa. Iryo ni rya joro ry'Uwiteka, Abisirayeli bose bakwiriye kujya baziririza cyane mu bihe byabo byose.

Andi mategeko ya Pasika

43 Uwiteka abwira Mose na Aroni ati "Iri ni ryo tegeko kuri Pasika: ntihakagire umunyamahanga uryà ku byayo, 44ariko umugurano w'umuntu wese yaguze ifeza, nibamara kumukeba abone kabiryaho. ., Umusuhuke w'u-munyamahanga n'umugaragu ukorera ibihembo, ntibakabiryeho. 46Bye guku-rwa mu nzu ngo bijyanwe mu yindi. Ntugasohokane n'intongo y'iyo nyama, kandi ntjmukavuneho igufwa na rimwe. 47Iteraniro ry' Abisirayeli ryose rijke riziririza Pasika. 48Kandi umunyamahanga nabasuhukiramo agashaka kuziririza Uwiteka Pasika, abahungu b'iwe bose bakebwe abone kwegera ibya Pasika, akabiziririza. Kandi azamera nk'u-wavukiye mu gihugu cyanyu, ariko ntihakagire utakebwe wese ubiryaho. 49Kavukire n'umunyamahanga ubasuhukiymo bazasangire itegeko." 50Uko ni ko Abisirayeli bose bakoze, uko Uwiteka yategetse Mose na Aroni ni ko bakoze, 51kuri wa munsi Uwiteka yaku-ye Abisirayeli mu gihugu cya Egiputa, uko imitwe yabo yari iri..

Mose abibutsa uko bavuye
muri Egiputa

13 Uwiteka abwira Mose ati 2 "Mweze uburiza bwose hwo mu Bisirayeli bube ubwanjye, impfura z'abantu n'uburiza bw'amatungo ni ibyanjye."

3 Mose abwira abantu ati "Mujye mwibuka uyu, munsi muviriyе muri Egiputa, mu nzu, y'ibirétwá, kuko Uwiteka yaba-kujeyo amaboko. Ntjmuzagire imitsirna yasembuwe murya. 4Uyu, munsi muviriyе yo ni uwo mu kwezi Abibu. 5Kandi Uwiteka pakujyana mu gihugu cy'Abanya-kanani n'Abaheti, n'Abamori' n'Abahivi n'Abayebusi, icyo yarahiriye ba sekuruza

bawe ko azakiguha, igihugu cy' amata n'ubuki, uzajye uziririza uwo mubango wera uko uko kwezi gutashye. • Iminsi irindwi ujye urya irnitsirna itasembuwe, ku munsi wa karindwi hazaOOho umunsi mukuru w'Uwiteka. 7Imitsirna itasembuwe ijye iringwa muri iyo minsi uko ari irindwi. Ntihakagire irnitsirna yasembuwe ikubonekaho, kandi ntihakagire umusemburo ukubonekaho mu gihugu cyawe cyose. 8Kandi kuri uwu munsi uzabwire umwana wawe uti Tbi byatewe n'ibyo Uwiteka yankoreye, ubwo navaga muri Egiputa.' Uwo mubango uzakubere nk'ikirnenyetso gishiyizwe ku kuboko kwawe, n'urwibutso rushiyizwe hagati y'amaso yawe, kugira ngo amategeko y'Uwiteka aOOMu kanwa kawe, kuko Uwiteka yagukuje amaboko muri Egiputa. IONI cyo gituma ukwiriye kuziririza iryo tegeko mu gihe cyaryo, uko umwaka utashye.

Amategeko yo kwereza Uwiteka
impfura zose n'uburiza : bwose

11 "Kandi Uwiteka nakujyana mu gihugu cy' Abanyakanan, akakiguba nk'uko yakurahiye akarahiira na ba sekuruza bawe, 12uzarobanurire Uwiteka umwana w'uburiza wese n'uhuriza bwose ufite mu matungo yawe, abahungu bazaba ab'Uwiteka. 13Kandi uburiza bw'indogoOO bwose uzabucunguze umwana w'intama, kandi nudashaka, kuyicungura uzayivune ijosi, kandi impfura z'abantu, iz'abahungu bawe uzacicungure. 14 Kandi umwana wawe nakubaza mu gihe kizaza ati Tbi ni ibiki?" Uzamusubize uti. "Uwiteka yadukuje amaboko muri Egiputa, mu nzu y'uburetwa. 15 Farawo yinangije ngo yanje kuturekura, Uwiteka yica uburiza bwose bwo mu gihugu cya Egiputa: impfura z'abantu n'uburiza". bw'amatungo. Ni cyo gitoma njya ntambira Uwiteka uburiza bwose bw'ibigabo, ariko impfura z'abahungu banje zose njya nzicungura." LUWO muhango uzabe nk'ikirnenyetso gishiyizwe ku kuboko kwawe kandi nk'ibishiyizwe mu rubanga rwawe hagati y'amaso yawe, kuko Uwiteka yadukuje amaboko muri Egiputa."

17 Farawo amaze kureka ubwo bwoko bugenda, Imana ntiyabacisha mu nzira inyura mu gihugu cy' Abafilisitiya nubwo ari yo busamo, kuko Imana yibwiraga iti

"Abantu 00 kwicuza ubwo bazaboma intambara, ngo basubire muri. Egiputa." 18Ahubo Imana ibagendesha ibizigu, ibacishije mu nzira inyura mu butayu ikajaya ku Nyanya Itukura, Abisirayeli.. bava mu gihugu cya Egiputa bafite intwaro.

19 Mose ajyana amagufwa ya Yosefu, kuko yari yararahirije Abisirayeli.. indahiro ikomeye ati. "Imana ntizabura kubagenderera, namwe mu zajyana amagufwa yanje nimuva ino."

20 Bava i Sukoti babamba amahema muri Etamu, aho ubutayu butangirira. 21Uwiteka ku manywa yabagendaga imOOr ari mu nkingi y'igicu ngo abayobore, nijoro yabagendaga imOOr ari mu nkingi y'umuriro ngo abamurikire, baboene uko bagenda ku manywa na nijoro. 22Ya nkingi y'igicu ntiyavaga imOOr y'ubwo bwoko ku manywa, kandi iyo nkingi y'umuriro ntiyabuvaga imbere nijoro.

Abisirayeli bambuka Inyanja
Itukura nko ku butaka,
Abanyegiputa bagerageje
kubakurikira bararengerwa

14 Uwiteka abwira Mose ati 2 "Bwira Abisirayeli basubire inyuma, babambe amahema imOOr y'i Pihahiroti.. hagati y'i Migidoli, n'inyanja, imbere y'i Balisefoni: uti imbere y'aho hantu abe ari ho mubamba amahema, irubande rw'inyanja. 3Farawo azavuga Abisirayeli ati 'Bahabiye mu gihugu, ubutayu.. bürabakirigiranye.' 4 Nanje ndanangira umutima wa Farawo abakurikire. Nziheshereza icyubahiro kuri Farawo no ku ngabo ze zose, Abanyegiputa bamenye yuko ndi Uwiteka." Abisirayeli.. babigenza batyo.

5 Umwami wa Egiputa bamubwira yuko ubwo bwoko bwacite. Umutima wa Farawo n'y'abagaragu 00 irabubindukira barabazanya bat. "Twakoze ibiki kurekura Abisirayeli bakava mu büretwā twabakóreshaga?" • Atunganisha igaré rye ry'inta-mbara ajyana abantu 00, 7ajyana amagare magana atqandatu yatorahijwe, n'ändi magare y'intambara y' Abanyegiputa yose, n'abatware bategeka abayirwaniramo bose. 8Uwiteka anangira umutima wa Farawo umwami.. wa Egiputa, akurikira Abisirayeli, kuko Abisirayeli bari bavuye muri Egiputa bateze amaboko. • Abanyegiputa babakurikirisha amafarashi n'amagare bya

Farawo byose, n'abahetswe n'amafarashi be, n'izindi ngabo ze zose, babafatfra babambye amahema ku nyanja iruhande rw'i Pihahiroti, imbere y'i Biilisefoni.

10 Farawo abatuze, Abasirayeli... bubura amaso babona Abanyegiputa burhure inyuma yabo baratinya cyane. Abisirayeli batakira Uwiteka. 11 Babaza Mose bali "Nta mva zari muri Egiputa, kutuzana ngo dupfire mu butayu? Ni iki cyatumye utugirira utyo, kudukura muri Egiputa? 12 Si ibyo twakubwiriraga muri Egiputa tuti 'Tujeke dükörere Abanyegiputa, kuko ikiruta ari uko dukorera Abanyegiputa, biruta ko dupfrra mu butayu?"⁴

13 Mose asubiza abantu ali "Mwiti-nya mwihagararire gusa, murebe agakiza Uwiteka ari bubazanire uyu munsi, kuko Abanyegiputa mwabonye uyu munsi mutazongera kubabona ukundi. 14 Uwiteka **ari bubarwanire, namwe mwicecekere.**"

15 Uwiteka abaza Mose ali "Ni iki gitumye untaķira? Bwira Abisirayeli bakoze bagende. 16 Nawe umanike inkoni yawe, urambur uku**boko** hejuru y'inyanja uyigabanye, Abisirayeli bace mu nyanja hagati nk̄o ku butaka. 17 Nanje ndanangira imitima y'Abanyegiputa balyemo babaķurikire, mbone kwihesha icyubahiro kuri Farawo no ku ngabo ze zose, no ku magare ye no ku bahetswe n'amafarashi be. "Abanyegiputa bazamenya yuko ndi Uwiteka, nimara kwihesha icyubahiro kuri Farawo no ku magare ye, no ku bahetswe n'amafarashi be."

19 Marayika w'Imana wajyaga imbere y'ingabo z' Abisirayeli arāhava ajya inyuma yabo, ya nkingi y'igicu iva imbere yabo ihagarara inyuma yabo, .. ijya hagati y'ingabo z' Abanyegiputa n'iz'Abisirayeli: .. bariya ibabera igicu n'umwijima, abandi ibabera umucyo ubamurikira nijoro, nlbegerana iryo joro ryose.

21 Mose arambura ukuboko hejuru y'inyanja. Uwiteka ahuhisha umuyaga mwinshi uvuye iburasirazuba ijoro ryose, usubiza inyanja inyuma amazi uyagabanyamo kabiri, maze hagati y'aho yari ari hahinduka ubutaka bwumutse. "Abisirayeli bajya mu nyanja hagati baca nk̄o ku butaka, amazi ababera nk'inkike iburyo n'ibumoso. 23 Abanyegiputa barabakurikira, amafarashi ya Farawo yose n'amagare ye, n'abahetswe n'amafarashi be,

bijya mu nyanja hagati bibakurikiye. 24 Mu gicuku cya nyuma, Uwiteka yitamururiye mu nkingi y'umuriro n'igicu, yitegereza ingabo z' Abanyegiputa bacikamo igikuba. "Akura inziga ku magare yabo, bituma akururika aruhije cyane. Abanyegiputa baravugana bali." Duhunge Abisirayeli kuko Uwiteka abarengera, akarwanya Abanyegiputa."

26 Uwiteka abwira Mose ati "Rambura ukuboko hejuru y'inyanja, amazi asubireyo ajye ku Banyegiputa, no ku magare yabo no ku bahetswe n'amafarashi babo." 27 Mose arambura ukuboko hejuru y'inyanja. Mu museke inyanja isubizwamo guhurura kwayo Abanyegiputa barayihunga, Uwiteka akunkumurira Abanyegiputa, hagati mu nyanja. .. Amazi asubira ahayo arenga ku magare no ku bahetswe n'amafarashi, no ku ngabo za Farawo zose zari zigiye mu nyanja zikuriye Abisirayeli, ntiharokoka n'umwe muri bo. .. Ariko Abisirayeli, bacaga hagali mu nyanja nk̄o ku butaka, amazi ababera nk'inkike iburyo n'ibumoso.

30 Uko ni ko kuri uwo munsi Uwiteka yakijije Abisirayeli Abanyegiputa, Abisirayeli.. babona intumbi z' Abanyegiputa ku nk̄ombe y'inyanja. 31 Abisirayeli babona ibikomeye Uwiteka yakoreshje imbaraga ze ku Banyegiputa, ubwo bwo ko butinya Uwiteka kandi bizera Uwiteka n'umugaragu we Mose.

Indirimbo ya Mose

15 Maze Mose n' Abisirayeli bariri-
mbira Uwiteka iyi ndirimbo bat
"Ndarimbira Uwiteka kuko
yanesheje bitangaje,
Ifarashi n'uwo ihetse yabiroshye
mu nyanja.
, Uwiteka ni imbaraga zanjye
n'indirimbo yanje,
Ampindukiye agakiza.
Uwo ni we Mana yanje, nanje
ndayihimbaza,
Ni yo Mana ya data, nanje
ndayishyira hejuru.
3 Uwiteka ni intwari mu ntāmbara,
Uwiteka ni ryo zina rye.

⁴ "Amagare ya Farawo n'ingabo ze yabiroshye mu nyanja,

- Abatwara imitwe yatoranje
barengewe n'Inyanja ltuk:ura.
- 5 Imuhengeri habarenzeho,
Barokeye imuhengeri nk'ibuye.
- 6 "Uwiteka, ukuboko kwawe
kw'iburyo gutewe
icyubahiro n'ububasha
bwako,
Uwiteka, ukuboko kwawe
kw'iburyo kwashenjaguye
ababisha.
- 7 Isumbe ryawe ryinshi ryatumye
utura hasi abaguhagurukiye,
Watumye umujinya wawe
ubakongeza nk'ibitsinsi
by'inganagano.
- 8 Umwuka wo mu mazuru . yawe
warundanje amazi,
Amazi yatembaga yema
nk'ikirundo,
Imuhengeri muri nyina w'inyanja
haravura.
- "Umubisha yaravuze ati
'Ndabakurikira mbafati, nyage
iminyago nyigabane,
Nzabimiraho agahinda,
Nzakura inkota, ukuboko kwanjye
kubarimbure.
- 10 Wahuhishije umuyaga wawe
inyanja irabarengera:
Barokera nk'icyuma cy'isasu mu
mazi y'umuvumba.
- 11 "Uwiteka, mu byitwa imana hari
ihwanye nawe?
Ni iyihe ihwanye nawe?
Kwera kwawe ni ko kuguhesha
icyubahiro,
Ishimwe ryawe rituma abantu
bagutinya kuko ukora.
ibitangaza!
- 12 Warambuye ukuboko kw'iburyo isi
irabamira.
- 13 Ku bw'imbabazi : zawe wagiye
imbere y'abantu wacunguye,
Wabayoboje imbaraga zawe inzira
ijya mu buturo bwawe
bwera.
- 14 Amahanga yarumvise ahinda
imishyitsi,
Ubwoba bufata abatuye i Filisitiya.
- 15 Icyo gihe abatware ba Edomu
baratangara;
- Intwari z'i Mowabu zifatwa no
guhinda imishyitsi,
Abatuye i Kanani bose barayagara:
- 16 Ubwoba no gutinya bizabafata,
Gukomera k'ukuboko kwawe
kuzabajunjika nk'ibuye.
- Uwiteka, bageze aho ubwoko
bwawe buzarengera
urugabano,
- Bageze aho ubwoko wacungüye
buzarurengera.
- 17 Uzabugezayo ubushinge ku musozi
w'umwandu wawe,
Ahantu witunganirije kuba ubutu^{rō}
bwawe, Uwiteka,
Ahera amaboko yawe yashyizeho,
Mwami.
- 18 Uwiteka azahora ku ngoma iteka
ryose."
- 19 Kuko amafarashi ya Farawo yajyanaye mu nyanja n'amagare ye, n'abahtswe n'amafarashi be, Uwiteka agasubiza: amazi y'inyanja ähayo akabirengera, ariko Abisirayeli.. bo bagaca hagati mu nyanja nko ku butaka.
- 20 Kandi Miriyamu umuhanuzikazi mushiki wa Aroni, ajyana ishako, abagore bose barasohoka.. bañukurikirá' bafite amashako babyina. 21 Miriyamu akabikiriza ati "Murixirnbire Uwiteka kuko
yanesheje bilangaje,
Ifarashi n'uwo ihetse yabiroshye
mu nyanja."
- Imana ikiza amazi y'i Mara **kurura**
- 22 Mose agendesha Abisirayeli.. bakomeza urugendo, bava ku Nyanja ltuk:ura bajya mu butayu bw'i Shuri, bagenda **iminsi itatu mu butayu babura amazi.**
- 23 Bageze i Mara ntibabasha kunywaa amazi y'i Mara, kuko yaruraga. Ni cyo cyatumye hitwa Mara. 24 Abantu bitotombera Mose batu "Turanya iki?" 25 Alakira Uwiteka, Uwiteka amwerkera igiti, akijugunya muri ayo mazi, ahinduka meza. 26 Arababwira ati "Nugira umywete wo kuyira Uwiteka Imanya yawe, ugakora ibitunganye mu maSO yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza mu

e Mara risobanurwa ngo, Kurura cyangwa Gusharira. Aho ni ho Uwiteka yabashiriyeho itegeko n'icyo ybabwirije, ni ho yabageragere.

zo nateje Abanyegiputa, kuko ari jye Uwiteka ugukiza indwara."

27 Bagera muri Elimu hari amasoko cumi n'abiri n'imikindo mirongo irindwi, babamba amahema kuri ayo mazi.

Uwiteka aha Abisirayeli .. **manu**

16 Bava muri Elimu bakomeza urugendo, iteraniro ryose ry' Abisirayeli rigera mu butayu bw'i Sini buri hagati.. ya Elimu na Sinayi, ku munsi wa cumi n'itanu w'ukwezi gukurikiye uko baviriye muri Egiputa. Iteraniro ry' Abisirayeli ryose tyivovotera Mose na Aroni mu butayu 3barabbwira bat. "Iyo twicirwa n'Uwiteka mu gihugu cya Egiputa tucyiçaye ku nkono z'inyama, tukirya ibyokurya tugahaga. None mwadukuyeyo mutuzanira muri ubu butayu kutwicisha inzara n'iri teraniro ryose."

4 Maze Uwiteka abwira Mose ati "Dore ndabavubira ibyokurya bimanutse mu ijuru. Iminsi yose abantu bázajya basohoka bateranye iby'ubo munsi, kugira ngo mbagerageze yuko bitondera amategeko yanje cyangwa batayitondera. 5Kandi ku wa gatandatu bajye bitemura ibyo bajyana iwabo, bihwane n'ibyo bajyaga bateranya incuro ebyiri."

6 Mose na Aroni babwira Abisirayeli bose bat "Nimugoroba ni ho muri bumenye yuko Uwiteka ari we wabakuye mu gihugu cya Egiputa, 7kandi mu gitondo ni ho muzabona icyubahirof cy'Uwiteka, kuko yumvise mumwivovotera. Natwe turi iki ko mutwivovotera?" 8Mose arababwira ati "Ibyo biri busohore ubwo Uwiteka ari bubabe inyama zo kurya nimugoroba, mu gitondo akazabaha ibyo murya mugahaga, kuko Uwiteka yumvise kwivovota kwanyu mumwivovotera. Natwe turi iki? Si twe mwivovotera, ahubwo **Uwiteka ni we mwivovotera.**"

9 Mose abwira Aroni ati "Bwira iteraniro ry' Abisirayeli ryose uti 'Nimwigire hafi imbere y'Uwiteka kuko yumvise ibyo **mwivovota.** .. 10Aroni akibwira iteraniro ry' Abisirayeli ryose, berekeza amaso mu butayu babona ubwiza bw'Uwiteka bublekeye muri cya gicu. 11Uwiteka abwira Mose ati "Numvise ibyo Abisirayeli bivovota. Babwire uti 'Nimugoroba muri burye inyama, mu gitondo muzahaga

ibyokurya, mubone kumenyayuko ari jye Uwiteka Imana yanyu."

13 Nimugoroba intuqumbutsi ziraza zigwa mu ngando z'amahema zirahazimigiza, mu gitondo ikime kiratonda kigota ingando. 14Ikime gishize, mu butayu hasi haboneka utuntu duto dusa n'utubuto,' duto nk'ikime kiuze kiri hasi. 15Abisirayeli batubonye barabazanya bat. "Iki ni iki?" Kuko batamenye icyo ari cyo.

Mose arababwira ati "Ibyo ni ibyokurya Uwiteka abahaye ngo murye. 16Ibi ni byo Uwiteka yategetse ati 'Umuntu wese ateranye ibihwanye n'imirire ye. Mujyane **ingero za omeru zingana n'umubaré** w'abantu banyu, umuntu wese abijyanire **abo mu ihema rye.**"

17 Abisirayeli babigenza batyo barabiteranya, bamwe bateranya byinshi abandi bike. 18Babigeresheje icyibo cya omeru, uwateranje byinshi ntiyagira icyo atubukirwa, n'uwateranje bike ntiyagira icyo atubirwa. Bateranje ibihwanye n'imirire y'umuntu wese. 19Mose arababwira ati "Ntihagire umuntu uraza kuri byo ngo bigeza mu gitondo." .. Maze ntibumvira **Mose, bamwe muri bo baraza** kuri byo bigeza mu gitondo, bigwa inyo biranuka, Mose arabararakira. 21Bajya babiteranya uko bukeye, umuntu wese ateranya ibihwanye n'imirire ye, izuba ryaya bikayaga.

22 Ku wa gatandatu bateranya ibyokurya bingana kabiri.. n'ibyo bajyaga bateranya, ingero ebyiri.. za omeru.. z'umuntu wese, abakuru b' iteraniro bose baraza babibwira Mose. 23Arababwira ati "Ibyo ni byo Uwiteka yavuze ati 'Ejo uzaba umunsi wo kuruhuka, isabato yejerejwe Uwiteka. Mwotse icyo mushaka kotsa, muteke icyo mushaka guteka, ibisaze mubibile biirię bigeza mu gitondo." 24Barabiraza bigeza mu gitondo nk'uko Mose yabategetse ntibyanuka, ntibyagwa urunyo na rumwe. 25Mose arababwira ati "Uyu munsi murye ibi kuko none ari isabato y'Uwiteka, uyu munsi ntimubibona mu gasozi. 6Mu minsi itandatu mujye mubiteranya, ąriko uwa karindwi ni wo sabato, kuri wo ntibajya biboneka."

27 Maze ku wa karindwi bamwe mu bantu bajya kubiteranya, barabibura. 28 **Uwiteka abwira Mose ati "Muzageza**

he kwanga kwitondera amategeko yanje n'ibyo nategetse? 2. Dore ubwo Uwiteka abahaye isabato, ni cyo gituma ajya abáha ku wa gatandatu imitsima y'iminsi ibirl. Umuntu wese agume aho ari, ntihakagire umuntu uva aho ari ku wa karindwi." ³⁰ Nuko ku wa karindwi abantu bararuhuka.

31 Inzu ya Isirayeli yita icyo kintu manu; yari umweru igasa n'utubuto tw'i-byatsi byitwa gadi, yaryohaga nk'umutsima usa n'ibango uvuganywe n'ubuki. ³² Mose arababwira ati "Itegeko Uwiteka yategetse ni iri: urugero rwa omeru rwa manu rubikirwe ab'ibihe. byanyu bizaza, kugira ngo bazarebe ibyokurya nabagaburiraga mu butayu, ubwo nabakuraga mu gihugu cya Egiputa." ³³ Mose abwira Aroni ati "Jyana urwabya urushyiremo omeru ya manu, uyibike imbere y'Uwiteka, ibikirwe ab'ibihe byanyu bizaza." ³⁴ Uko Uwiteka yategetse Mose, Aroni ayibika imbere y'Ibihamya ngo igume-ho. ³⁵ Abisirayeli barya manu imyaka mirongo ine, bageza aho bagereye mu gihugu kibabwamo n'abantu, barya manu bageza aho bagereye ku rugabano rw'ighugu cy'i Kaniimi. 360meru cumi zingana na efaⁱⁱ: imwe.

Babura amazi, Mose akubita
igitare kivamo amazi
(Kub 20.1-13)

17 Iteraniro ry' Abisirayeli ryo se ri-va mu butayu bw'i Sini, barage-nda bamara izindi ndaro: zabo nk'uko Uwiteka yabategetse, babamba amahema yabo i Refidimu. Nta mazi yo kunywa yari ahari. ² Ni cyo cyatumye abantu batonganya Mose bakamubwira batí "Duhe amazi tunywe."

Mose arababaza ati "Murantonganiriza iki? Kuki mugerageza Uwiteka?"

3 Abantu, bagirirayo inyota bitotombera Mose batí "Ni iki cyalUmye udukurira muri Egipula, kugira ngo utwicishanye inyota o'abana bacu n'amatungo yacu?"

4 Mose atákira Uwiteka ati "Aba bantu ndabagenza nte? Bashigaje hato bakantera amabuye."

16.31: Kub 11.7-8 16.33: Heb 9.4 16.35: YOS 5.12 h efa ni indengo imwe n'umucagate.

i Masa risobanurwa ngo Kugerageza.

j Meriba risobanurwa ngo Intonganyi.

k Yehovanisi risobanurwa ngo Uwiteka ni ibendera ryanje.

5 Uwiteka abwira Mose ati "Nyura imbere y'abantu .uyjane bamwe mu báku-ru b'Abisirayeli, witwáze inikoni wakubi-tishije rwa ruzi, ugende. ⁶ Nanje ndaha-garara imbere yawe hariya ku gitare cy'i Horebu, ukubite icyo gitare amazi arava-mo abantu bayanywe." Mose abigenzere-za atyo imbere y'abakuru b'Abisirayeli.

7 Yila áho hantu Masaⁱ na Meriba, ^l kuko Abisirayeli bamutonganije kandi ku-ko bagerageje Uwiteka batí "Mhese Uwi-teka ari hagati muri twe cyangwa ntahari?"

Abamaleki barwanya Abisirayeli,
Mose arabasabira baraneshia

8 Maze haza Abamaleki barwániriza Abisirayeli i Refidimu. Mose abwira Yosuwa ati "Udutoranirize ingabo mugende murwanye Abamaleki, ejo nzahagarara mu mpinga y'umusozi nitwaje inko-ni y'Imana." ¹⁰ Yosuwa abigenza uko Mose yamutegetse, arwanya Abamaleki. Mose na Aroni na Huri barazamuka bagera mu mpinga y'uwo musozi. ¹¹ Mo-se yamanika amaboko Abisirayeli bakan-esha, yayamanura Abamaleki bakan-esha, ¹² maze amaboko ya Mose araruha. Bajyana ibuye bararinutega aryicaraho, Aroni na Huri barámira amaboko ye umwe iruhande rumwe n'undi urundi, amaboko ye arakomera ageza ku izuba rirenga. ¹³ Yosuwa atsindisha Abamaleki n'abantu babo inkota.

14 Uwiteka abwira Mose ati "Andíka ibi mu gitabo bibe urwibutso, ubibwire Yosuwa yuko nzakuraño rwose kwibukwa kw'Abamaleki, bakjbagirana mu bo rnunsi y'ijuru bose."

15 Mose yubaka igicaniro acyila. Yehovanisi ^k, ¹⁶ aravuga ati "Uwiteka yarahiriye ko azajya arwanya Abamaleki ibihe byose."

Yetiro sebukwe wa Mose amusanga
mu butayu

18 Yetiro umutambyi w'i Midiyani sebukwe wa Mose, yumva ibyo Imana yagiriyre Mose n'Abisirayeli ubwoko bwayo, kandi uko Uwiteka ya-kuye Abisirayeli muri Egiputa. ² Yetiro sebukwe wa Mose ajyana Zipora muka

17.14: Guteg 25.17-19; 1 Sam 15.2-9

Mose, Mose amaze kumusezererana, 'n'abahungu be bombi. Umwe yitwa Gerushomu kuko se yavuze ati "Nari umusuhuke mu gihugu kitari icyacu." 4 Undi yitwa Eliyezeri kuko se yavuze ati "Imana ya data yambereye umutabazi, inkiza inkota ya Farawo." 5 Yetiro sebukwe wa Mose azanira Mose abahungu.. be n'umugore we, amusanga muri bwa butayu aho yari yabambye amahema, ku musozi w'Imana. 6 Abwira Mose ati "Jyewe sobukwe Yetiro nkuzaniye umugore wawe n'abahungu... be bombi na bo." 7 Mose arasohoka ajya gusanganira sebukwe, amwikubita imbere aramusoma, baraşuhuzanya binjira mu ihema. 8 Mose atekererera sebukwe ibyo Uwiteka yagiriye Farawo n' Abanyegiputa byose abahora Abisirayeli, n'ibyaruhirije mu nzira byose, kandi uko Uwiteka yabakijije. 'Yetiro aşimishwa n'ibiza Uwiteka yagiriye Abisirayeli byose, kuko yabakijije Abanyegiputa. 10 Yetiro aravuga ati "Uwiteka ahimbarizwe yuko yabakijije Abanyegiputa na Farawo, agakura ubwo bwoko mu butware bw' Abanyegiputa. 11 None menye yuko Uwiteka aruta izindi manja zose, kuko yanesheje Abanyegiputa, ubwo bishyiranaga hejuru ubwibone ngo bagirire Abisirayeli nabi." 12 Yetiro sebukwe wa Mose ajyana igitambo cyo koswa n'ibindi bitambo ngo abitambire Imana, Aroni n'abakuru b'Abisirayeli bose baraza basangitira na sebukwe wa Mose imbere y'Imana.

Yetiro agira Mose inama yo gutoranya abacamanza bo kumufasha
(Guteg 1.9-18)

13 Bukeye bwaho Mose yicazwa no gúcira abantu imanza, abantu bahagarara bagose Mose bahera mu gitondo bageza nimugoroba. 14 Sebukwe wa Mose abonye ibyo akorera abantu byose aramuba za ati "Ibyo ukorera abantu ibi ni ibiki? Ni iki gituma wicara uri umwe, abantu bose bagahagarara bakugose bagahera mu gitondo bákageza nimugoroba?"

15 Mose asubiza sebukwe ati "Ni üko abantu baza kuri jye ngo mbabarize Imana. 16 Iyo bafite amagambo baza kuri jye nkabacira imanza, nkabamenyesha amategeko y'Imana n'ibyo yategetse."

17 Sebukwe wa Mose aramubwira ati "Ibyo ukora ibyo si byiza. '8 Ntúzabura gucikana intäge n'aba bantú muri kumwe, kuko binaniranye biruta ibyo washobora gukora weniyine. 19 None umvira ibyo nkubwira: ndakugira inama, Imana iyigufashemo. Ube ari wowe mushyiki-**rwa w'amagambo w'ahantu n'1mana**, ujye ushyira Imana imanza zabo .., kandi ujye ubigisha amategeko yayo n'ibyo yategetse, ujye ubereka inzira bakwiriye gucamo n'imrimo bakwiriye gukora. " Kandi utoranye mu bantu bose abashoboye ubucamanza, bubaha Imana n'inyangamugayo, banga impongano. Ubahe ubutware bamwe batware igihumbi igihumbi, abandi ijana ijana, abandi mirongo itapu itanu, abandi icumi icumi. " Bajye bacira abantu imanza ibihe byose kandi urubanza rukomeye rwose bajye barukuzanira, ariko urubanza rworoheje abe ari bo barüca. Ni ho uziyorohereza umuruhio, na bo bazajya bafatanya nawe. "Nugira utyo Imana ikabigtegeka uzabishobora, kandi ubu bwoko bwose buzajya ahabwo bufite amahoro."

24 Mose yuvira sebukwe, akora ibyo yamubwiye byose. 25 Mose atoranya mu Bisirayeli bose abashoboye ubucamanza abaha gutwara abantu, bamwe ngo batware igihumbi igihumbi, abandi ngo batware ijana ijana, abandi ngo batware **mirongo itanu itanu, abandi ngo batware icumi içümü**. '6 Bakajya bacira abantu imanza ibihe byose, imanza zikomeye bazizaniraga Mose, ariko izoroheje zose bakazica ubwabo.

27 Mose asezerera sebukwe, asubira mu gihugu cy'iwabo.

Imana yiyerekera Abisirayeli : **ku** musozi wa Sinayi

19 Mu kwezi kwa gatatu Abisirayeli bavuye mu gihugu cya Egiputa, kuri uwo munsi bagera mu butayu bwa Sinayi. 'Bavuye i Refidimu bageze mu butayu bwa Sinayi, babubambamo amahema. Ni ho Abisirayeli .babambye amahema, **imbere y'umusozi**. 'Mose arazamuka ngo ajye aho Imana iri, Uwiteka ari ku musozi amubwira amutera amagambo ati "**Uko abe ari ko ubwira inzu ya Yakobo**, ubu butumwa abe ari bwo ubwira Abisirayeli .uti 4 'Mwabonye ibyo

nagiriye Abanyegiputa, kandi uko naramije mwe amababa nk'ay'ikizu nkabizanira. 'None nimunyumvira by'ukuri, mu-kitondera isezerano ryanje ryanje muzambera **amaronko, mbatoranje mu mahanga yose** kuko isi yose ari iyanje, ⁶kandi muzambera ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera.' Ayo abe ari yo magambo ubwira Abisirayeli." 7Mose araza ahamagara abakuru b'abantu, abazanira ayo magambo yose Uwiteka yamutegetse. • Abantu bose bamusibiriza icyarimwe bali "Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora. " Mose ashya Uwiteka amagambo y'abantu.

9 Uwiteka abwira Mose ati "Dore ndaza aho uri ndi mu gicu gifatanye, kugira ngo abantu **bwnve mvugana nawe maze bak.wemere iteka ryose.**"

Mose abwira Uwiteka amagambo y'abantu. I-Uwiteka abwira Mose ati "Jya ku **banru ubebe none n'ejo, barnese imyenda** yabo; ¹¹luwa gatatu uzasange biteguye, kuko ku munsi wa gatatu Uwiteka azamanukira imbere y'ubwo bwoko bwose ku musozi Sinayi. 12Ubashyirireho urugabao **oo rugota uyu musozi impande zose**, ubabwire uti 'Mwirinde mwe kuzamuka ku musozi cyangwa gukora ku rugabano rwawo. Uzakora kuri uyu musozi no kwicwa azicwe. ¹³He kugira ukuboko kumukoraho, ahubwo bamwicishe amabuye cyangwa bamurase imyambi, na ho ryaba itungo cyangwa umuntu cye kubaho. Ihembe niriyuga ijwi riandaze, zamukira **bigire ku musozi.**"

14 Mose aramanuka ava kuri uwo **musozi, aza ku bantu arabeza, bamesa** imyenda yabo. 15Abwira abantu ati "Umunsi wa gatatu uzasange mwiteguye, nlimiterané n'abagore ban'yú."

16 Ku wa gatautu mu gitondo inkuba zirakubita, imirabyo irarabya, igicu gifatanye kiba kuri uwo musozi. Ijwi ry'ihe-mbe rirenga cyane ritumvikana, abantu bose barí mu ngando z'amahema bahinda imishyitsi. ¹⁷Mose azana abantu akuye mu ngando gusanganira Imana, bahagarara **munsi y'uwo musozi.** 18 **Umusozi wa** Sinayi wose ucumba umwotsi, kuko Uwiteka yawuman'kiyeho aje mu muriro. **Umwotsi wawo ucumba nk'uw'ikome,**

umusozí wose utigita cyane. 19Ijwi ry'i-hembe rirushijeho kurenga Mose aravuga, Imana imusubirisha ijwi. 2-Uwiteka amanukira ku musozi wa Sinayi, ku mutwe wawo. Uwiteka ahamagara' Mose ngo azamuke ajye ku mutwe w'uwo musozi, Mose arazamuka, 21Uwiteka abwirá Mose ali. "Maníka, utegeke abantu be gutwaza ngo bajya aho Uwiteka ari kumwitegereza, benshi muri bq; bákarimbuka. 22Kandi n'abatambyi bigire hafi y'Uwiteka blyeze, kugira ngo Uwiteka atabagwira."

23 Mose abwira Uwiteka ali. "Abantu ntibabasha kuzamuka, kuri uyu musozi wa Sinayi, kuko ubwawe wadutegetse uli. 'Ugoteshe uyu musozi urugabano, **uweze.**"

24 Uwiteka aramubwira ali. "Genda **umanuke maze uzamukane na Aroni**, ariko abatambyi n'abantu" be gutwaza ngo baze aho Uwiteka ari, kugira ngo atabagwira." ²⁵**Nuko Mose aramanuka ajya** aho abantu bari, arababwira.

Imana ibwira Abisirayeli amategeko cumi

(Guteg 5.1-33)

20 Imana ivuga aya magambo yose iti 2 "Ndi Uwiteka Imaná yawe yagukuye mu gihugu cya Egiputa, mu nzu y'uburetwa.

3 "Ntukagire izindi mana mu maso yanje.

4 "Ntukiremere igishushanyo kiba-jwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejurú mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. 'Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana gukiraniwra kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, ⁶nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanje, nkageza ku buzukuruza babo; b'ibihe igihumbi.

7 "Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamuba-ra nk'utacumuye, uvugiyie ubusa izina rye.

8 "Wibuke kweza umunsi w'isabato. 9Mu minsi itandatu' ujye ukora, abe ari **yo ukoreramo imirimo yawe yose,** ¹⁰ari-ko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka

19.5: Guteg 4.20; 7.6; 14.2; 26.18; Tito 2.14 19.5-6: 1 Pet 2.9 19.6: Ibyah 1.6; 5.10

19.12-13: Heb 12.18-20 19.16: Ibyah 4.5 19.16-18: Guteg 4.11-12

20.4-5: Kuva 34.17; Lewi 19.4; 26.1; Guteg 4.15-18; 27.15

20.5-6: Kuva 34.6-7; Kub 14.18; Guteg 7.9-10 20.7: Lewi 19.12 20.8: Kuva 16.23-30; 31.12-14

20.9-10: Kuva 23.12; 31.15; 34.21; 35.2; Lewi 23.3

Imana yawe. Ntukagire umurimo wose **uwukoraho**, **wowe ubwawe**, **cyangwa** umuhungu wawe cyangwa umukobwa **wawe**, **cyangwa umugaragu** **wawe** **cyangwa** umuja wawe, cyangwa itungo rya-we cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, ¹¹ kuko iminsi itandatu' ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inanya n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatuumye Uwiteka aha **umugisha umunsi w'isabato**, **ak.aweza**.

12 "Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.

13 "Ntukice.

14 "Ntugasambane..

15 "Ntukibe.

16 "Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.

17 "Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, **ntukifuze umugore wa mugenzi** wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we, cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi: wawe."

18 Abantu bose bumva za nkuba zikubita, babona ya mirabyo irabya, **bumva ijwi rya rya hembe**, **babona wa** musozi ucumba umwotsi, babibonye bahinda imishyitsi, bahagarara' kure. ¹⁹ **Bahwira Mose bati** "Ba ari **wowe utubwira** ni ho turi bwumve, ariko Imana ye kutubwira tudapfa."

20 Mose abwira abantu ati "Nimuhumure kuko Imana izanywe no kubagerageza, no kugira ngo gutera ubwoba kwayo guhore imbere yanyu mudakora ibyaha." ²¹ Abantu bahagarara kure. Mose yigira hafi y'umwijima w'icuraburindi **Imana irimo**.

22 Uwiteka abwira Mose ati "Uku abe ari ko ubwira Abisirayeli, uti 'Ubwanu mwiboneye ko mbabwiye ndi mu ijuru. ²³ Ntimukareme izindi mana ngo muzibangikanye nanjye, imana z'ifeza cyangwa imana z'izahabu ntimukazicuire. ²⁴ Undundire igicaniro cy'ibitaka, ugitarnibreho ibitambo byawe byoswa

n'ibitambo by'uko uri amahoro, intarna zawe n'inika zawe. Aho nzibukiriza izina ryanje hose, nzaza aho uri nguhe umugisha. " Kandi nunyubakira igicaniro cy'amabuye, ntuzacyubakishe amabuye abajwe, kuko nukimanikaho icyuma cyawé uzaba ugibumanije. ² Kandi ntugashyre urwuririg rw'amabuye ku gicaniro cyanje ngo ucyurire, kugira ngo ubwambure bwawe butakigařagariraho.'

Andi mategeko **y'Imana**

21

"Aya mategeko ni yo uzashyira imbere yabo. ² Nugura umugurano w'Umuheburayo agukorere imyaka itandatu, ku wa karindwi azagende abe uw'umudendezo, atagize ico yicunguje. ³ Niba yaraje wenyine agende wenyine, niba yarazanye n'umugore we ajayne na we. ⁴ Kandi shebuja narnushyingira umugore bakabyarana abahungu cyangwa abakobwa, uwo mugore n'abana be baza-be aba shebuja uwo, ariko uwo mugabo agende wenyine. ⁵ Ariko uwo mugurano niyerura ati 'Nkunze databuja n'umugore wanje n'abana banjye, sinshaka kugenda ngo mbe uw'umudendezo', shebuja amujyane imbere y'Imana¹ amuhagarike ku rugi cyangwa ku nkomanzo, shebuja amupfumuze ugutwi uruhindu, agumye kumukorera iteka.

⁷ "Umuntu nagura umukobwa we ngo **abe umugurano**, **ntagenzwe kumwe o'** bagurano b'abagabo. ⁸ Niba ataneyeje shebuja wagambiriye kumurongora, yemere ko acungurwa. Ntyemererwe kumugurisha abanyamahanga kuko yamuviiriye mu isezerano. ⁹ Kandi narqushyingira umuhungu we, amugirije nk'ibyo yagirira umukobwa we. IONamuharika ntagabanye ibyokurya bye n'imyarbaro ye, ntamwicire ige. ¹¹ Natamukorera ibyo tiko ari bitatu, azagende adakoranuwe.

12 "Ukubise umuntu agapfa ntakabure kwicwa. ¹³ Kandi umuntu natub1klra undi, Imana igatuma amugwa mu maboko, nzagutegekera aho azahungira.

¹⁴ Umuntu natera mugenzi: we abyituimye

20.11: Itang 2.1-3; Kuva 31.17

20.12: Guteg 27.16; Mat 15.4; 19.19; Mar 7.10; 10.19; Luka 18.20; Ef6.2-3

20.13: Itang 9.6; Lewi 24.17; Mat 5.21; 19.18; Mar 10.19; Luka 18.20; Rom 13.9; Yak 2.11

20.14: Lewi 20.10; Mat 5.27; 19.18; Mar 10.19; Luka 18.20; Rom 13.9; Yak 2.11

20.15: Lewi 19.11; Mat 19.18; Mar 10.19; Luka 18.20; Rom 13.9

20.16: Kuva23.1; Mat 19.18; Mar 10.19; Luka 18.20 20.17: Rom 7.7; 13.9 20.18-19: Heb 12.18-19

20.25: Guteg 27.5-7; Yos 8.31 21.1-11; Guteg 15.12-18 21.2-6: Lewi 25.39-46 21.12: Lewi 24.17

21.13: Kub 35.10-34; Guteg 19.1-13; YOS 20.1-9

¹ Jmama: cyangwa, abacamanza; reba Zab 82.

ngo amwicishe uburiganya, umukure ku gicaniro cyanjye ahorwe.

15 "Ukubise se cyangwa nyina ntakabure kwicwa.

16 "Uwibye umuntu akamugura cyangwa bakamumufatana, ntakabure kwicwa.

17 "Uvumye se cyangwa nyina ntakabure kwicwa.

18 "Abantu nibarwana umwe agakubitaundi ibuye cyangwa igipfunsi, akabirwara iminsi ntapfe, 19 nasindagirira kubikando uwamukubise ntazagibweho n'urubanza, ahubwo azarihe iminsi amaze arwaye kandi amuvuze arinde akira neza.

20 "Umuntu nakubita inkoni umugurano we w'umugabo cyangwa w'umugore akamu-kumbanya, ntazabure guhanwa. 21 Ariko nasibira rimwe cyangwa kabiri, ntashyirweho igihano kuko uwo ari ifeza ye.

22 "Kandi abantu nibarwana bakababaza umugore utwite, akavanamo inda ariko ntagire ikindi aba, ntazabure kuriha icyo umugabo w'uwo mugore amurihi-shije cyose, azarfhe nk'uko abacamanza bategetse. 2J Ariko nihagira ikindi aba, uzategke ko ubugingo buhorerwa ubundi, 24ijisho rihorerwa irindi, iryinyo rihorerwa irindi, ikiganza gihorerwa iki-ndi, ikirènge gihorerwa ikindi, 2subushye buhorerwa ubundi, uruguma ruhorerwa urundi, uñubyimba uhorerwa undi.

26 "Umuntu nakubita, umugurano we w'umugabo cyangwa w'umugore akamumena ijisho, amuhe umudendezo kuko amumenne ijisho. "Kandi nakubita, umugurano we w'umugabo cyangwa w'umugore akamukura iryinyo, amuhe umudendezo kuko amukuye iryinyo.

28 "Inka niyica umugabo cyangwa umugore agapfa, iyo nka ntikabure kwicishwa amabuye kandi ntikabire, ariko nyirayo ntazagibweho n'urubanza. 2. Ariko niba iyo nka yari isanzwe yica bakaba barabibwiye nyirayo ntayirinde, ikica umugabo cyangwa umugore agapfa, iyo nka yicishwe amabuye, nyirayo na we bamwice. jo Nibamuca ikarabo, atange ibyo bamuciye byose gucungura ubugingo bwe. 31Naho yaba umuhungu.. w'umuntu cyangwa umiñükobwa we iyo nka yishe, bimubere ùko iryo tegeko ritegetse. 32Inka

m'Y1ca umugurano. w'umugabo cyangwa w'umugore, nyirayo azahé shebuja w'uwo shekeli z'ifeza miróngo itatu, bicishe iyo nka amabuye.

33 "Umuntu nasibura urwobo rwacukuriwe kubika amazi, cyangwa narucukura ntarupfundikiré... inka cyangwa indogobe ikagwamo, 34nyirarwo arihe icyo iguze: ahe nyirayo izo feza, intumbi ibe iyo nyir'urwobo.

35 "Inka y'umuntu niyica iy'undi iga-pfa, iyayishe bayigure bagabane ibiguzi byayo, kandi n'intumbi na yo bayigabane. 36Cyangwa nibimenyekana... yuko iyo nka yari isanzwe yica, nyirayo ntayirinde, ntazabure kurihaho indi, intumbi ikaþa iye.

Andi mategeko y'Imana

37 "Umuntu niyiba inka cyangwa intama, akayibaga cyangwa akayigura, inka ayiriheho eshanu, intama ayiriheho enye.^m

22 "Umujur nagwa mu cyuho nijoro, amaråso ye ntazabáku uwmwishes. 2Ariko nibamwica izuba rîrashe, amaraso ye azabakoraho.. kuko yari akwiriye kwigura, kandi naba adafite icyo yigura, nibamugure ku. bw'ubujura, bwe.

3 "Nafatanwa inyibano ikiri nzima, naho yaba inka cyangwa indogobe cyangwa intama, ariheho ebyiri:

4 "Umuntu niyonesha umurima cyangwa uruzabibu byundi, cyangwa niyihorera itungo ryè rikona umurima w'undi, amugerere imyaka irushaho kuba myiza yo mu we murima cyangwa iyo mu rwe ruzabibu, ayimrihe,

5 "Umuriro nucanwa ukaguruman ugafata uruzitiro rw'amahwa, ukambukiranya ugafata amasaka ari ku murara cyangwa agihagaze, cyangwa umurima **ugashya, uwacanye nwo muriro ntakabure** kubiriha.

6 "Umuntu nabitsa mugenzi, we ifeza cyangwa ibindi bintu bikibirwa iwe, umujura naboneka azarihe kabiri. 7N'atâboneka, nyir'urwo rugo yigire imbere y'Imana ngo arahire yüko atiyibishije ibya mugenzi; we.

8 "Mu byo guhuguzanya byose, naho yaba inka cyangwa indogobe cyangwa intama, cyangwa umwambaro cyangwa ikindi kintu cyose cyabuze;

21:16: Guteg 24.7 21:17: Lewi 20.9; Mat 15.4; Mar 7.10

21:24: Lewi 24.19-20; Guteg 19.21; Mat 5.38

m21:37: muri Biblia Yera ya mbere, uyu murongo ni 22.1; bityo 22.2-31 ihwanye na 22.1-30 muri iyi Bibiliya, nk'uko biri mu Ruheburayo.

umuntu akagishingura ati Tki ni cyo nabuze', urubanza rwa bombi ruzaburainirwe imbere y'Imana, n uwo Imana izacira urubanza ko atsinzwe azarihe undi kabiri.

9 "Umuntu naragiza mugenzi we indogobe cyangwa jnka, cyangwa intama cyangwa irindi tungo ryose, igapfa cyangwa ikavunika cyangwa ikanyagwa ari nta wubireba, 10 kūrahira Uwiteka kuzabe hagati yabo bombi yuko atiyibishihe itungo rya mugenzi we, nyiraryo yemere undi ntarihe. 11 Ariko ryakwibirwa iwe, azarihe nyiraryo. 12 Ryatanyagurwa n'i-nyamaswa, azazanq igikanka kimwemeza, ntazarieh itanyaguwe.

13 "Kandi umuntu natira itungo rya mugenzi we, rikavunika cyangwa rigapfa nyiraryo adahari, ntazabure kumuriha. 14 Ariko nyiraryo nahaba ntazamurihe. Ariko ryaba rije ngo uwagwatiriye atanage ibigizi by'ihihe basezeranye, ibyo biguzi, bizarangize.

15 "Umuntu nashukashuka umwari utasabwe akaryamana na we, ntakabure kumuķwa ngo amuronore. 16 Ariko se niyanga rwose kumumushyingira, azatange inkwano nk'iz'abakobwa.

17 "Umurozikazi... ntuzarēke abaho.

18 "Uzaryamana n'itungo ntakabure kwicwa.

19 "Uzatambira imana yose igitambo itari **Uwiteka, azarimburwe rwose.**

20 "Umusuuhuke w'umunyamahanga ntukamugirire nabi, ntukamuhate kuko namwe mwari abasuhuke mu gihugu cya Egiputa. 21 Ntihakagire umpfakazi cyangwa impfubyi mubabaza. 22 Nugira icyo ubababaza na gato bakantakira, sinzabura kumva gutaka kwabo, 23 uburakari bwaniye bukagururnana, nkabicisha inkota, abagore banyu namwe bakaba abapfakazi, abana banyu bakaba impfubyi.

24 "Nuguriza ifeza umukene wese wo mu bwoko bwanjye muri k:umwe, ntuzamugirire nk'uko abishyuzā bakora kañdi ntumuzamwaké inyungu. "Niwaka umwenda wa mugenzi wawe ho ingwate, izuba

ntirikareng utawumushubije 26 kuko ari wo yambara wonyine, ari wo mwambaro wo kū mubiri we. Aziyorosa OO?Nantakirā nzamwumvira, kuko ndi umunyambabazi..

27 "Ntugatuke Imanao, ntukavume umutware w'ubwoko bwanyu..

28 "Ntugatinde kuntu ku byuzuye ibigega byawe, no ku mazi y'imbuto z'ibiti byawe.

"Impfura z'abahungu bawe ujye uzinatura.

29 "Abe ari ko ugorira n'inka zawe n'intama zawe: **uburiza buzamarane iminsi irindwi na nyina, ku wa munani ujye ubuntura.**

30 "Kanđi muzambere abera, ni cyo gituma mudakwiriye kurya ikirfra cyo ku gasozi, mujye mukijugunyira imbwa.

Andi mategeko y'Imana

23 "Niwumva inkurū y'irnpua ntukayamamaze, ntugakoraniře **mu** ntoki n'ununyabyaha gusezerana guhamya ibinyoma. 2 Ntugakurikize benshi gukora ibyāha, kandi nutangwa ho umUgabo ntukajye iyo abenshi bagiye ngo utume baca urubanza nabi, 3 kandi ntugatsindishiririze umuntu' kuko ari umukene.

4 "Nuhurā n'inka y'umwanzi... wawe cyangwa n'indogobe ye izimira, ntukabure kuyimuzanira. 5 Kandi nusanga indogobe y'umwanzi... wawe umutwaro ihetsye yawugwanye, ukagira ngo wirengagize kumufasha, ntukabure kumufasha.

6 "Ntukagoreke urubanza rw'umuke-ne uri muri mwe. 7 Wirinde cyane ibirego by'ibinyoma. Ntukice utacumuye ukwiriye gutsinda umuziza akarengane, kuko ntazatsindishiriza, umunyabyaha. • Ntugahongerwe kuko impongano ihumya amaso y'abareba, kandi igoreka imanza^P z'abakiranutsi.

9 "Kandi ntugahate umusuuhuke w'u-munyamahanga kuko muzi umutima **w'umusuuhuke, kuko namwe mwari abasuhuke** mu gihugu cya Egiputa.

10 "Mu myaka itandatu, ujye ubiba ku butaka bwawe usarure imyaka yabwo,

22.15-16: Guteg 22.28-29 22.17: Guteg 18.10-1 22.18: Lewi 18.23; 20.15-16; Guteg 27.21

22.19: Guleg 17.2-7 22.20-21: Kuva 23.9; Lewi 19.33-34; Guteg 24.17-18; 27.19

22.24: Lewi 25.35-38; Guleg 15.7-11; 23.19-20 22.25-26: Guteg 24.10-13 22.27: Ibyak 23.5

22.30: Lewi 17.15 23.1: Kuva20.16; Lewi 19.11-12; Guteg 5.20 23.3: Lewi 19.15

23.4-5: Guteg 22.1-4 23.6-8: Lewi 19.15; Guteg 16.19

23.9: Kuva22.21; Lewi 19.33-34; Guteg 24.17-18; 27.19 23.10-11: Lewi25.1-7

ⁿ Imana: cyangwa, abacamanza.

^o Imana: cyangwa, abacamanza.

^P igoreka imanza: cyangwa, yonona amagambo.

J ariko ku wa karindwi bujye buruhuka uburaze, kugira ngo abakene bo mu bwoko bwanyu barye cyimeza, ibyo basize inyamaswa zo mu gašozi zibiry. Uko abe ari ko ujya ugenza uruzabibu **rwawe n'urwelayo rwawe.**

12 "Mu minsi itandatu ujye ukora imirimo yawe, ku wa karindwi ujye uruhuka kugira ngo inka yawe n'indogobe yawe ziruhuke, umwana w'umuja wawe n'umusuhuke, w'umunyamahanga basubizwemo intege.

13 "Mwitondere ibyo nababwiye byose, ntumukavuge na hato amazina y'izindi mania, ntakumvikānē mu kanwa kawé.

14 "Uko umwaka utashye ujye unziririza iminsi mikuru gatatu. ¹⁵ Ujye uziririza iminsi mikuru y'imitsima itasembuwé. Mu minsi irindwi ujye urya imitsima itasembuwé uko nagutegetse, mu gihe cyategetswé cyo mu kwezi Abibu kuko ari ko waviriyemo muri Egiputa, he kugira umuntu. uza ubusa imbere yanje.

16 "Kanidi ujye uziririza umunsi mu-kuru w'isarura, uw'umuganura w'imiri-mo yawe wabibye mu murima.

"Kandi ujye uziririza umunsi mukuru w'isarura rya byose, wo ku iherezo ry'u-mwaka numara gusarura imirirno yawe mu isainbu yawe. ¹⁷ Uko umwaka utashye, abagabo bo muri mwe bose bajye baboneka imbere y'umwami Uwiteka ibihe bitatu.

18 "Amaraso y'igitambo ntambiwé ntukayatambane n'imitsima yasembuwé, kandi urūgimbu rw'icyatambwe ku mu-nsi mukuru wanje ntiukarare ngo rugeze mu gitondo.

19 "Umuganura w'ibibanje kwera mu butaka bwawe, ujye uwuzana mu nzu, y'Uwiteka Imana yawe.

"Ntugatekeshe umwana w'ihe ne amahenehene ya nyina.

20 "Dore ndatuma marayika imbere yawe akurindire mu nzira akujyane aho nakwiteguriye. ²¹ Mumwitondeho, mu-mwumvire ntumukamugomere kuko atazababarira ibicumurō byanyu, kuko **izina ryanje riri muri we.** ²² Arikó numwumvira by'ukuri ugakora ibyo **nzavuga byose, nanje nzaba umwanzi** w'abanzi bawe n'umubisha w'ababisha bawe. ²³ Kuko marayika wanje azaku-

jya imbere akakujyana mu Bamori n'A-baheti, n'Abaferizi n'Abanyakanani, n'Abahivi n'Abayebusi maze nkabari, mbura. ²⁴ Ntuzikubite imbere y'imana zabo, ntuzazikorere kandi ntuzagenze nka bo, ahubwo uzabarimbure rwose, utembagaze inkingi z'amabuye bubatse. ²⁵ Kandi muzakorere Uwiteka Ima-na yanyu, na yo izaha umugisha umutsi-ma wawe n'amazi yawe, kandi nzakura indwara hagati.. muri mwe. ²⁶ Mu gihugu, cyawe nta wuzavanamo inda, nta wuza-gumba, umubare w'iminsi yawe nza-wusohozza udakenyutse.

27 "Nzohereza igitinyiro cyanje ki-kuje imbere, nirukane abantu, uzageramo bose, ntume ababisha bawe bose baguha ibitugu. ² Nzohereza amavubi akiuje imbere, yirukane Abahivi n'Abanyakanani, n'Abaheti imbere yawe. ² Si-nzabirukaná imbere yawe mu mwaka umwe kugira ngo ighugu kidahinduka, **umwirare, inyamaswa zo mu ishyamba zikagwira zikagutera.** ³⁰ Ahubwo nzabiru-kaná imbere yawe ni ruto ni ruto, ngeze aho uzagwirira ukazungura' icyo gihugu. ³¹ Nzagushyiriraho urugabaño, ruhere ku Nyanja Itukura rugere ku Nyanja y'Abafilisitiya, kandi ruhere ku butayu rugere ku ruzi (Ufurate), kuko nzabagabiza aba-tuye muri icyo gihugu, mukabanesha, mukabirukana imbere yanyu. ³² Ntzagire isezerano usezerana na bo cyangwa n'i-mana zabo. ³³ Ntibazagumye kuba mu gihugu cyawe kugira ngo batakuncumuzaho, kuko wakorera imana zabo ntibaya-bura kukubera umutego."

Isezerano ry'Uwiteka n' Abisirayeli .. rirakomezwa

24 Imana ibwira Mose iti "Uzamukane na Aroni na Nadabu na Abihu, n'abakuru b'Abisirayeli mirongo irindwi mwarekeje aho Uwiteka ari. Namwe musenge mukiri kure, ² Mose abe ari we wigira hafi y'Uwiteka, wenylene, bo ntibamwigire hafi kandi abandi bantu, ntibazamukane na we."

3 Mose araza abwira abantu, amagambo . y'Uwiteka yose n'amategeko ye yose, abantu bose battusubiriza icyarirnwé batí "Ibyo Uwiteka yavuzé byose tuzabikora."

23.12: Kuva 20.10-11; 31.15; 34.21; 35.2; Lewi 23.3; Guteg 5.13-14

23.14-19: Kuva 34.18-26; Guteg 16.1-17 23.15: Kuva 12.14-20; Lewi 23.6-8; Kub 28.17-25

23.16: Lewi 23.15-21,39-43; Kub 28.26-31 23.19: Kuva 34.26; Guteg 14.21; 26.2

r inkingi ... bubatse: cyangwa, ibishushanyo byabo byabajwe mu mabuye.

4Mose yandika amagambo y'Uwiteka . yose, azinduka kare yubaka igicaniro hasi y'ubo musozi, n'ipkingi .. z'amabuye cumi n'ebyirij zinganya umubare n'imiryarigo y' Abisirayeli,, uko ari cumi n'ibiri. • Atuma abasore bo mu Bisirayeli.. batambira Uwiteka, ibitambo: byoswa, n'inka z'ibitambo by'uko bari amahoro. 6Mose agabanya amaraso mu bice bibiri bingana: kimwe agisuka . mu nzabya, ikindi akimisha ku gicaniro. 7Yenda igitabo cy'isezerano agisomera abantu, baramyb>wira bat "Ibyo Uwiteka yavuze : byose tuzabikora, kändi. tuzarnwumvira."

8 Mose yenda . ayo maraso, ayamisha ku bantu arababwira ati "Ngaya amaraso y'isezerano Uwiteka asezeranye namwe, nk'uko ayo magambo yose ari."

9 Maze Mose azamukana na Aroni na Nadabu na Abihu, n'bakuru b'Abisirayeli, mirongo irindwi bareba Imaña y' Abisirayeli:.. munsi y'ibirenge byayo hameze nk'amabuye ashashwe ya safrro ibonerana, ihwanye n'ijuru ry'umupymure ubwaryo. 14Kändi abatoranjwe b' Abisirayeli ntiyagira icyo ibatwara. Barba Imana, bararya, baranywa.

Uwiteka ahamagara Mose ngo yongere kuzamuka umusozi wa Sinayi

12 Uwiteka abwira Mose ati "Zamuka uze aho ndi ku musozi ugumeyo, nánjye nzaguha ibisaté, by'amabuye biriho amategeko, n'ibyategetswes nandikiye kubigisha.". 13Mose ahagurukana na Yosuwa umufasha we, Mose azamuka.. ku. musozi w'Imana. 14Abwira ha bakuru ati "Mudutegererere hano mugeze aho tuzagarukira aho muri, kandi Aroni na Huri murasigiranye, ushaka kuburana abasange."

15 Mose azamuka kuri uwo musozi, cya gicu kirawubundikira. 16Ubwiza burabagirana bw'Uwiteka bugumá ku musozi wa Sinayi, igicu kiwubundikira. iminsi itandatu, ku wa karindwi ahama-gajira Mose muri icyo gicu. 17Mu maso y' Abisirayeli,, ishusho y'ubwiza bw'Uwiteka yameraga nk'umuriro' ukongora ku mutwe w'uwo musozi. 18Mose ajya imbere muri icyo gicu, azamuka kuri

uwo musozi awumaraho iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine.

Ibyo kurema Ihema ry'Imana

25 Uwiteka abwira Mose ati z'Bwira Abisirayeli banture ariaturo, umuntu wese wemezwa n'umutima we azaba ari we mwakira ituro ántura. 3Ibi abe ari byo mwakira ho amatüro: izahabu n'ifeza n'imiringa, 4n'ubudodo . bw'umükara wa kahayonga n'ubw'umuhengeri, n'ubw'umuhemba n'ubw'ibitare byiza . n'ubwoya bw'ihene, 5n'impu z'amasekurume y'intama zizigishijwe inzigo itukura, n'impu z'inyamasa zitwa tahaši', n'imbaho z'ibiti byitywa jimišita,. 6n'amavuta y'amata-baza n'ibihumura neza byo kuvangwa n'amavuta, ya elayo yo gusiga, n'ibyo kuvangwa bigahinduka umubavu mwiza wo kosa, 7n'amtibuye yitwa shohamü n'andí, mabuye yo guhundwa, akaba ku mwambaro witwa efodi no ku. mwambaro wo ku gituza. 8Kändi bändemere ubuturo bwera, ntire hagati muri bo. 'Muzabureme buse n'ibyo ngiye kukwereka byose, icyitegererero cy'ubuturo n'icy'ibantu byabwo byose.

10 "Kandi bázablize isanduku mu giti cyitwa umushita: uburebure bwayo bw'umurambararo bube mikono ibiri n'igice, ubugari bwayo bube mukono umwe n'igice, uburebure bw'ighagararo bube mukono umwe n'igice. 14Uzayiyagirizeho izahabu nziza imbere n'inyuma, uyigoteshi umuguno w'izahabu. "Uyitekere izahabu zivemo ibifunga bine, ubishyre' ku nkokora zayo zo hepfo uko ari enye. Ibifunga bibiri bibe mu rubavu rumwe, ibindi bibiri bibe mu rundi,. 13Ubaze imijisho mu mushita; uyiyagirizeho izahabu. ,4Ushyire iyo mijisho mu bifunga byo mu mbavu z'yo sanduku, bajye bayiyiré-mereza. " Iyo mijisho igumé mu bifunga by'sanduku, ntikabivemo. '6Ushyire' mu ri iyo sanduku.. Ibihamya nzaguha.

17 "Kandi ucure intebé, y'ihongererero mu izahabu nziza, uburebure bwayo bw'umurambáraro.. bube mikono ibiri n'igice, ubugari bwayo bube mukono umwe n'igice. '8 Kandi ureme abakerubi .. babiri mu izahabu, ubáremé mu ižahabu icuzwe,

24.8: Mat 26.28; Mar 14.24; Luka 22.20; 1 Kor 11.25; Heb 9.19-20; 10.29 24.18: Guteg 9.9
25.1-9: Kuva35.4-9 25.10-22: Kuva37.1-9 25.17: Heb9.5

¹ nandikiye kubigisha: cyangwa, nanditse ngo ubigishe.

² tahaši ni inyamaswa nini yo mu nyanja y'uruhi rusa n'urw'inzibyi.

³ abakerubi: umutwe umwe w'abamarayika witwa abakerubi.

ubareme mu mitwe yombi y'iyo ntebe y'ihongerero. '9Ureme umukerubi umwe **mu mutwe umwe, n'undi mu wundi**, bacuranwe n'intebe y'ibongerero mu mitwe yayo yombi. 20Abo bakerubi batande amababa yabo hejuru ngo bayakingitirishé iyo ntebe y'ihongerero, berekerane, barebe iyo ntebe y'ibongerero. 21Ushyire iyo ntebe y'ibongerero kuri ya sanduku, uyishyiremo Ibibamya nzaguha. 22Abo ni ho nzajya mbonanira nawe hejuru y'intebe y'ibongerero, hatagi y'abo bakerubi bari ku isandukuy'Ibibamya, ni ho nzajya nkubwirira amategeko yanjiye yose ntegeka Abisirayeli.

23 "Kandi uzabaze ameza amwe mu mushita, uburebure bwayo bw'umurambararo bube mikono ibiri, ubugari bwayo bube mukono umwe, uburebure bw'i-gibagararo bube mukono umwe n'igice. 24Uyayagirizaho izahabu nziza, uyagoteshé umuguno w'izahabu. "Uyabiirize igikomeza amaguru kiyagote, ubugari bwacyo bube intambwe imwe, ukigoteshé umuguno w'izahabu. 2.Uyaterekere izahabu zivemo ibifunga bine, ubishyire ku nkokora uko ari enye ziri ku maguru yayo uko ari ane. 27Ibyo bifunga bibe hafi y'igikomeza amaguru, bibe ibyo gushyirwamo imijisho yo kuremerezwa ameza. 28Ubiizi irnijisho mu mushita uyiyagirizaho izahabu, abe ari yo ijya iremerezwa ayo meza. 29 Ucure **amasahani** n'udukcombe byo kuri yo, ucure n'ibikombe n'imperezo byo kuri yo byo gusukisha amaturo y'ibyokunywa, ubicure mu izahabu nziza. 30 Ujye uterekera kuri ayo meza imitsima yo kumurikwa, ibore irnbere yanjiye iteka.

31 "Kandi uzareme igitereko cy'a-matabaza mu izahabu nziza, bakireme mu izahabu icuzwe: indiba yacyo n'umubyimba wacyo, ibikombe n'ibibumbabumbye n'uburabyo byo kuri cyo bicuranwe na cyo. 32Kandi gishamike amashami atandatu: amashami atatu y'i-cyo giteroko ashamike mu rubavu rumwe, n'ayandi atatu mu rundi. 33Ishami rimwe rigire ibikombe bitatu bisa n'uburabyo bw'ind6zi', cyose gifatanye n'ikibumbabumbye n'ururabyo, n'iryo ku rundi rubavu rigire ibikombe bitatu

bisa n'uburabyobw'ind6zi, cyose gifatanye n'ikibumbabumbye n'ururabyo. Amashami yose uko ari atandatu ashamitse kuri icyo giterek, abe ari ko amera. 34Umubyimba wacyo ugire ibikombe bine bisa n'uburabyo bw'ind6zi, n'ibibumbabumbye n'uburabyo bifatanye na byo. 35 Ikibumbabumbye kibe munsi y'amashami abiri acuranywe na cyo, n'ikindi kibe munsi y'andi mashami abiri acuranywe na cyo, ikindi kibe munsi y'andi mashami abiri acuranywe na cyo, **uko amashami ashamitse kuri icyo giterek** ari atandatu. 3.Ibibumbabumbye byacyo n'amashami yacyo acuranywe na cyo, cyose giecurirwe hamwe mu izahabu nziza. 37Ucure amatabaza yacyo arindwi, bazajye bayagishyiraho uburyo butuma amurikira imbere yacyo. 38Cycuma cyacyo cyo gukuraho ibishirira n'udusahani two kubishyiraho, bicurwe mu izahabu nziza. 39ItalantoY y'izahabu nziza abe ari yo icyo giterek, n'ibyo bintu byacyo byose biremeshwa. 40Ugire umwete wo kubirema, ukurikize icyitegerez cyabyo werewewe kuri yuu musozi.

Ibantu by'Ihema ry'Imana
(Kuva 36.8-38)

26 "Kandi uzareme ubwo buturo, ubusakaze imyenda cumi, uyiboheshe ubudodo bw'ibitare bwiza buboheranije, n'ubw'umukara wa kabayonga n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba, bayibohemo ibishushanyo by'abakerubi, abahanga b'ibyo abe ari bo babiboha. 2Uburebure bw'umwenda wose bube mikono mak. umyabiri n'umunani, ubugari bwawo bube mikono ine, imyenda yose ibe urugero rumwe. 3Imyenda itanu ikombatwe ukwayo, n'iyindi itanu ikombatwe ukwayo. 4Kandi udode imikondo y'udutambaro tw'imikara ya kabayonga ku musozo w'umwenda uhera igikombe te kimwe, udode yindi nka yo kuu musozo w'umwenda uhera ikindi gikombe. •Udode imikondo mirongo itanu ku mwenda umwe, n'indi mirongo itanu uyidode ku musozo w'umwenda uhera ikindi gikombe, iyo mikondo yerekera-ne. •Ucure ibikwasi by'izahabu mirongo

25.23-30: Kuva 37.10-16 25.30: Lewi 24.5-8 25.31-40: Kuva 37.17-24 25.40: Ibyak 7.44; Heb 8.5

^v indozi ni imbuto zisa n'ububemba.

^w bayagishyiraho: cyangwa, , bayakongeza.

^y Italanto ni nk'indatira mirongo ine n'eshanu.

itanu ubifatanishe ibyo bikombate, ubwo buturo bube bumwe.

7 "Kandi uzabobe imyenda yo gusakara y'ubwoya bw'ihene, ibe ihema risakara ubwo buturo, ubohe imyenda cumi n'umwe. 8 Uburebure bw'umwenda wose bube mikono mirongo itatu, ubugari bwawo bube mikono ine, iyo myenda uko

ari cumi n'umwe ibe urugero rumwe.

9Ukombate imyenda itanu ukwayo, n'i-yindi itandatu uyikombate ukwayo, uwa gataandatu . uwubindilre imbere y'ihema. '0 Udode imikondo mirongo itanu ku musozo w'umwenda uhera igikombate kimwe, n'indi mirongo itanu uydide ku musozo w'umwenda uhera ikindi gikombate. 11 Ucure ibikwasi by'imiringa mirongo itanu ubishyire muri iyo mikondo, ufataanye iryo hema ribe rimwe. 12 Igice cy'imyenda y'ihema gisagaho kikarereta, ni cyo gice gisagaho cy'umwenda umwe kingana n'ikindi, kireretere inyuma y'u-bwo buturo. 13 Ubwo ibikombate by'ihema bisagaho mukono umwe mu burebure bw'uruhande rumwe, n'indi ibiri mu

rundi, ireretere mu mbavu z'ubuturo zombi, iritwikire.

14 "Kandi uzaciranye igisakara iryo hema mu mpu z'ama~ekurume y'intama zizigishijwe inzigo itukura, ukirenzezo igiciranre cy'impu z'inymaswa zitwa tahashi.

15 "Kandi uzabaze imbaho z'imiganda y'ubwo buturo mu mushita, uzishinge. 16 Uburebure bw'urubaho rwose bube mikono cumi, ubugari bwarwo bube mukono umwe n'igice. 17 Kandi ku rubaho rwose habe, inkarye ebyiri zifatanye, abe ari ko uzabiiza ku mbaho z'ubwo buturo zose. 18 Ubiize imbaho z'imiganda yabwo, iz'uruhande rw'iburyo zibe makumyabiri. 19 Kandi uzacure imyobo mirongo ine mu ifeza, ibe hasi y'izo mbaho uko ari makumyabiri. Imyobo ibiri ibe hasi y'urubaho rumwe, ishingwemo inkarwe zarwo zombi, bityo bityo. 20 Kandi uzabiize imbaho makumyabiri z'urundi rubande rw'ubwo buturo rw'ibumoso, 21 **uzicurire imyobo mirongo ine mu ifeza**, imyobo ibiri ibe hasi y'urubaho rumwe, bityo bityo. 22 Kandi uzabaze imbaho esheshatu zo mu mwiniyiro w'ubwo buturo, iburengerazuba. 23 Ubiize imbaho ebyiri z'impfuruka : zabwo zo mu mwiniyiro. 24 **Hasi zibe izivuyemo nk'ebyiri,**

kandi zibe imyishyikire zigere ku mpeta ya mbere, abe ari ko biba kuri zombi zihe, izo ku mpfuruka zo mu mwiniyiro. 25 Nuko izo mbaho zizabe umunani, imyobo y'ifeza yo kuzishingamo izabe cumi n'itandatu, imyobo ibiri ibe hasi y'urubaho rumwe, bityo bityo.

26 "Kandi uzahaze imbumbe mu mu-shita, imbumbe eshanu zo ku mbaho z'imiganda y'uruhande rumwe rw'ubwo buturo, 27 ha zindi eshanu zo ku mbaho z'imiganda y'urundi ruhande rwabwo, n'iziendi.. eshanu zo mu mwiniyiro wabwo, iburengerazuba. "Imbumbe yo hagati y'i-zindi iringanje imbaho, ibe umwisyikire. 29 Kandi izo mbaho uzaziyagirizeho izahabu, ucure impeta mu izahabu zo kuzishyiraho, zisesekwemo izo mbumbe, imbumbe na zo uziyagirizeho izahabu. 30 Uzashinge ubwo buturo buhwanye n'icyitegererereo cyabwo werekewe kuri uyu musozi.

31 "Kandi umwenda.. ukingiriza uza-wuboheshe ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umu-hemba, n'ubw'ibitare byiza buboheranje, bawubohemo ibishushanyo by'abakerubi, abahanga b'ibyo abe ari bo babiboha. 32 Uwurnanike ku nkingi enye zibajwe mu mushita ziyagirijweho izahabu, inkonzo zo kuri zo zicurwe mu izahabu, zishingwe mu myobo ine y'ifeza. "Umanike uwo mwenda.. munsi ya bya bikwasi, ushyire hirya yawo ya sanduku y'Tbihamya, uwo mwenda ubabere urugabano rw' Ahera n' Ahera cyan. 3. Kandi uzashyire ya ntebe y'ihongerero kuri iyo sanduku y'I-bihamya, iri Ahera cyan. 3s Kandi ya meza uyashyire hino y'ubo mwenda, na cya giterekoy cy'amatabaza ugishyire mu ruhande rw'iburyo rw'ubwo buturo, kibangikane n'ayo meza, ameza uyashyire mu ruhande rw'ibumoso.

36 "Kandi umwenda wo gukinga **umuryango w'iryo Hema, uzawuremeshe** ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umu-hemba, n'ubw'ibitare.. byiza buboheranje, abahanga b'ibyo abe ari bo bawudodaho ambara. 37 Kandi uzawubiirize inkingi eshanu mu mushita uziyagirizeho izahabu, **inkonzo zo kuri zo zicurwe mu izahabu**, kandi utekere izo nkingi imiringa, ivemo imyobo itanu yo kuzishingamo.

Ibindi bintu by'Ithema ry'Imana
(Kuva 38.1-19)

27 "Kandi uzabiize igicaniro mu mushita, uhurehure hwacyo hw'u-muramhararo huhe mikono itanu, n'uhugari hwacyo huhe mikono itanu, kingane impande zose, uburehure hwacyo hw'i-ighagararo huhe mikono itatu. 2 Mu nkokora zacyo uko ari enye, uzabiizeho amahe-mhe uyahazanye na cyo, ukiyagirizeho imiringa. 3 Kandi uzagicurire ibibindi byo kuyoreramö ivu ryacyo n'ibantu byo kuriyoza, n'inzabya zacyo n'ihyo kwaru-za inyama, n'ibyo gushiyamo umuriro w'amakara, ibyo bintu hyacyo hyose uhicure mu miringa. 4 Kandi uzagicurire mu miringa igisobekerane nk'urushundura, mu nkokora z'icyo gisohekerane uko ari enye, ushyireho ihifunga bine hy'imiringa. 5 Ughishire munsi y'umuguno ugo-se icyo gicaniro, gihere hasi kiringanize igicaniro. • Kandi uhiirize icyo gicaniro **imijisho mu mushita, uyyagirizeho imiringa.** 7 Hyo mijisho yacyo ijishwe muri ibyo bifunga, ibe mu mhavu zacyo zomhi, nibakiremerwa. 8 Ukiibiize mu mha-ho kihe umurangara mu nda, uko were-kewe icyitegererezo cyacyo kuri uyu musozi, **abe ari ko bak.ibaza.**

9 "Kandi uzaréme urugo rw'uhwo buturo, iburyo ruhe imyenda ikinzwe iholeshejwe uhudodo hw'ihitare hyiza hohoheranije, umuhururu warwo w'urwo ruhande ube mikono ijana. I-Inkingi zayo zihe makumyabiri, n'imyobo yo kuzishingamo ibe makumyahiri, bicurwe mu **miringa, inkonzo zo kuri zo n'imitambiko** yo kuri zo bicurwe mu ifeza. 10 No mu ruhande rw'ibumoso urugo ruhe imyenda **ikinzwe, umuhururu. warwo ube mikono** ijana, iñkingi zayo zibe makumyahiri, n'imyobo yo kuzishingamo ibe makumyabiri **bicurwe mu miringa, inkonzo zo** n'imitambiko yo kuri zo bicurwe mu ifeza. 12 Mu ruhande rw'iburengera-zuba urugo ruhe irnyenda ikinzwe, ubugari **bwarwo bube mikono mirongo itanu,** inkingi zayo zibe icumi n'imyobo yo kuzishingamö ibe icumi. 13 Mu ruhande rw'iburasirazuha, uhugari bw'urwo rugo bube mikono mirongo itanu. 14 Mu ruhande rw'irembo rumwe, ubugari bw'imyenda ikinzwe bube mikono cumi n'itanu, **inkingi zayo** zibe eshatu, n'imyoho yo

kuzishingamö'. ibe itatu. ISMu rundi ruhande rwaryó, habe imyenda ikinzwe y'ubugari **bwa mikono cumi n'itanu, inkingi** zayo zibe eshatu, n'imyobo yo kuzishingamo ibe itatu. I-Irembo ry'urwo rugo ryugarirwe n'imyenda y'ubugari bwa mikono makumyabiri iremeshejwe ubudodo hw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'uhw'umuhemba, n'ubw'ihitare byiza bupoheranje, ahahaha b'ibyo abe ari bo bayidodaho amabara, inkingi zayo zibe enye n'imyobo yo kuzishingamo ibe **ine.** 17 Inkingi **zose z'urwo rugo, mu** mpande zose zizafatanywe n'il;nitamhiko y'ifeza, inkonzo zo kuri zo zi:urwe mu ifeza, imyoho yo gushingamo, izo nkinci **icurve mu miringa.** 18 **Umuhliruru w'u-rwo rugo** ue mikono ijana mu mpande zombi, uhugari bwarwo hube mikono mirongo itanu mu mpande zomhi, ubure-hure hwarwo buhe mikono itanu, ruhe imyenda iholeshejwe ubudodo hw'ihitare byiza bupoheranje, imyoho yo gushingamo inkingi zayo icurve mu miringa. I-**ibantu byo muri ubwo huturo byose** bakoresha irnáirno yo muri bwo, n'imambo **zawbo zose n'imambo z'urwo rugo zose, bicurwe mu miringa.**

20 "Kandi uzategeke Abisirayeli ba-kuzanire amavuta aboneye ya elayo zase-kuwe ya cya giterek, kugira ngo hitume iryo tabaza rihora ryaka. 21 Mu ihema ry'ibonaniro inyuma ya wa mwenda ukingiriza Ihihamya, ahe ari ho Aroni n'abana be bazajya baritunganiriza kugira ngo ryakire imbire y'Uwiteka, rihere nimugoroha rigeze mu gitondo. Mu bihe hy' Ahisirayeli... hyose rizahe itegeko ridaku ka hakwiriye kujya bitondera.

Imyambaro y'abatambyi
(Kuva 39.1-31)

28 "Uziyegereze Aroni mwene 80 n'ahana he, ubatoranye mu Bisirayeli, kugira ngo ankorere umurimo w'uhutambyi, Aroni na Nadabu na Abihu, na Eleyazari na Itamari; abana be. 2 Ubohere Aroni mwene so imyambaro yejejwe, ibe iyo kumutera icyuhahiro n'umurimho. 3 Kandi uzahwire ahahanga hose nujuje umwuka w'ubwenge, hahohé imyamharo ya Aroni yo kumwerezza **kugira ngo ankorere umurimo w'ubutambyi.** 4 Iyi ahe ari yo myamharo baboha:

uko ku gituza n'uwtiwa efodi, n'ikanzu n'indi kanzu y'amabara y'ibika, n'igitarimo cyo kuzingirwa mu mutwe n'umushumi. Bazabohere Aroni mwene so n'abana be: imyambaro yejejwe, kugira ngo ankorere umurimo w'ubutambyi. 5 Bajjane imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umu-hengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza byo kuyibohesha.

6 "Efodi bazayiresmeshe imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umu-hengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza bupoheranije, abahanga b'ibyo abe ari bo bayiboha. 7 Igire imishumi ku ntugu zombi ifatanye iñitwe yayo yombi, kugira ngo efodi ifatanywe hamwe. 8 Umushumi uboshywe n'abahanga uyirho wo kuyikenyeza, ubohwe nka yo bibohanwe. Bawuremeshe imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umu-hengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza bupoheranije. 9 Kandi uzende amabuye abiri yitwa shohamu, uyanđikisheho gukeba amazina y'abana ba Isirayeli. 10 Amazina ya batandatu **uyandike kuibuye rimwe, n'amazina** y'abandi batandatu uyandike ku rindi, uko ubukuru bwabo bukurikirana. 11 Uko umukebyi wo ku mabuye akeba ku ibuye rishyiraho ikimenyetso, abe ari ko wandikisha gukeba kuri ayo mabuye yombi amazina y'abana ba Isirayeli, uyakwikire mu izahabu, iyakomeze. 12 Ushyre ayo mabuye yombi kuri ya mishumi ya efodi yo ku ntuga, abere Abisirayeli amabuye yo kwibukwa. Aroni ajye yambara amazina y'abana ba Isirayeli ku ntugu ze zombi, ayajane imbere y'Uwiteka kuba urwibutso. 13 Kandi uzacure udufunga mu izahabu, 14 n'imikufi ibiri y'izahabu nzi-za, **uyirememe imboherane nk'imigozi**, uhotorere iyo mikufi y'imboherane muri utwo dufunga.

15 "Kandi uzabohe umwambaro wo ku gituza wo klingurisha inamaz, abahanga b'ibyo abe ari bo bawuboha. Uko efodi iboshywe abe ari ko uwuboha, uwuremeshe imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umu-hengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza bupoheranije. 16 Ungane irnpande zose inkubiranje: uburebure bwawo bube

igice cya mukono, n'ubugari bwawo bube igice cya mukono. 17 Uwuhundemo amabuye akwikiwe y'irnpushya enye: urwa mbe-re rube urw'arnabuye yitwa odemu na pitida. na bareketi, 18 urwa kabiri rube urw'ayitwa nofekina na safro na yahalomu, 19 urwa gatatu rube urw'ayitwa leshe-mu na shevo na akilarna, 20 urwa kane rube urw'ayitwa tarushishi na shohamu na yasi-pi, akwikerwe mu izahabu iyakomeza. 21 Ayo mabuye anganye umubare n'amazi-na y'abana ba Isirayeli, abe cumi n'abiri nk'uko amazina yabo ari, abe ay'irniryango yabo uko ari cumi n'ihiiri, izina ry'umuryango ryandikishwe gukeba ku ibuye, bityo bityo nk'uko bakeba ku ibuye rishyiraho ikimenyetso. 22 Kandi uzacure uwo mwambaro wo ku gituza irnikufi y'izahabu nzi-za y'imboherane. isa n'ilInigo-zi. 23 Kandi uwucurire irnpeta ebyirji mu izahabu, izo mpeta zombi uzihunde ku mitwe yawo yombi. 24 Uhotorere iyo mikufi yombi y'izghabu y'imboherane muri izo mpeta zombi zo ku mitwe yombi y'ubo mwambaro wo ku gituza. "Indi mitwe yombi y'yo mikufi y'imboherane yombi, uyihoterere muri twa dufunga twombi, uduhunde kuri ya mishumi ya efodi yo ku ntuga, mu ruhande rw'imbere. 26 Kandi ucure irnpeta ebyirji mu izahabu, uzihunde ku mitwe yombi y'ubo mwambaro wo ku **gituza ku musozo wawo, mu ruhande** ruhera kuri efodi iri irnbere yawo. 27 Ucure izindi mpeta ebyirji mu izahabu, uzihunde ku mishumi yombi ya efodi yo ku ntugu imbere ahagana hasi, hafi y'aho ifatanira na efodi, haruguru ya wa mushumi waboshywe n'abahanga ukenyeza efodi. 28 Kandi uwo mwambaro wo ku gituza bazawu-fatanishe. ku mpeta zo kuri efodi, agashumi kaboheshejwe ubudodo bw'umukara wa kabayonga gaciye mu mpeta zo kuri wo, kugira ngo ube kuri wa mushumi wa efodi waboshywe n'abahanga, uwo mwambaro wo ku gituza we gupfundurwa kuri efodi.

29 "Aroni azajye yambara ku mutima we amazina y'abana ba Isirayeli ari kuri uwo mwambaro wo ku gituza wo klingurisha inama uko yinjiye Ahera, abe urwibutso rububukisha imbere y'Uwiteka ubudasiba. 30 Kandi uzashyire Urimu na **Tumimu imbere muri uwo mwambaro** wo ku gituza zo kungurisha inama, bibe kuri mutima wa Aroni uko yinjiye imbere

y'Uwiteka. Aroni azajye yambara ku mutima we ibyungurisha inamaa z'Abisirayeli, abijyane imbere y'Uwiteka ubudasiba.

31 "Kandi ikanzu iriho efodi, uzayiboheshe ubudodo bw'umukara wa kabayonga busa,^a igire umwenge wo guci-shamo umutwe hagati yayo, igire umusozo uboshywe' ugose uwo mwenge, uko umwenge w'ikoti y'icyma umeze, kugira ngo idasaduka. 33Ku musozo wayo wo hepfo uzadodeho ibisa n'imbuto z'amakomamanga, biboheshejwe ubudodo bw'umukara, wa kabayonga, n'ubw'u-muhengeri n'ubw'umuhembä, bigote uwo musozo impande zose. Uzawuhunde-ho n'imidende y'izahabu irobekwe hagati. yabyo, iwugote impande zose: 34umudende w'izahabu urobekwe hagati y'amakomamanga abiri, bityo bityo bigote umusozo wo hepfo w'yo kanzu impande zose. 35Aroni azajye ayambara ūko agiye gukora umurimo w'ubutambyi, kandi ūko yinjiye Ahera imbere y'Uwiteka kandi uko asohotse, kujegera kwayo kujye kumvikana kugira ngo adapfa.

36 "Kandi uzacure igisate mu izahabu nziza, mazé nk'uko bakeba ku ibuye rishyiraho ikirnenyetso, ucyandikisheho gukeba aya magambo ngo: **YEREJWE^b UWITEKA.** 37Ugifatanye n'agashumi kaboheshejwe ubudodo bw'umukara, wa kabayonga, gitamirizwe kuri cya gitambaro kizinze cyo mu mutwe. 38Icyo gisate kibe mu ruhangga rwa Aroni, agibweho no gükiranirwa' ko mu byera Abisirayeli bazeza iyo baturá amaturo yabo yose yera, gibore kiba mu ruhangga rwe iteka, kugira ngo bemerwe n'Uwiteka.

39 "Kandi ikanzu. ibanza ku mubiri; uzayiboheshe ubudodo bw'ibitare byiza igire amabara y'ibika, n'igitambaro cyo kuzingirwa mu mutwe ukiboheshe ubudo do bw'ibitare byiza, ubohe n'umushumi, abahaha b'ibyo bawudodeho amabara.

40 "Abana ba Aroni uzababohere amakanzu abanza ku mubiri, ubabohere n'irnishumi n'ingofero, bibe ibyo kubatera icyubáhiro n'umurimbo. 4'lyo myambaro yose uzayambike. Aroni mwene so n'abana be hamwe na we, ubasige ubereze umurimo waho, ubanyerez e kugira ngo

bankorere umurirno w'ubutambyi. 42Kandi uzababohere amakabutura y'ibitare bayambare batagaragaza. ubwambure, ahere mu rukenyerero agere mu bibero. 43Aroni n'abana be bazajye bayambara ūko bagiye kwinjira' mu ihema ry'ibonaniro, no kwegera igicaniró ngo bankorere Ahera, kugira ngo batagibwaho. no gukiranirwa bagapfa, rizamubere itegeko ridaku ka we n'urubyaro' rukurikiraho,

Amategeko yo kweza abatambyi
(Lewi 8.1-36)

29 "Ibi abe ari byo ugirira Aroni n'abana be, ngo ubereze kunkö-
rera umurimo w'ubutambyi: ujyane iki-
masa kimwe n'amasekurume y'intama
abiri adafite inenge, 2 n'imitsima itase-
mbuwe n'udutsima lutasembuwe twavu-
ganywe n'amavuta ya elayo, n'udutsima
dusa n'amabango lutasembuwe twasi-
zweho amavuta ya elayo, uzabivuge mu
ifu y'ingezi y'ingano. 3Ubishyre mu
cyibo kimwe, ubizanane na cya kimaşa
na ya masekurume.

4 "Kandi uzazane Aroni n'abana be
ku muryango w'ihemma ry'ibonaniro,
ubiihagirireho. Wende ya myambaro
wambike Aroni ya kanzu ibanza ku
mubiri, na ya kanzu iriho efodi na efodi,
na wa mwambaro wo ku gituza, umuke-
nyeze wa mushumi waboshywe' n'abaha-
nga urí kuri efodi, 6 umwambike mu
mutwe cya gitambaro kizinze ugishyire-
ho cya gisate, ni cyo gisingo cyera.
7 Maze wende amavuta yo gusiga uyamu-
suke mu mutwe, uyamusige.

8 "Uzane abana be ubambike amaka-
nzu. Ukenyeze imishumi Aroni n'aba-
na be, ubambike ingofero, ubutambyi
buzabe ubwabo bubakomerejwe n'itege-
ko ridaku ka, wereze Aroni n'abana be
umurimo wabo.

10 "Uzane cya kirnasa irnbere y'ihemma
ry'ibonaniro, Aroni n'abana be bakiambi-
ke ibiganizä mu ruhangga. 11 Baklifikirire
imberie y'Uwiteka, ku muryango w'ihemma
ry'ibonaniro. 12 Wende ku maraso yacyo
uyashyiriše ku mähembe y'igicaniró uru-
toki rwawe, ubyarire amaraso yacyo yose
ku gicaniró hasi. 13 Kandi wende uruta,
n'urugimbu rundi rwo ku mara rwose,

28.30: Kub 27.21; Guteg 33.8; Ezira 2.63; Neh 7.65

^a ibyungurisha ioama: cyangwa, ibicisha imanza; ariko reba Kub 27.21.

^b YÉREJWE cyangwa KWERERA.

^c ubereze .. wabo: mu Ruheburayo byanditswe ngo wuzuze amashy yabo (iby'umurimo wabo.)

n'umwijima w'ityazo n'impyiko zombi n'urugimbu rwo kuri zo, ubyosereze ku gicaniro. 14Ariko inyama z'icyo kimasa n'uruhi twacyo n'amayezi yacyo, ubyose-reze inyuma y'abo mubambye amabema. Icyo ni igitambo gitambirwa ibyaba.

15 "Uzane n'isekurume y'intama imwe muri ya yandi, Aroni n'abana be bayiram-bike ibiganza mu ruhang. 16UyiblkIre, wende amaraso yayo uyamishe impande zose z'igicaniro. **17Uyicoce, woze amara** yayo n'ibinyita byayo, ubishyire hamwe n'ibindi bice byayo n'ighanga cyayo. 18Wosereze iyo sekurume itagabanije ku gicaniro. Iyo ni igitambo cyoserezwa Uwiteka, ni uffubabwe, ni igitambirwa Uwiteka kigakongorwa n'umuriro.

19 "Wende iyindi sekurumië yari isi-gaye, Aroni n'abana be bayiram-bike ibiganza mu ruhang. 20Maze uyiblkIre, wende ku maraso yayo uyakoze hejuru ku gutwi kw'iburyo kwa Aroni no hejuru ku matwi y'iburyo y'abana be, no ku bikumwe byabo by'iburyo no ku mano yabo y'iburyo mañini, ayandi uyamishe impande zose z'igicaniro. 21Wende ku maraso yo ku gicaniro, no ku mavuta yo gusiga, ubimishe kuri Aroni no ku myambaro ye, no ku bana be: na bo no ku myambaro yabo, yezanywe n'imyambaro, ye n'abana be n'imyambaro yabo.

22 "Kandi wende ibinure by'yo sekurume n'umurizo wayo, wende n'uruta n'urugimbu rundi rwo ku mara yayo, n'umwijima w'ityazo n'impyiko. zombi n'urugimbu rwo kuri zo, n'urushyi rw'u-kuboko kw'iburyo kuko ari isekurume yo kubereza umurimo. 23Wende n'umut-sima umwe n'agatsima kamwe kasizwe amavuta ya elayo, n'agatsima gasa n'i-bango kamwe, ubikuye muri cya cyibo cy'imitsima itasembuwe kiri imbere y'Uwiteka. 24Ibyo byose ubishyire ku mashyi ya Aroni no ku y'abana be, ubizunguze bibe ituro rijungurijwe imber-e y'Uwiteka. 25Ubikure ku mashyi yabo, ubyosereze ku gicaniro hejuru ya cya gitambo cyoshejwe kitagabanije, bibe umbabwe imbere y'Uwiteka. Icyo ni igitambo gitambirwa Uwiteka kigakongorwa n'umuriro.

26 "Kandi wende inkoro ya ya sekurume y'intama yereje Aroni umurimo,

uyizunguze ibe ituro rijungurijwe imber-e y'Uwiteka, izabe umwanya wawe.

27 "Kandi uezze ituro rijungujwe. Ni ryo nkoro bazunguza n'ituro ryererejwe, ni ryo rushyi rw'ukuboko berereza byo ku isekurume yo kwejesha, yereza Aroni n'abana be ubutambyi, 28bibe imyanya ya Aroni n'abana be, Abisirayeli batege-kwa n'itegeko ridakuka iteka kujya ba-baba, kuko ari ituro ryererezwa. Kandi uko Abisirayeli bazatamba ibitambo by'uko bari amaboro, bazajye batura ibyo bice bibe ituro ryererezwa, ituro bererereza Uwiteka.

29 "Kandi imyambaro yera ya Aroni izabe iy'abana be bazakurikiraho, bajye bayisIgirwamo, bajye berezwa umurimo bayambaye. 30Umwana we umuzunguye mu butambyi azajye ayambara iminsi irindwi, uko agiye kwinjira mu ihema ry'ibonaniro ngo ankorerere Ahera.

31 "Kandi wende ya sekurume yereje abatambyi umurimo, uteke inyama zayo abantu, hera. 32Aroni n'abana be barishiri-ze inyama zayo imitsima yo muri cya cyibo, ku muryango w'iherria ry'ibonaniro. 33Barye ya maturo y'impongano yabongewere kubereza umurimo no kubanye-reza, utari uwo mu batambyi ntakayarehoh kuko ari ayera. 34Nihagira inyama cya-ngwa umutsima mu byereje abatambyi umurimo gisigara kikarara, wose igisiga-ye, ntikikaribwe kuko ari icyera.

35 "Uko abe ari ko uzagirira Aroni n'abana be ukurijke ibyo nagutegetse: **byose, ubereze umurimo iminsi irindwi.** 36Uko bukeye uzajye utamba bene cya kimasa cyo gutambirwa ibyaba, bibe imponganano. Utunganishe igicaniro iyo mponganano kandi ugislire kucyeza. 37Mu minsi irindwi uzajye uhongererera icyo gicaniro' ucyele maze kizabe icyera cya-ne, ikizagikorabo cyose kizabe ari icyera.

Ibitambo by'iminsi yose

(Kub 28.1-8)

38 "Ibi abe ari byo uzajya utambira kuri icyo gicaniro: uko bukeye ujye utamba abana b'intama babiri bataramara umwaka, 39ujye utamba umwe mu gitondo, undi nimugoroba. 40Hamwe na wa mwana w'intama wa mbere ujye utura igice cya cumi cya esa y'ifu y'ingezi,

29.18: Ef 5.2: Fili 4.18

a umwijima w'ityazo: cyangwa, ingobyi yo ku rnwijima. Hano n'ahandi hose byahindurwa bityo.
e icyo gicaniro: cyangwa, kuri icyo gicaniro.

yavuganywe n'igice cya kane cya *hini·y'amavuta ya elayo zasekuwe, uture* n'igice cya kane cya hini ya vino ibe ituro ry'ibyokunywa. 4' Undi mwana w'intama ujye uwutamba nimugoroba, uturane na wo ituro ry'ifu n'iry'ibyokunywa nk'uturuwa mu gitondo bibe umubabwe, bibe igitambo gitambirwa Uwiteka kigakongorwa n'urnuriro. 42Mu bihe byanyu byose kibe igitambo cyoswa kidasiba, gitambirwa ku muryango w'ihema ry'ibonaniro imbere y'Uwiteka. Aho ni ho nzajya mbonanira' namwe, n'kahavuganira nawe. 43Aho ni ho nzabonanira' n'Abisirayeli, iryo Hema rizezwa n'ubwiza bwanjye burabagirana. 44Nzeza ihema ry'ibonaniro n'igicaniro, na Aroni n'abana be nzaberereza kunkorera umurimo w'abatambyi. 45Kandi nzaturā hagati mu Bisirayeli, mbe Imana yabo. 4' Na bo bazame-nya yuko ndi Uwiteka Imana yabo, yabakuriye mu gihugu cya Egiputa kugira ngo nturē hagati muri bo. Ndi Uwiteka Imana yabo.

Andi mategeko y'Ihema ry'Imana

30 "Kandi uzabaze igicaniro cyo koserzaho imibavu, ukibaze mu mushita. 2Uburebure bwacyo bw'umurambararō bube mukono umwe, n'ubugari bwacyo bube mukono umwe kingane impande zose, uburēbure bwacyo bW'igihagararō bube mikono ibiri, ukibazanye n'amahembe yacyo. 3Ukiyagirizeho izahabu nziza hejurū yacyo, no mu mbavu zacyo impande zose no ku mahembe yacyo, kandi uzakigoteshe umuguno w'izahabu. 4Ugicurire ibifunga bibiri mu izahabu, ubishiyire munsi y'umuguno wacyo ku mbavu zacyo zombi, ku mpande zacyo zombi abe ari ho ubishiyira, bibe ibyo gusesekwamo imijisho ikiremerewza. 5Iyo mijisho uyibaze mu mushita, uyiagirizeho izahabu. 'Ucyegereze umwenda ukingiriza ya sanduku y'Ibihamya, kibe imbere y'intebe y'ihongerero iri hejurū y'ibyo Bihamya, aho nzajya **mbonanira nawe**. 7Aroni ajye acyoserezaho imibavu. y'ikivange uko bukeye mu gitondo, uko agiye gutuñganya ya mata-baza ajye ayosa. • Kandi nimugoroba uko Aroni agiye gukongeza ayo matabaza, ajye ayosa ibe irnibavu itavaho, iri imbere

y'Uwiteka mu bihe byanyu, byose. 9Ntimukacyoserezeho imibavu. iciye ukundi, ntimukagitambireho igitambo cyoswa kitagabanijwe cyangwa iturō ry'ifu, ntimukagisukeho ituro ry'ibyokunywa. 10Aroni ahongerere ku mahembe yacyo imponganano rimwe uko urnwaka utashye, amaraso y'igitambo gitambirwa ibyahā cy'impongano abe ari yo ahongerera icyo gicaniro rimwe uko urnwaka utashye, mu bihe byanyu byose. Icyo gicaniro ni icyera **cyane cyerejwe Uwiteka.**"

II Uwiteka abwira Mose ati 12"Nbāra umubare w'Abisirayeli, uw'ababawa muri bo, umuntu wese azahē Uwiteka incungu y'ubugingo bwe mu ibarwa, kugira ngo badaterwa na mugiga muri iryo barwa. 13Iyi abe ari yo ncungu batanga: umuntu wese ugiye mu babazwē atange igice cya kabiri cya shekeli igezwe ku y'ahera, shekeli imwe ingana na gera makumyabiri, . igice cya kabiri cya shekeli abe ari cyo baturā Uwiteka. 14Umuntu wese ugiye mu babazwe, umaze imyaka makurnyabiri, avutse cyangwa isaga ature iryo turo. 15Abatunzi ntibasazeho, n'abakene ntibagabanyeho kurl icyo gice cya kabiri cya shekeli, nibatura Uwiteka iryo turo ryo guhongerera ubugingo bwabo. 16Nuko uzake Abisirayeli izo feza zibacunguza **uzikoreshe imirimo y'ihamra** ry'ibonaniro, zibere Abisirayeli uryibusto rubibukisha imbere y'Uwiteka, bihongerere ubugingo bwanyu."

17 Uwiteka abwira Mose ati .. "Kandi uzacure igikarabiro mu miringa n'igitereko cyacyo ugicure mu miringa, gikarabirwemo, ugishyiré hagati y'ihamra ry'ibonaniro **n'igicaniro, ugusukemo amazi.** 18 Aroni n'abana be bajye bakarabiramo bogemo n'ibirenge. 20Uko bagiye kwinjira mu ihema ry'ibonaniro; bajye bakaraba boge n'ibirenge badapfa, cyangwa bagiye kwegera cya gicaniro gukora umurirno wabo, wo kose-reza Uwiteka igitambo: gikongorwa. 21Nu-ko bakarabe boge n'ibirenge badapfa, bizabere Aroni n'urubyaro rwe itegeko ridakuka mu bihe byabo byose."

22 Kandi Uwiteka abwira Mose ati 23"Uzende imibavu iruta iyindi shekeli magana atanu z'ishangi yivushije, n'u-mucagate wa mudarasini ihumura neza w'urwo rugero. Ni rwo shekeli magana

abiri na mirongo itanu, na shekeli **magana abiri na mirongo itanu za kane ihumura neza**, 24na shekeli magana atanu za kesiya zigerwe kuri shekeli **y'ahera, na hini imwe y'amavuta ya elayo**, 25ubivange bibe amavuta yera yo gusIga, amavuta yinjijwe n'abahanga, abe amavuta yera yo gusIga. 26UyasIge ku ihema ry'ibonaniro no kuri ya sanduku y'Ibihamya, 27no kuri ya meza no ku bintu byayo byose, no kuri cya giterekoye amatabaza no ku bintu byacyo byose, no ku gicaniro cyo koserezaho **imibavu**, 28 oo ku gicaniro cyo koserezaho ibitambo no ku bintu byacyo byose, no kuri cya gikarabiro no ku giterekoye cyacyo. 2.Ubyeze bibe ibyera cyane, ikizabikoraho cyose kizabe ari icyera. 30Kandi uzayasIge Aroni n'abana be, ubereze kugira ngo bankorere umurimo w'ubutambyi. 31Uzabwire Abisirayeli uti 'Mu bihe byanyo byose, aya azabe amavuta yo gusIga anyerejwe. 32Ntagasukwe ku mubiri w'utari umutambyi, kandi ntimukareme ayandi **asa na yo, uko avangwa. Ni ayera**, namwe azababera ayera. 33Umntu wese uzavanga asa na yo cyangwa uzayasIga utari umutambyi, azakurwe mu bwoko bwe."

34 Kandi Uwiteka abwira Mose ati "Uzende imibavu natafu na sheheleti na helubana, iyo mibayu uyivange n'icyome cyiza bihwanye kuremera. 35Uvivangire kuba umubavu winjijwe n'abahanga, ushyirwemo umunyu we kugira ikindi kivangwamo, ube uwera. 36Uwendeho **uwusye uwunoze; na wo uwukoreho uwushyire** imbere ya bya Bihamya mu ihema ry'ibonaniro aho nzajya mbonanira nawe. Uzababere uwera cyane. 37Kandiumbayu uzarema, ntimukiremereuvangwan ka wo. Uzababere uwerejwe Uwiteka. "Umuntu wese uzarema usa na wo ngo awinukirize, azakurwe mu bwoko bwe."

Uwiteka atoranya abahanga bo kuremesho rya Hema
n'ibaryo byose
(Kuva 35.30-36.1)

3 1 Uwiteka abwira Mose ilti 2"Dore mpamagaye mu izina Besaleli mwene Uri ya Huri, wo mu muryango wa Yuda, 3mwuzuza Umwuka w'Imana

ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora, n'ubuhanga n'ubukorikori bwose 4byo guhimba imirimo y'ubuhanga, no gucura izahabu n'ifeza n'imiringa, 5no gukeba amabuye yo gukwikirwa no kubibiza, no kugira ubukorikori bwose. 6Nanjye dore mushyiranyeho Oholiyabu mwene Ahisamaki **wo mu muryango** wa Dani. Kandi mu mitima y'abahanga bose nashiyizemo ubwenge ngo bakore ibyo nagutegetse byose: 7ihema ry'ibonaniro na ya sanduku y'Ibihamya, na ya ntebe y'ihongerero iyiraho n'ibindi bintu byose byo kuba muri iryo hemu. Ya meza n'ibintu byayo byose, na cya giterekoye cy'amatabaza **cy'izahabu nziza n'ibantu** byacyo byose, na cya gicaniro cyo koserezaho **imibavu**. 9na cya gicaniro cyo koserezaho ibitambo n'ibantu byacyo byose, na cya gikarabiro n'igitereko cyacyo, **10oa ya myambaro y'imirimo** yera, ni yo myambaro yejejwe yo kwambarwa na Aroni umutambyi n'iy'abana be, ngo bankorere umurimo w'ubutambyi, 1ha ya mayuta yo gusIga, na wa mubavu w'ikivange wo koserezwa ahera. Uko nagutegetse kose abe ari ko bakora."

Itegeko ry'isabato. Mose ahawba ibisate by'amabuye biriho Ibihamya

12 Uwiteka abwira Mose ati 13"Kandi ubwire Abisirayeli uti 'Ntimukabure kuziririza amasabato yanje, kuko ari yo kimenyetso hagati yaljiye namwe mu bihe byanyo byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza. 14Nuko mujye muziririza isabato kuko ari iyera kuri mwe, uyiziruye ntakabure kwicwa. Umuntu wese uzagira umurimo akora kuri yo azakurwe mu bwoko bwe. 15Mu minsi itandatu abe ari mo imirimo ijya ikorwa, ariko uwa karindwi ni isabato yo kuruhuka yerejwe Uwiteka. Uzagira umurimo akora ku munsi w'isabato ntakabure kwicwa. 16Nuko Abisirayeli baziririze isabato, bajye bayitondera mu bihe byabo byose, ibe isezerano ridakuka. 17Ni ikimenyetso cy'iteka ryose hagati yanje n'Abisirayeli, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, ku wa karindwi akarorera, akaruhuka."

18 Amaze kuyuganira na Mose ku musozi Sinayi, Uwiteka amuha ibisate

by'amabuye bibiri, biriho Ibihamya byandikishijweho urutoki rw'Imana.

Aroni acurira Abisirayeli..
ikigirwamana cy'ikimasa mu izahabu
(Gutege 9.6-29)

32 Abantu babonye Mose atinze ku manuka wa musozi, bateranira kuri Aroni baramubwira bati "Haguruka uturemere imana yo kutujya imbere, kuko wa wundi Mose, umuntu wadukuye mu gihugu cya Egiputa tutazi icyo abaye."

2 Aroni arabbwira' ati "Muklitilre impeta z'izahabu ziri ku matwi y'abagore banyu, no ku y'abahungu banyu no ku y'abakobwa banyu, muzinzanire." 3 Abantu bose baklitira impeta z'izahabu 20 ku matwi yabo, bazishyira' Aroni.. 4 Arazenda azishyira mu gifite ishusho ashaka, aziyazamo. igishushanyo cy'ikimasaag. Baravuga bati

"Iki ni cyo mana yawe wa bwoko bw'Abisirayeli we, yagukuye mu gihugu cya Egiputa."

5 Aroni abibonye yubaka igicaniro imbere yacyo, avuga ijwi rirenga ati "Ejo hazaba umunsi mukuru. w'Uwiteka."

•Bukeye bazinduka kare batamba ibitambo byoswa, bazana ibitambo by'uko bari amahoro, abantu bicazwa no kurya no kunywa, bahagurutswa no gukina.

7 Uwiteka abwira Mose ati "Manuka ugende, kuko ubwoko bwawe wakuye mu gihugu cya Egiputa bwiyononnye. •Bateshutse vuba bava mu nzira nabategetse, biremera igishushanyo cy'ikimasa kiyagijwe baragisenga, bagitambira ibitambo bati 'Wa bwoko bw'Abisirayeli .. we, iki ni cyo mana yawe yagukuye mu gihugu cya Egiputa."

9 Kandi Uwiteka abwira Mose ati "Ubwo bwoko ndabubonye, dore ni ubwoko butagonda ijosi. 10 None nyiherra, uburakari bwanye bubagurumanire mbarimbure, nawe nzaguhindura ubwoko bokumeye."

11 Mose yinginga Uwiteka Imana ye Ilti "Uwiteka, ni iki kigurumanishije uburakari bwawe, ukarakarira ubwoko bwawe wakuje mu gihugu cya Egiputa imbaraga nyinshi n' amaboko menshi? 12 Ni iki cyatumye uvugisha Abaneyegiputa bati 'Kubagirira nabi ni ko yabakuriye ino

ngo iblcire mu misozi miremire, ibarimbure, ibakure mu isi? Shira uburakari bwawe bw'inkazr : wibuze inabi ushaka kugirira ubwoko bwawe. 13 Ibuka Aburahamu na Isaka na Isirayeli.. abagaragu bawe, abo wabwiye wirahira uti 'Nzangwiza urubyaro rwanyu ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi icyo gihugu mvuze cyose nzagiga urubyaro rwanyu, kibe umwandu wabo iteka ryose." 14 Uwiteka yibuza inabi yavuze ko agiye kugirira ubwoko bwe.

Mose abahanisha ibihano

15 Mose arahindukira; amanuka uwo musozi afashe mu maboko bya bisate byombi biriho Ibihamya, byanditsweho impande zombi inyuma n'imbere. 16 Byo bisate byari biremwe n'Imana, no kwendika k'uburyo bwo gukeba kubiraho ari ukw'Imana.

17 Yosuwa yumvise amajwi y'abantu basakuza abwira Mose ati "Urwo rusaku ni urw'intambara iri mu ngando."

18 Aramusubiza ati "Iryo jwi si urusaku rw'abasakurishwa no kunesha, kandi si ijwi ry'abatakiishwa no kuneshwa, ahubwo ndumva amajwi y'ababyina."

19 Ageze hafi y'ingando z'amahema abona cya kimasa n'ababyina. Uburakari bwa Mose buragurumana ajugunya ibyo bisate ngo bimuve mu maboko, abimenera munsi y'ubo musozi. 20 Yenda icyo kimasa baremye aragitwi, aragisyu agihindura ifu, ayiminjira ku mazi ayanywesha Abisirayeli.. 21 Mose abaza Aroni ati "Aba bantu bakugirire iki cyatumye ubazanira icyaha gikomeye?"

22 Aroni aramusubiza ati "Databuja, uburakari bwawe ntibugurumane, uzi aba bantu yuko berekeje imitima ku bibi. 23 Barambiye bati 'Turemere imana yo kutujya imbere, kuko wa wundi Mose, umuntu wadukuye mu gihugu cya Egiputa tutazi icyo abaye.' 24 Nanje ndababwira nti 'Ufite izahabu wese ayiklitUrte.' Nuko barazimpa nzjugunya mu muriro, havamo iki kimasa."

25 Mose abona ko abantu babaye ibygenge kuko Aroni yabakundiye ko bigenga, bagahinduka ibitwenge ku banzi babo. 2. Mose ahagarara imbere y'aho babambye amahema aravuga ati "Uri mu

32.1: Ibyak 7.40 32.4: 1 Abami 12.28; Ibyak 7.41

32.13: Itang 22.16-17; 17.8

Lizishyira ... ikimasa: cyangwa, araziyaza, aziremesha igishushanyo cy'ikimasa, akibarishije imparo.

32.6: I Kor 10.7 32.11-14: Kub 14.13-19

ruhande rw'Uw1'teka wese ansange." Abalewi bose bamuteramrabo. 7 Arababwira ati "Uwiteka Imana y'Abisirayeli iravuze ngo 'Mwambare, inkota zanyu mwese, mugendagende hose aho dushinze amabema, muve ku irembo ryabo **rimwe mugere ku rindi, umuntu wese** yice mwene se na mugenzi we n'umuturanyi we." 8 Abalewi babigenza uko Mose yabategetse, kuri uwo munsi hagwa abantu nk'ibihumbi, bitatu.. 29Mose arababwira ati "Mwiyereze Uwiteka uyu munsi, kuko umuntu' wese yarwanije umuhungu we na mwene se, ngo Uwiteka ababe umugisha uyu munsi."

30 Bukeye bwabo Mose abwira abantu ati "Mwakoze icyaba gikomeye, none ndazamuka nsange Uwiteka, abari ndabona uko mbitwarira." 31Mose asubira abo Uwiteka ari aramubwira ati "Nyamuneka nyumvira! Ubwo bwoko bwakoze icyaba gikomeye koko, bwiremeye imana y'izahabu. 32Ariko wakwemera kubabarira icyaba cyabo, *ibyaba byiza byaba byiza* ariko nutabyemera, mpanagura unkure mu gitabo cyawe wanditse."

33 Uwiteka abwira Mose ati "Uncumuyeho wese ni we nzabanagura mukuire mu gitabo cyanje. 34None genda ujyane abantu abo nakubwiraga, dore marayika wanje arakujya imbere, ariko ku munsi wo guhora nzababora icyaba cyabo."

35 Uwiteka atera ubwo bwoko ibyago, kuko baremesheje cya kimaşa Aroni yaremye.

Ihema ry'Imana **rikurwa mu** Bisirayeli

33 Uwiteka abwira Mose ati "Genda uvane ino n'abantu wakuye mu gihugu cya Egiputa, ubajane mu gihugu narabiye Aburahamu na Isaka na Yakobon ti 'Nzagisha utubyaro' rwave.' Nanje ndatuma marayika akujye imbere, kandi nzirukanamo. Abanyaqanani n' Abamori, n'Ababeti n'Abaferizi, n'Ababivi n'Abayebusi, 3muuje mu gihugu cy'amata n'ubuki. Kuko ntazaba hagati muri mwe mujyayo, kuko muri ubwo bwoko butangonda ijosi, ntabarimbura." mu nzira."

4 Abantu bumvise iryo jambo ribi barababara cyane, ntihagira uwambara iby'umurimbo. 'Uwiteka abwira Mose ati "Bwira Abisirayeli uti. 'Muri ubwoko

butagonda ijosi, nagendera hagati muri mwe n'akanya gato nabarimbura. Nuko mwiyambure iby'umurimbo byanyu, kugira ngo menye uko mbagenza.'" 6Abisirayeli biyambura iby'umurimbo byabo, batangirira ku musozi Horebu no mu rundi rugendo rwabo rwose.

7 Mose ajyana ihema, arishinga hiryá y'ingando z'amabema yabo' ababitaruye, aryita ihema ry'ibonapiro. Uwashakaga Uwiteka wese yavaga mu ngando akajya ku ihema ry'ibonapiro ryari hiryá yabo. 8 Kandi uko Mose yavaga mu ngando akajya muri iryo hema, abantu bose barahagurukaga, umuntu wese agabagara ra mu muryango w'ihema rye, bakamukurikiza amaso bakageza abo yinjirira muri iryo hema. 9 Mose yamara kurynjiramo, ya nk'ingi y'igicu ikamanuka, iga-hagarara mu muryango waryo, Uwiteka akavugana na Mose. 10 Abantu bose bakabona iyo nk'ingi y'igicu ihagaze mu muryango w'iryo hema bagabaguruka, umuntu wese akitukbita hasi mu muryango w'ihema rye. 11 Uwiteka akavugana na Mose barebana nk'uko umuntu avugana n'incuti ye. Mose agasubira mu ngando, ariko **urnufasha we w'umusore, Yosuwa** mwene Nuni ntave muri iryo hema.

Mose yinginga Uwiteka kujuvana n' Abisirayeli, yerekwa ubwiza bwe

12 Mose abwira Uwiteka ati "Dore ujya untegeka uti. 'Jyana ubu bwoko', ntumenyeshe uwo udutumanye. Ariko waravuze uti 'Nkuzi izina kandi wangiri-yeho umugisha.' 13Nuko niba nkugiriye-ho umugisha koko, nyereka imigambi yawe kugira ngo nk'umene, mbone uko ndushabo kukugirirabo umugisha, kandi wibuke yuko ubu bwoko ari ubwawe."

14 Aramusubiza ati. "Ubwanje nza-jyana nawe nkuruhere."

15 Mose aramubwira ati "Ubwawe nutajyana natwe ntudukure ino. 16Ikizamenyekanya yuko jye n'ubwoko bwawe twakugiriyeho umugisha ni iki? Si uko ujyana natwe, bigatuma jye n'ubwoko bwawe dutandukanya n'amahanga yose yo mu isi?"

17 Uwiteka abwira Mose ati "N'icyo uvuze icyo ndagikora, kuko wangiriyeho umugisha nkakumenza izina."

18 Aramubwira ati "Nyereka ubwiza bwawe burabagirana."

19 Uwiteka aramubwira ati "Ubwanjye nzanyuza kugira neza kwaniye kose irnbere yawe, nzivugira mu izina irnbere yawe kundi Uwiteka, kandi nzagirira ubuntu uwo nzagirira ubuntu, kandi nzababarira uwo nzababarira." 2° Kandi ati "Ntiwareba mu maso hanje kuko umuntu atandeba mu maso ngo abeho." 21 Kandi Uwiteka ati "Hariho ahantru bugufi bwanjye, nawe uzabahagarare ku rutare, 22 kandi ubwiza; bwanjye bukikunyuraho, nzagushyira mu busate bw'igitare, ngutwikirizé ikiganza, cyanije ngeze aho mäçira kunyuraho, 23 maze ngutwikurureho ikiganza cyatijye urebe mu mugongo hanjye, ariko mu maso hanjye ntihaboneka."

Uwiteka aha Mose ibindi bisate by'amabuye biriho amategeko
(Guteg 10.1-5)

34 Uwiteka abwira Mose ati "Wi-barize ibisate by' amabuye bibiri bisa n'ibya mbere, nanjye ndandika kuri ibyo bisate arnagambo yari ku bya mbere wamennye. 2 Ejo mu gitondo uzabe witeguye, uzamuke umusozi wa Sinayi mu gitondo umpagaratire imbere ku mutwe wawo. 3 Ntihazagire uwo muzamukana, ntihazaboneke umuntu.. kuri uwo musozi wose, imikumbi n'arnashyo bye kurisha **imbere yawo.**" 4 Mose abaza **ibisate** by'amabuye bibiri bisa n'ibya mbere, azinduka kare mu gitondo azamuka umusozi wa Sinayi uko Uwiteka yamutegese, afashe mu maboko bya bisate by'amabuye byombi.

5 Uwiteka amanukira muri cya gicu ahagararanayo na we, yivuga mu izina ko ari Uwiteka. 6 Uwiteka, anyura irnbere ye arivuga ati "Uwiteka, Uwiteka, Imaña y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinski, 7 igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukurüza babo b'ihiq igihumbi, ibabarira gukiraniwa n'ibicumurö n'ibaya. Ntitsindishiriza.. na hato abo gutsindwa, ihra abana gukiraniwa kwa ba se ikageza ku búzukuru.. n'abuzukuruza n'ubuvivi..".

33.19: Rom 9.15 34.6-7: Kuva 20.5-6; Kub 14.18: Guteg 5.9-10: 7.9-10:?

34.10-28: Kuva 23.14-19; Guteg 7.1-5; 16.1-17 34.13: Guteg 16.21

34.17: Kuva 20.4; Lewi 19.4; Guteg 5.8; 27.15 34.18: Kuva 12.14-20; Lewi 23.6-8: Kub 28.16-25

34.19: Kuva 13.2 34.20: Kuva 13.13

8 Mose yihuta gucerika umutwe yu-namye yikubita hasi.. • Aramubwira ati "Mwami, ubwo none nkugiriyeho umugisha gendera hagati.. muri twe Mwami, kuko ari ubwoko butagonda ijosì.. Ubabarire gukiraniwa kwacu n'ibaya byacu, **utwemere uduhindure umwandu wawe.**"

10 Uwiteka aravuga ati "Dore ndasererana **isezerano:** **nzakorera ibitangaza** imbere y'ubwoko bwawe bwose, bitigeze gukorwa mu isi yose cyangwa mu ishyanga ryose. Abantu bose bakugose bazabona icyo Uwiteka akora, kuko nzagucoresha ibiteye ubwoba. 11 Ujye witondera icyo ngutegeka uyu. munsi: dore nzirukana Abarnori n'Abanyakaniini, n'Abaheti n'Abaferizi, n'Abahivi n'Abayebusi baguhunge. 12 Wirinde ntuzasezerane isezerano na bene ighigugu.. ujyarno, rye kuba nk'umutego hagati.. muri mwe, 13 ahubwo muzasenye ibicaniro byabo, mutembaga ze inkingi z'arnabuye bubatseh, muteme mutsinde ibishushanyo bya Ashera baba-je. 14 Kuko udakwiriye kugira indi mana yose usenga, kuko Uwiteka witwa Ufuha, ari Imana ifuha.

15 "Wirinde gusezerana isezerano na bene ighigugu, kugira ngo ubwo bazatambira ibigirwarnana basaqħana, hatazagira ukurarika.. ukaryá ku ntonorao ye, 16 kandi ugashyingira abahungu.. bawe abakobwa babo, kugira ngo ubwo abo bakobwa bazatambira ibigirwamana byabob, batazosha abahungu bawe kubirarikira.

17 "Ntukiremere ibigirwamana bi-yajigwe.

18 "Ujye uzirħitra irninsi mikuru.. y-imitsirna itasembuwe. Mu minsi irindwi ujje urya imitsima itasembuwe uko nategħetse, mu gihe cyategetswi cyo mu kwezi Abibu, kuko ari ko waviriyemo muri Egipita.

19 "Uburiza bwose ni ubwanjye, ubw'ingabo bwo mu matuħgo yawe yose, mu mashyo no mu mikumbi.. 20 Uburiza bw'indogobe uzabucunguze umwana w'intarna, nudashaka kuyicungura, uzayivune ijosì. Impfura z'abahungu bawze **uzazicungure.**"

"Ntihakagire umuritu.. uza ubusa irnbere yanjye.

ħinkingi ... bubatse: cyangwa, ibishushanyo byaho hyabjawe mu mabuye.

21 "Mu minsi itandatu, ujye ukora, ariko ku wa karindwi ujye uruhuka, no mu ihinga no mu isarura ujye uwuruhukaho.

22 HKandi ujye uziririza umunsi mukuru ukurikira amasabato arindwi, uw'u-muganura' w'isarura ry'ingano, kandi **ujye uziririza umunsi mukuru w'isarura** rya byose wo ku iherezo ry'umwaka.

23 "Uko umwaka utashye, abagabo bo muri mwe bose bajye baboneka imbere y'Umwami Uwiteka Imana y'Abisirayeli, ibihe bitatu. 24 Kuko nzakwirukanirā amahanga akaguhunga, nkagiira ingabano zawe, kandi nta wuzifusa igihugu cyawe, nujya ujya kuboneka imbere y'Uwiteka Imana yawe ibihe bitatu, uko umwaka utashye.

25 "Ntugaturane amaraso y'igitambo ntambiwe n'umutSIMA wasembuwe, kandi igitambo cyo ku mpnsi mukuru wa Pasika cye kurara.

26 "Umuganura. w'ibibanje kwera mu butaka bwawe, ujye uwuzana mu nzu. y'Uwiteka Imana yawe.

"Ntugatekeshe umwana w'ihe ne amahenehene ya nyina."

27 Uwiteka abwira Mose ati "Iyandikire ayo magambo, kuko isezerano nsezeranye nawe n' Abisirayeli, rihagaze kuri ayo magambo." 2. Amaranayo n'Uwiteka **iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, atarya umutSIMA atanya amazi.** Uwiteka yandika kuri bya bisate by'amabuye amagambo y'isezerano. Ni yo ya mategeko uko ari icumi.

Mu maso ha Mose harabagirana

29 Mose amanuka umusozi Sinayi afashe mu maboko ibyo bisate byombi biriho Ibihamya, nuko amanutse uwo musozi ntiyamenya yuko mu maso he harabagiranishijwe n'Uwo bavuganye. 30 Aroni n' Abisirayeli bose barebye Mose babona mu maso he harabagirana, batinya kumwigira hafi. 31 Mose arabahamagara, Aroni n'abatware b'iteraniro ryabo basubira aho ari, Mose ababwira amagambo. 32 Nyuma Abisirayeli bose bamwigira hafi, abategeka ibyo Uwiteka yamubwiriye byose ku musozi wa Sinayi. 33 Mose **amaze kuvugana na bo. atwikira rnu maso he.** 34 Kandi uko Mose yajyaga imbere

y'Uwiteka kuvugana na we, yikuragaho ico gitwikirizo akageza aho asohokera, agasohoka akabwira Abisirayeli ibyo yategetsw. 35 Abisirayeli bakareba mu maso ha Mose bakabona harabagirana, Mose agasubizaho cya gitwikirizo, akageza aho yongerera kuvugana n'Uwiteka.

Amaturo yo kuremesha Ihema ry'Imana

35 Mose ateranya iteraniro ry' Abisirayeli ryose arababwira ati "Ibi ni byo Uwiteka yategetse ko mukora; 2 mu minsi itandatu imirimo ijye ikorwa, ariko uwa karindwi ujye ubabera umunsi wera, isabato yo kuruhuka yerejwe Uwiteka, ugira umurimo wose awukoraho azicwe. 3 Ntimugacane umuriro mu buturo bwanu bwose ku munsi w'isabato."

4 Mose abwirā iteraniro ry' Abisirayeli ryose ati "Iki ni cyo Uwiteka yategetse ngo; Mwakire amaturo Uwiteka aturwa na bene wanyu, umuntu wese wemezwā n'umutima we azane ituro atura Uwiteka, ry'izahabu n'ifeza n'umuringa, 6n'ubudo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'u-muhengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza n'ubw'ubwoya bw'ihe, 7n'impu z'amasekurume y'intarna zizigishijwe inzigo itukura, n'impu z'inymasawa zitwa tahashi n'in3bahō z'ibiti byitwa imishita, 'n'amavuta y'amatabaza n'imibavu yo kuvangwa n'amavuta ya elayo yo guslga, n'yo kuvangwa igahinduka umubavu mwiza wo k6sa, 9n'amabuye yitwa shohamu n'andi mabuye yo gukwikirwa, ngo ahundwe ku mwambaro witwa efodi no ku wo ku gituza.

10 "Umuhanga wese wo muri mwe aze areme ibyo Uwiteka yategetse byose; 11 ubuturo n'ihema ryo kubusakara n'ibyo gusakara iryo hema, n'ibikwasibyabwo **n'imbahō zabwo, n'imbumbē zabwo n'inkingi** zabwo n'in3yobō yo kuzishingamo, 12n'isanduku yera n'imijisho yayo, n'intebē y'ihongerero n'umwenda wo gukingiriza ahera cyane, 13n'ameza n'irnijisho yayo n'ibintu.. byayo byose, n'in3itsin3a yo **kurnurikwa,** 14n'igitereko cy'amatabaza yo kumurika n'ibintu.. byacyo, n'amatabaza. yacyo n'antavuta yo kumurikisha, l'n'igicaniro cyo koserezaho in3ibavu n'in3ijisho

34.21: Kuva 20.9-10; 23.12; 31.15; 35.2; Lewi 23.3; Guleg 5.13-14

34.22: Lewi 23.15-21, 39-43; Kub28.26-31 34.25: Kuva 12.10 34.26: Guteg 14.21; 26.2

34.29-35: 2 Kor 3.7-16 35.2: Kuva 20.8-11; 23.12; 31.15; 34.21; Lewi 23.3; Guleg 15.12-14

35.4-9: Kuva 25.1-9 35.10-19: Kuva 39.32-43

yacyo, n'amavuta yo gusIga n'umubavu mwiza, n'umwenda wo gukinga umuryango w'ubwo buturo, ¹⁶ⁿn'igicaniro cyo koserezaho ibitambo; kiribo igisobekerane cyacyo cy'umuringa, n'irnijisho yacyo n'ibantu byacyo byose, n'igikarabiro n'igiteroko cyacyo, ¹⁷ⁿn'imyenda ikinzwe y'urugo rw'ubwo buturo, n'inkingi zayo n'irnyobo yo kuzishingamo, n'umwenda wo gukinga irembo ry'urwo rugo, '8n'mambo' z'ubwo buturo n'iz'urugo rwabwo n'imigozi yazo, ¹⁹ⁿn'imyambaro y'imrimo yera yo gukoreshereza ahera: ni yo myambaro yejejwe yo kwambarwa na Aroni umutambyi n'y'abana be, yo gukoresha umurimo w'ubutambyi."

20 Iteraniro ry' Abisirayeli ryose riragenta, riva imbere ya Mose. ²¹Haza **umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na wo wese.** bazana amaturo batura Uwiteka yo kuremesha rya hemu ry'ibohaniro, n'ayo gukoresha imrimo yaryo yose n'ayo kuremesha ya myenda yejejwe. ²²Haza abagabo, n'abagore, abemejwe n'imitimia yabo bose, bazana impeta zo ku mazuru n'izo ku matwi, **n'izishiyiraho ikimenyetso n'inigi**, byose ari izahabu, bizanwa n'umuntu wese utura Uwiteka ituro ry'izahabu. ²³Kandi urintu wese wari ufite ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza n'ubwoya bw'ibene, n'impu z'amasekurtume y'intama zizigishijwe inzigo **itukura, n'impu z'inymasawa zitwa tahashi**, arabizana. ²⁴Umuntu wese wari ufite icyo atura cy'ifeza cyangwa icy'umuringa, arakizana agitura Uwiteka, kandi umuntu wese wari ufite imbaho z'umushita zavamo ikibiizwa cyo gukoresha umurimo wose w'ubuturo, arazizana. ²⁵Abahanga b'abagore bose barakaraga bazana ibyo bakajaze: ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba n'ubw'ibitare byiza. ²⁶Kandi abagore bose batewe umwete n'ubuhanga bwabo, bakaraga ubwoya bw'ibene. ²⁷Abatware bazana amabuye yitwa shohamu n'andi mabuye yo gukwirwa, ngo ahundwe kuri efodi no kuri wa mwambaro wo ku gituza. **28Bazana n'imibavu n'amavuta ya elayo**, babizanira ya matabaza na ya mavuta yo **gusIga, na wa mubavu w'ikivange mwiza.** ²Abisirayeli, bazana amatuero ava mu

rukundo bayatura Uwiteka, aturwa n'umugabo wese n'umugore wese wemejwe n'umutima we, kuzana ibyo kuremesha ibyo Imana yategetse Mose kurema byose.

30 Mose abwira Abisirayeli ati "Dore Uwiteka yaharnagaye mu izina Besaleli mwene Uri ya Huri, wo mu muryango wa **Yuda, 31 amwuzuza Umwuka w'Imana** ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora, n'ubuhanga n'ubukorikori bwose ³²byo guhimba imirimio y'ubuhanga, no gucura izahabu n'ifeza n'imiringa, ³³no gukeba amabuye yo gukwirwa, no kubaza no kugira ubukorikori n'ubuhanga bwose. ³⁴Kandi yamushiyize mu mutima kwigisha abandi, we na Oholiyabu mwene Ahisamaki, wo mu muryango wa Dani. ³⁵Abo yujuje imitima yabo ubuhanga bwo gukora ubukorikori bwose, bw'umukebyi w'amabuye **n'ubw'umukozi w'umunyabwenge, n'u**bw'kudoda amabara y'imikara ya kabayonga, n'ay'imbengeri n'ay'imihemba n'ay'ibitare byiza, n'ubwo kubohesha imyenda ubudodo bw'igiterane cy'izo n'izigo, n'ubw'abakoresha ubuhanga bwose n'ubw'abahimba imirimio myiza yosc.

36 "Besaleli.. na Oholiyabu bakorane n'umuhanga wese Uwiteka yashiyemo ubuhanga n'ubwenge, bwo kurema ibikoreshwa imirimio y'ubwo buturo bwera byose, barème ibyo Uwiteka yategetse byose."

Ibantu by'ihema bikorwa

2 Mose ahamagara Besaleli.. na Oholiyabu n'umuhanga wese Uwiteka yashiyemo ubuhanga mu mutima we, umuntu wese watewe umwete n'umutima we ngo aze gukora uwo murimo. ³Mose abaha amaturo yose Abisirayeli.. baturiye kurema ibikoreshwa imirimio y'ubwo buturo bwera, ngo babiburemesh. Kandi bakomeza kujya bamuzanira andi maturö ava mu rukundo, ibitondo byose. ⁴Abo bahanga bose baremaga ibyo kuremesha ubwo buturo bwera byose, bava ku mirimo yabo bakoraga ⁵babwira Mose batu "Abantu batuye byinshi bisaze cyane ibyo kuremesha ibyo Uwiteka yadutegetse kurema."

6 Mose ategeka aya magambo, bategeka ko bayamamaza **mu mahema yabo hose**, ngo "Ntibongere kugira umugabo cyangwa

umugore urema ikindi cyo guturira kuremesha ubuturo bwera." Uko ni ko babujije abantu. gutura. 7Kuko ibyo bari bafite byamaraga kurémeshwa byose, bigasaga.

8 Abahanga bose bo mu bakoraga uwo murimo barema ubwo buturo, babusakaza imyenda cumi bayibohesheje ubudodo bw'ibitare byiza bupoheranije, n'ubw'u-mukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhembra, bayibohamo ibishushanyo by'ahakerubi, abahanga aba ari bo babiboha. 0Uburebure bw'umwenda wose buba mikono makumyabiri n'umunani, ubugari bwavo buba mikono ine, imyenda yose iba urugero rumwe. 10Imyenda itanu bayikombata ukwayo, n'i yindi itanu bayikombata ukwayo. 11Kandi badoda, imikondo y'udutambaro, tw'imikara ya kabayonga ku musozo w'umwenda.... uhera igikombate kimwe, badoda yindi nka. yo ku musozo w'umwenda ... uhera ikiindi gikombate. 12Badoda imikondo mirongo itanu **ku mwenda umwe, n'indi mirongo itanu** bayidoda.. ku musozo w'umwenda uhera ikindi gikombate, iyo mikondo irerekera-na. 13Bacura ibikwasu by'izahabu mirongo itanu babifatanisha ibyo bikombate, ubwo buturo buba bumwe.

14 Kandi baboha imyenda yo gusakra **ra y'ubwoya bw'ihene, iba ihema risakara** ubwo buturo, baboha imyenda cumi n'umwe. 14Uburebure bw'umwenda wose buba mikono mirongo itatu, ubugari bwavo buba mikono ine, iyo myenda uko ari cumi n'umwe iba urugero rumwe. 16Bakombata... imyenda itanu ukwayo, n'i-yindi itandatu bayikombata ukwayo. 17Badoda imikondo mirongo itanu **ku musozo w'umwenda uhera igikombate** kimwe, n'indi mirongo itanu bayidoda ku musozo w'umwenda uhera ikiindi gikombate. 18Bacura ibikwasu by'imiringa mirongo itanu byo gufatanisha iryu hema, ngo ribe rimwe. 19Kandi baciranya igisaka iryu hema mu mpu z'amasekurume y'intama zizigishijwe inzigo itukura, bakirenzaho igiciranje cy'impu z'inymama-swa zitwa tahashi..

20 Kandi babaza imbaho z'imiganda y'ubwo buturo mu mushita, barazishinga. 21Uburebure bw'urubaho rwose buba **mikono cumi, ubugari bwarwo buba** mukono umwe n'igice. 22Kandi ku ruba-ho **rwose haba inkarwe ebyiri zifatanye,**

aba ari ko bazibaza ku mbaho z'ubwo buturo zose. 23Babaza imbaho z'imiganda yabwo, iz'uruhande rw'iburyo ziba makumyabiri. 24Kandi bacura imyobo mirongo ine mu ifeza, yo kuba hasi y'izo mbaho uko ari makumyabiri, imyobo ibiri yo kuba hasi y'urubaho rumwe, ngo ishingwemo inkarwe zarwo zombi, bityo bityo. 25Kandi babaza imbaho makumyabiri z'urundi ruhande rw'ubwo buturo **rw'ibumoso, 26 bazicurira imyobo miro**ngo ine mu ifeza, imyobo ibiri yo kuba hasi y'urubaho rumwe, bityo bityo. 27Kandi babaza imbaho esheshatu zo mu **mwinjiro w'ubwo buturo, iburengerezuba**. 28Kandi babaza imbaho ebyiri z'imfuruka zabwo zo mu mwinjiro. 20Hasi ziba izivuyemo nk'ebiyiri, kandi ziba imyishyikire zigera ku mpeta ya mbere, aba ari ko bazigira ku mpfukira zombi. 30Ntuko izo mbaho ziba umunani, imyobo y'ifeza zishingwamo iba cumi n'itandatu, imyobo ibiri iba hasi y'urubaho rwose.

31 Kandi baba:zä imbumbé mu mushita, imbumbé eshanu zo ku mbaho z'imiganda y'uruhande rumwe rw'ubwo buturo, 32n'izindi eshanu zo ku mbaho z'ittiganda y'uruhande rwabwo, n'izindi eshanu zo mu mwinjiro wabwo, iburengerezuba. 33Imbumbé yo hagati y'izindi iringanje itibaho, bayibaza ari umyishyikire: 34Kandi izo mbaho baziagirizaho izahabu, bacura impeta mu izahabu zo kuzishyiraho ngo zisesekwemo izo mbumbé, imbumbé na zo baziagirizaho izahabu.

35 Kandi umwenda ukingiriza bawu-bohesha ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umu-hembra, n'ubw'ibitare byiza bupoheranije, bawubohamo ibishushanyo by'abakerubi, abahanga b'ibyo aba ari bo babiboha. 36Bawubariza inkangi enye mu mushita-baziagirizaho izahabu, inkonzo zo kuri zo ziba iz'izahabu. Batekera izo nkinci ifeza, zivamo imyobo "ine yo kuzishingamo. 37Kandi umwenda wo gukinga umuryango w'iryu Hema, bawuremesha ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhembra, n'ubw'ibitare byiza bupoheranije, abahanga b'ibyo aba ari bo bawudodaho amabar. 38Babaza inkangi zawo uko ari eshanu bazishyiraho inkonzo zazo, imi-twe yazo n'imitambiko yo kuri zo bazi-

yagirizaho izahabu, imyobo zishingwamo
uko ari itanu, iba iy'imiringa.

Isanduku yera n'iby'ahera **bindi**
(*Kuva 25.10-30*)

37 Besaleli abaza isanduku yera mu mushita, uburebure bwayo bw'u-murambararo buba mikono ibiri n'igice, ubugari bwayo buba mukono umwe n'i-gice, uburebure' bwayo bw'ighagararo buba mukono umwe n'igice. 2Aiyagirizaho izahabu nziza imbere n'inyma, ayigotesha umuguno w'izahabu. 3 Ayitekeria izahabu zivamo ibifunga bine, abi-shyira ku nkokora zayo zo hepfo uko ari enye, ibifunga bibiri baba mu rubavu rumwe, ibindi bibiri baba mu rundi. 4 Abiiza imijisho mu mushita ayiyagirizaho izahabu. 5 Ashyira iyo mijisho mu bifunga byo mu mbavu z'yo sanduku, ngo bajye bayiremerwa. • Kandi acura **intebe y'ihongerero mu izahabu nziza**, uburebure' bwayo buba mikono ibiri n'i-gice, ubugari bwayo buba mukono umwe n'igice. 7 Kandi arema abakerubi babiri **mu izahabu, abarema mu izahabu icuzwe**, abarema mu mitwe yombi y'yo ntebe y'ihongerero. 8 Arema igishushanyo **cy'umukerubi, kimwe mu mutwe umwe** n'ikindi mu wundi, abicuraná n'intebey'ihongerero mu mitwe yayo yombi. 9 Ibyo bishushanyo by'abakerubi bitanda amababa yabyo hejuru, ngo biyakingiri-she iyo ntebe y'ihongerero, birerekerana bireba iyo ntebe y'ihongerero.

10 Kandi abiiza attieza amwe mu mushita, uburebure bwayo bw'umurambararo buba mikono ibiri, ubugari bwayo buba mukono umwe, uburebure bw'ighagararo buba mukono umwe n'igice. 11 Ayayagirizaho izahabu nziza, ayagotesha umuguno w'izahabu. 12 Ayabiiriza igikomeza amaguru.. kiyagose, ubugari bwacyo ,buba igice cya mukono, akigotesha umuguno w'izahabu. 13 Ayatekeria izahabu zivamo ibifunga bine, abi-shyira ku nkokora uko ari enye ziri ku maguru, yayo uko ari ane. 14 Ibyo bifunga baba hafi y'igikomeza amaguru.. baba ibyo gushyirwamó' imijisho yo kuremerezwa ameza. 15 Abiiza imijisho mu mushita ayiyagirizaho izahabu, ngo abe ari yo ijya **iremerezwa ayo meza.** 16 **Acura ibintu** byo kuba kuri yo: amasahaní n'udukombe kuri yo, n'imperezó n'ibikombe

byo kuri yo byo gusukisha amaturo y'ibokunywa, abicura mu izahabu nziza.

Igitereko cy'amatabaza
(*Kuva 25.31-40*)

17 Kandi arema igiterekoy cy'amata-baza **mu izahahu nziza, akirema mu** izahabu icuzwe, indiba yacyo n'umubyimba wacyo, kandi ibikombe n'ibibumba-bumbye n'uburabyo byo kuri cyo, bicu-ranwa na cyo.

18 Kandi gishariika attashami atandati, amashami atatú y'icyo giterekoy **ashamik.a mu rubavu rumwe, n'ayandi atatu mu rundi.** 19 Ishami **rimwe rigira** ibikombe bitatú bisa n'uburabyo bw'indozi, cyose gifatanye n'ikibumbabumbye n'ururabyo, n'iro y ku rundi rubavu rigira ibikombe bitatu bisa n'uburabyo bw'indozi, cyose gifatanýe n'ikibumbabumbye n'ururabyo. Amashami yose uko ari atandatu ashantse kuri icyo giterekoy, aba ari ko aiiiera. 20 Umubyimba wacyo ugira ibikombe bine bisa n'uburabyo bw'indozi, n'ibibumbabumbye n'ubura-byo bifatanye na byo. 21 Ikbumbabumbye kiba munsi y'amashamí abiri acuranywe na cyo, n'ikindi kiba munsi y'andi mashamí abiri acuranywe na cyo, n'ikindi kiba munsi y'andi mashamí abiri acuranywe na cyo, uko amashami ashantse kuri icyo giterekoy ari atandatu. 22 Ikbumbabumbye byacyo n'amashami yacyo acurantwa na cyo, cyose gicurirwa hamwe mu izahabu **nziza.** 23 **Acura amatabaza yacyo arindwi** n'icyuma cyacyo cyo gükuraho ibishirira, n'udushani two kubishirira. Ibyo byose abicura mu izahabu nziza. 24 Icyo giterekoy n'ibintu byacyo byose, abirema mu italanto y'izahabu nziza.

Igicaniro cyo koserezaho imibavu
(*Kuva 30.1-5; 22-38*)

25 Kandi ahaza igicaniro cyo koserezaho imibavu mu mushita, uburebure bwacyo bw'umurambararo buba mukono umwe, n'ubugari bwacyo buba mukono umwe, kingana impande zose. Uburebure bw'ighagararo buba mikono ibiri, aki-bazanya n'amahembe yacyo. 2. Akiyagirizaho izahabu nziza hejuru yacyo, no mu mbavu zacyo impande zose no ku mahe-mbe yacyo, kandi akigotesha umuguno w'izahabu. 27 Agicurira ibifunga bibiri mu izahabu, abishyira munsi y'umuguno wacyo ku mbavu zacyo zombi, baba ibyo

gusesekwamo imijisho ikiremerezwa. 28Iyo mijisho ayibaza mu mushita, ayiyagirizaho izahabu.

29 Arema amavuta yera yo gusTga n'umubavu .mwiza w'ikivange, nk'uko abahaha bawinjiza.

Igicaniro cyo koserezaho ibitambo
(*Kuva 27.1-8; 30.18*)

38 Kandi abaza igicaniro cyo kose-rezaho ibitambo mu mushita, uburebure bwacyo bw'umurambararo buba mikono itanu, n'ubugari bwacyo buba mikono itanu, kingana impande zose, uburebure bw'ighagararo buba mikono itatu. 2Mu nkokora zacyo uko ari enye abazaho amahembe, ayabazanya na cyo akiyagirizaho. imiringa. 3 Kandi acura ibantu byacyo byose; ibibindi n'ibantu byo kuyoza ivu, n'inzabya n'ibyo kwaruza inyama n'ibyo gushyiramo umuriro w'amakara. Ibantu byacyo byose **abicura mu miringa**. 4 **Agicurira mu miringa igisobekerane nk'urushundura**, agishyira munsi y'umuguno ugose icyo gicaniro, **gihera hasi kiringaniza igicaniro**. 5 Ateka imiringa ivamo ibifunga bine, abishyira ku nkokora z'icyo giso-bekerane cy'umuringa uko ari enye, ngo bisesekwemo imijisho. 6 Abaza iyo mijisho mu mushita ayiyagirizaho imiringa. 7 Ayiseseka muri ibyo bifunga byo mu mbavu z'igicaniro ngo bajye bayiki-remereza, akibaza mu mbaho kiba umu-rangara mu nda.

8 Kandi acura igikarabiro mu miringa, n'igitereko cyacyo agicura mu miringa, **abicura mu miringa y'indorerwamo z'abagore** bateraniraga gnkorera ku mu-yango w'ihemba ry'ibonaniro.

Iby'urugo **rw'ubuturo** bwera
(*Kuva 27.9-19*)

9 Kandi akora urugo rw'ubwo buturo: iburyo ruba imyenda ikinzwe ibohe-shejwe ubudodo bw'ibitare byiza bubo-heranije, **umuheruru warwo uba mikono ijana**. 10Inkingi zayo ziba makumyabiri.. n'imyobo yo kuzishingamo iba makumyabiri, **bicurwa mu miringa**. **Inkonzo** zo kuri izo nkingi n'imitambiko yo kuri zo bicurwa mu ifeza. 11No mu ruhande rw'ibumoso, umuhururu w'urugo uba mikono ijana, inkingi z'imyenda yarwo ziba makumyabiri, n'imyobo yo kuzishingamo iba makumyabiri, bicurwa mu

miringa. Inkonzzo zo kuri izo nkingi n'imitambiko yo kuri zo bicurwa mu ifeza. 12Mu ruhande rw'iburengerezuba urugo ruba imyenda ikinzwe, ubugari **bwarwo buba mikono mirongo itanu**, inkingi zayo ziba icumi, n'imyobo yo kuzishingamo iba icumi. Inkonzzo zo kuri izo nkingi n'imitambiko yo kuri zo **bicurwa mu ifeza**. 13 **Mu ruhande rw'i**-burasirazuba, ubugari bw'urwo fugo bu-ba mikono mirongo itanu. 14Mu ruhande **rw'irembo rurhwe**, ubugari **bw'imyenda ikinzwe buba mikono cumi n'itanu**. Inkingi zayo ziba eshatu, n'imyobo yo **kuzishingamo iba itatu**, 1500 mu rundi ruhande rwaryo aba ari ko bimera: mu **mpande z'irembo z'urwo rugo zombi**, ubugari **bw'imyenda ikinzwe buba mikono cumi n'itanu cumi n'itanu**. Inkingi zayo ziba eshatu eshatu, n'imyobo yo kuzishingamo iba itatu. 16Imyenda ikinzwe y'urwo rugo y'imande zose yari iboheshejwe ubudodo bw'ibitare byiza buboheranije. 17Imyobo yo **gushingamo inkingi zarwo yari icuzwe mu miringa**, **inkonzo zo kuri zo n'imitambiko** yo kuri zo byaj iicuzwe mu ifeza, imitwe y'izo nkingi yari iyagirijweho ifeza. Inkingi zose z'urwo rugo zari zifite imitambiko y'ifeza yo kuzifatanya. 18Irembo ry'urwo rugo ryugarirwa n'imyenda yaremwe n'abahaha bo kudoda amabara, bayiresmesheje ubudodo bw'u-mukara wa kabayonga, **n'ubw'umuhe-nger** n'ubw'umuhembra, n'ubw'ibitare byiza buboheranije. Ubugari bwayo bu-ba mikono makumyabiri, uburebure bw'ighagararo buba mikono itanu bure-shya n'ubw'iyindi myenda ikinzwe y'u-rwo fugo. 1.Inkingi zayo ziba enye n'imyobo yo kuzishingamo iba ine, **bicurwa mu miringa**; **inkonzo zo kuri zo zicurwa mu ifeza**, imitwe y'izo nkingi iyagirizwaho ifeza, imitambiko yo kuri zo **icurwa mu ifeza**. 2^o**Imambo z'ubwo buturo** n'iz'urugo rubugose impande zose **zicurwa mu miringa**.

21 Uyu ni wo mubare w'ibyaturiwe ubwo buturo, ubuturo bw'Tbihamyia n'ibyo babiresmesheje nk'uko Mose yategetse ko bibarwa. Abalewi aba ari bo babibara bararishwa na !tamari, mwene Atoni umutambyi.

22 Besaleli mwene Uri ya Hurí, wo mu muryango wa Yuda, arema ibyo Uwiteka ategetse Mose byose. 23Afatanya

na Oholiyabu mwene Ahisamaki wo mu muryango wa Dani, umukebyi w'amabuye n'umuhanga wo guhimba, n'umudozi w'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuliengeri n'ubw'umuhemba n'ubw'ibitare byiza.

24 Izahabu zose baremesheje ibyaremewe ubuturó bwera byose, izahabu za ya maturo, zari italanto i makumyabiri, n'icyenda na shekeli magana arindwi na mirongo itatu, zigezwe kuri shekeli y'ahera. 25 Ifeza z'ababazwe bo mu iteraniro zari italanto ijana, na shekeli ighumbi na **magana arindwi na mirongo irindwi n'eshanu**, zigezwe kuri shekeli y'ahera. 2. Ni zo maturo y'abagabo uduhumbi dutandatu n'ibihumbi bitatu na magana atanu na mirongo itanu. Umugabo wese ugiye mu babazwe, umaze imyaka makumyabiri, avutse cyangwa isaga atura beka imwe. Ni yo gice cya kabiri cya shekeli igezwe kuri shekeli y'ahera. 27 Izo talanto z'ifeza uko ari ijana, zari izo gutekwa ngo zivemo irnyobo yo gushingamo inkinci z'ihema ryera, n'iza wa mwenda ukiringira ahera cyane. Imyobo ijana iva muri izo talanto uko ari ijana, umwobo wose **uva mu italanto imwe.** 28 Za shekeli na 20 uko ari ighumbi na magana arindwi na **mirongo irindwi n'eshanu, azicuramo** inkonzo zo ku rikungi n'imtambiko, yo kuri zo, kandi aziyagiriza ku mitwe yazo. 29 Kandi imiringa y'amaturomo yari italanto mirongo irindwi, na shekeli ibihumbi **bibiri na magana ane.** 30 Na yo ayicuramo imyobo yo gushingamo inkinci za wa mwenda wo gukinga umuryango w'ihema ry'ibonapiro, **ayicuramo na cya gicaniro** cy'umuringa n'igisobekerane cyacyo cy'umuringa, n'ibantu byacyo byose, n'emyobo yo gushingamo inkinci z'urugo z'impande zose, n'yo gushingamo iz'irembo ry'arwo, n'imambo z'ubwo buturo zose n'iz'urugo rwahwo rubugose impande zose.

Imyambaro y'abatambyi

(Kuva 28.1-43)

39 Bwa budodo bw'umukara wa kabayonga n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba, babubohesha imyambaro y'imrimo yera yo gukoreshereza Ahera, babubohesha imyambaro yejejwe yo

kwambarwa na Aróni, uko Uwiteka yategetse Mose.

2 Besaleli aremeshe efodi imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza bupoheranje. 3 Izahabu bazicuratmo ibihwahwari babikebambo imikwege, bayitezamabara ku mikara ya kabayonga, no ku mihengeri no ku mihemba, no ku bitare byiza byo muri efodi, abahanga b'ibyo aba ari bo babikora. 4 Babohera efodi imishumi yo ku ntugu yo kuyifatanya, ifatanya imitwe yayo yombi, 5 Umushumi uboshywe n'abahanga uyirijo wo kuyikenyeza ubohwa nka yo birabohnwa. Bawuremesho imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara, wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza bupoheranje uko Uwiteka yategetse Mose.

6 Batunganya ya mabuye yitwa shohamu bayakwikira mu izahabu yo kuyakomeza, yandikishijweho gukeba amazina y'abana ba Isirayeli, nk'uko bakeba ku ibuye rishyiraho ikimenyetso. 7 Besaleli ayashyira kuri ya mishumi ya efodi yo ku ntugu, ngo abere Abisirayeli amabuye yo kwibukwa, uko Uwiteka yategetse Mose.

8 Kandi aboha wa mwambaro wo ku gituza, abahanga b'ibyo barawuboha, uko efodi yaboshywe aba ari ko bawuboha. Bawuremesho imikwege y'izahabu n'ubudodo bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba, n'ubw'ibitare byiza bupoheranje. • Ungana impande zose kandi bawurema int'kubiran: uburebure bwawo buba igice cya mukono, n'ubugari bwawo buba igice cya mukono ari. inkubiran. '0 Bawuhundamo amabuye y'impushya enye: habanza uruhushya rw'amabuye yitwa odemu na pitida na bareketi, 11 urwa kabiri ni urw'ayitwa nofekina na safro na yahalomu, 12 urwa gatatu ni urw'ayitwa leshemu. na shevo na akilama, 13 urwa kane ni urw'ayitwa tartushishi na shohamu na yasipi, akwikirwa mu izahabu iyakomeza. 14 Ayo mabuye anganya umubare n'amazina y'abana ba Isirayeli, aba cumi n'abiri, nk'uko amazina yabo ari. Aba **ayimiryango uko ari cumi n'ibir, izina**

ry'umuryango ryandikishwa gukeba ku ibuye bityo bityo, nk'uko bakeba ku ibuye rishyiraho ikimenyetso. 15 Kandi bacurira uwo mwambaro wo ku gituza imikufi y'izahabu nziza y'imboherane, isa n'imigozi. 16 Kandi bacura mu izahabu udufunga tubiri n'impeta ebyiri, bahu-**nda izo mpeta zombi ku mitwe y'uwo** mwambaro yombi. 17 Bahotorera iyo mikufi yombi y'izahabu y'imboherane muri izo mpeta zombi, zo ku mitwe yombi y'uwo mwambaro wo ku gituza. 18 Indi mitwe yombi y'iyo mikufi y'imboherane yombi bayihotlera muri twa dufunga twombi, baduhunda kuri ya mishumi ya efodi yo ku ntugu, mu ruhande rw'imberre. 19 Kandi bacura impeta ebyiri mu izahabu, bazihunda ku mitwe yombi y'uwo mwambaro wo ku gituza **ku musozo wawo, mu ruhande ruhera kuri** efodi iri imbere yawo. 20 Bacura izindi mpeta ebyiri mu izahabu, bazihunda ku mishumi yombi ya efodi yo ku ntugu imbere, ahagana hasi hafi y'aho ifatanira na efodi, haruguru ya wa mushumi waboshywe n'abahanga ukeneza efodi. 21 Kandi uwo mwambaro wo ku gituza, bawufatanisha ku mpeta zo kuri efodi agashumi kaboheshejwe ubudodo bw'umukara wa kabayonga gaciye mu mpeta zo kuri wo, kugira ngo ube kuri wa mushumi wa efodi waboshywe n'abahanga, uwo mwambaro wo ku gituza we gupfundurwa kuri.. efodi, uko Uwiteka yategetse Mose.

22 Kandi ikanzu iriho efodi Besaleli ayibohesha ubudodo bw'umukara wa kahayonga busa, **23 igira umwenge wo guci-shamo umutwe hagati yayo usa n'uwi-koti ry'icyuma, ugotta n'urnusozo** uboshywe kugira ngo idasaduka. 24 Ku musozo wayo wo hepfo badodaho ibisa n'imbuto z'amakomamanga, biboheshejwe ubudodo buboheranje bw'umukara wa kabayonga, n'ubw'umuhegeri n'u-bw'umuhemba. 25 Bacura imidende mu izahabu nziza, bayihunda hagati y'ayo makomamanga ku musozo w'yo kanzu **wo hepfo, ngo iwugote impande zose,** iyarobekwano. 26 Umudende w'izahabu urobekwa hagati y'amakomarnanga abiri bityo bityo, bigota umusozo wo hepfo w'yo kanzu impande zose, kugira ngo byambarwe n'ukora umurimo w'ubutambyi uko Uwiteka yategetse Mose.

27 Kandi babohera Aroni n'abana be amakanza abanza ku mubiri y'ibitare byiza, 28 n'igitambaro cy'ibitare byiza cyo kuzingirwa mu mutwe, n'ingofero. **nziza z'ibitare byiza, n'amakabutura y'i-bitare byiza** by'ubudodo buboheranije, 29 kandi baremesha umushumi ubudodo bw'ibitare byiza buboheranije n'ubw'u-mukara wa kabayonga, n'ubw'umuhegeri n'ubw'umuhemba, abahanga b'ibyo bawudodaho amabara tuko Uwiteka yategetse Mose.

30 Kandi bacura mu izahabu nziza **igisate, ari cyo gisingo cyera.** Maze nk'uko bakeba ku ibuye rishyiraho ikimenyetso, bacyandikishaho gukeba uru rwandiko ngo "YEREWE UWITEKA." 31 Bagipfundikaho agashumi kaboheshejwe umukara wa kabayonga, ko kugifatanya hejuru ya cya gitambaro cyo kuzingirwa mu mutwe, uko Uwiteka yategetse Mose.

Umurimo wo kiibaka urarangira (Kuva 35.10-19)

32 Uko ni ko umurimo wose wo kurema ubwo buturo' bw'ihema ry'ibonaniro warangiye. Abisirayeli.. bakora byose uko Uwiteka yategetse Mose, aba ari ko bakora.

33 Bazanira Mose ubwo buturo, ihe-ma n'ibantu byaryo byose: ibikwasi byaryo n'imbaho zaryo n'imbumbbe zaryo, n'inkingi zaryo n'imyobo yo kuzishingamo, 34 n'igisakara cyaciranijwe mu mpu z'amasekurume y'intarna. zizigishijwe inzigo itukura, n'icyaciranijwe mu mpu **z'inymasawa zitwa tahashi, u'umwenda wo gukingiriza Ahera cyane, 35 n'isanduku y'Ibihamya n'imijisho yayo n'intebey'ihongerero,** 36 n'ameza n'ibantu byayo byose n'imitsima yo kumurikwa, 37 n'igitereko cy'amatabaza cy'izahabu **nziza, n' amatabaza yacyo yo gushyirwa ahayo, n'ibantu byacyo byose n'-mavuta yo kumurikisha,** 38 n'igicaniro cy'izahabu **n'amavuta yo gusTga n'umubavu mwiza,** n'umwenda wo gukinga umuryango **w'ryo Hema,** 39 n'igicaniro cy'umuringa **u'igisobekerane cyacyo cy'umuringa, n'imijisho yacyo n'ibantu byacyo byose, n'igikarabiro n'igitereko cyacyo,** 40 n'myenda ikinzwe y'urugo rw'ubwo buturo, n'inkingi zarwo n'imyobo yo kuzishingamo, n'umwenda wo gukinga irembo **ry'urwo rugo n'imigozi yarwo, n'imambo**

zarwo n'ibantu byose byo gukoresha imirimo y'ubwo buturo; ni bwo hema **ry'ibonaniro**, **ni n'emyambaro y'imirimo** yera yo gukoreshereza Ahera: ni yo myambaro yejejwe yo kwambarwa na **Aroni umutambyi**, **n'iy'abana be yo** gukoresha umurimo w'ubutambyi. 42Uko Uwiteka yategetse Mose kose, aba ari ko Abisirayeli babikora byose. 4JMose yitegerezia ibyo baremye byose, abona babikoze uko Uwiteka yategetse. Uko ni ko babikoze. Mose abasabira umugisha.

Mose ashinga Ihema

40 Uwiteka abwira Mose ati 2 "**Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa** mbere uzashinge ubuturo. Ni bwo hema ry'ibonaniro.. 3 Ushyiremo isanduku y'l_bihamya uyikingiririshe wa mwenda. 4 Winjizemo n'ameza ushyire ibyo kuyaterkaho mu buterekho bwabyo, winjize n'igitereko cy'amatabaza, ukongeze amatabaza yacyo. 5 Kandi igicaniro, cy'i-zahabu cyo koserezaho imibavu uzagishyire imbere y'iyo sanduku y'l_bihamya, kandi uzakinge umwenda mu muryango w'ubwo buturo. • Ushyire igicaniro, cyo koserezaho ibitambo imbere y'umuryango w'ubwo buturo. Ni bwo hema ry'ibonaniro. 7 Ushyire igikarabiro hagati y'hema ry'ibonaniro n'icyo gicaniro, ugisukemo amazi. 8 Ushinge urugo rugote ubwo buturo, ukinge umwenda mu irembo ryarwo.

9 "Wende ya mavuta yo gusiga, uysige ubwo buturo n'ibirimo byose, ubwezanye n'ibantu byo muri bwo byose. Ni ho buzaba ubwera. 10 Usige n'icyo gicaniro cyo koserezaho ibitambo n'ibantu byacyo byose, ucyeye. Ni ho kizaba **icyera cyane**. **n USlge n'icyo gikarabiro** n'igitereko cyacyo, ucyeye.

12 "Uzane Aroni n'abana be ku muryango w'hema ry'ibonaniro, ubuhagiri-reho. 13 Wambike Aroni ya myambaro **yejejwe**, **umusIge**, **umwerez e kugira ngo** ankorere umurimo w'ubutambyi. 14 Uzane n'abana be ubambike amakanzu, **is ubasIge nk'uko waslze se**, **kugira ngo** bankorere umurimo w'ubutambyi. Uko gusigwa kwabo kuzababera ubutambyi **budakuka mu** bihe byabo byose."

16 Mose agenza atyo, uko Uwiteka yamutegetse kose, aba ari ko akora. 17 Nuko mu kwezi kwa mbere ko mu **mwaka wa kabiri, ku munsi wako wa** mbere, ubwo buturo burashingwa. 18 Mose arabushinga, ashyiraho imyobo yo gushingamo ibyabwo, ashinga imbaqo z'imiganda .. yabwo azishyiraho, imbumbe zazo, ashinga inkingi zabwo. 19 Asakaza ubwo buturo ihema, arishyiraho na ryo ibirisakara.. uko Uwiteka yategetse Mose. 20 Yenda bya Bihamya abishyira murj ya sanduku, ayishyiraho imijisho yayo, ashyira hejur yayo intebi y'ihongerero. 21 Injiza iyo sanduku mu buturo, akinga umwenda wo gukingiriza Ahera cyane, awukingiririsha isanduku y'l_bihamya, uko Uwiteka yategetse Mose.

22 Kandi ashyira.. ameza mu ihema ry'ibonaniro.. mu ruhande rw'ubwo butu-ro **rw'ibumoso**, **inyuma ya wa mwenda** ukingiriza Ahera cyane. 23 Ayaterekaho imitsima imbere y'Uwiteka, umutsima wose mu buterekho bwawo, uko Uwiteka yategetse Mose. 24 Ashyira igitereko **cy'amatabaza mu ihema ry'ibonaniro** kibangikana n'ayo meza, kiba mu ruhande rw'ubwo buturo, rw'iburyo. 25 Agi-shyiraho amatabaza imbere y'Uwiteka, uko Uwiteka yategetse Mose. 2. Ashyira, igicaniro cy'izahabu mu ihema **ry'ibonaniro**, **inyuma ya wa mwenda** ukingiriza Ahera, akiwegereje, 27acyose-rezaho umubavu w'ikiyange, uko Uwiteka yategetse Mose. 28 Akinga umwenda mu muryango w'ubwo buturo. 29 Ashyira igicaniro cyo koserezaho, ibitambo imbere y'umuryango w'ubwo buturo. Ni bwo hema ry'ibonaniro.. Agitambiraho, igitambo cyoswa n'ituro ry'ifu, uko Uwiteka yategetse Mose. 30 Ashyira igikarabiro, **hagati y'hema ry'ibonaniro n'icyo gica-niro**, agisukamo amazi yo kwiyuhagiza. 31 Mose na Aroni n'abaña be **bakajya** bagikarabiramo, bakacyogeramo ibirenge 32 uko bagiye kwinjira mu ihema ry'ibonaniro, kandi uko bagiye kwegera icyo gicaniro.. bakajya bakaraba **bakoga** ibirenge, uko Uwiteka yategetse Mose. 33 Ashinga urugo rugota ubwo buturo n'icyo gicaniro, akinga umwenda mu irembo ryarwo. Uko ni ko Mose yarangije **uwo murimo wose**.

**Ubwiza bw'Uwiteka bwuzura
ubwo buturo**
(*Kub 9.15-23*)

34 Maze cya gicu gilwikira ihema ry'ibonaniro, ubwiza bw'Uwileka burabagirana bwuzura ubwo buturo. "Mose ananirwa **kwinjira mu ihema ry'ibonaniro** kuko icyo gicu cyari kiririho, ubwiza bw'Uwileka bukuzura ubwo buturo.

³⁶ Kandi mu rugendo rwabo rwose uko icyo gicu cyalerurwaga kuri ubwo buturo, Abisirayeli barahagurukaga bakagenda, ³⁷ ariko icyo gicu kilaterurwaho nlibagende, bakageza umunsi giteruriweho. ³ Kuko igicu cy'Uwiteka cyabaga kuri ubwo buturo ku manywa, hakabamo **umuriro njoro mu maso y'inzu ya Isirayeli** yose, mu rugendo rwabo rwose.